

IKINYARWANDA

**IMYANDIKO
MFASHANYIGISHO**

UMWAKA WA MBERE

Igitabo cy'umunyeshuri



ISHAKIRO

IRIBURIRO	vi
INDIRIMBO Y'UBAHIRIZA IGIHUGU	1
UMWANDIKO: INZOVU NA RUSAKE	2
IZINA BWITE N'IZINA RUSANGE	6
UBUMWE N'UBWINSHI BW'AMAZINA	8
AMATEGEKO YEMEWE Y'IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA	12
IBIMENYETSO BIGARAGAZA UPUTINDE N'IMITERERE Y'AMASAKU	22
UTUREMAJAMBO TW'IZINA MBONERA RY'IKINYARWANDA	25
URUBYIRUKO RWISHIMIYE GAHUNDA YO GUKEBWA	27
INTERURO Y'INYABUMWE	29
IMIKORESHEREZE Y'INYUGUTI NKURU N'UTWATUZO	30
INDYOHESHABIRAYI	34
UBUTINDE BW'IMIGEMO N'IMITERERE Y'AMASAKU	38
AMASAKU	40
IBINTU NI UBUSA KO MWUNGERI WA NYANKAKA	42
IBICE BIGIZE UMWANDIKO	47
IHNAMWANDIKO	48
UTUREMAJAMBO TW'IZINA MBONERA RY'IKINYARWANDA	50
AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI	51
IBISAKUZO	53
IMIGANI Y'IMIGENURANO	54
INSIGAMIGANI NYITIRIRO	55
UBURINGANIRE	62
UBUMWE N'UBWIYUNGE	65
TWIBUKE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI 94	68

UMUCO NYARWANDA: KWAMBARA, KWIRIMBISHA,	71
INKURU ISHUSHANYIJE	75
GUHIMBA UMWANDIKO	76
URUBYIRUKO RUKWIRIYE GUTOZWA UMUCO W'AMAHORO	79
URWENYA, BYENDAGUSETSA	83
ITERAMBERE RY'URUBYIRUKO	85
IBARUWA ISANZWE	87
IBITABO N'INYANDIKO ZINDI ZIFASHISHIJWE	125

IRIBURIRO

Iki gitabo cyateguriwe gufasha abanyeshuri biga ururimi rw'ikinyarwanda mu cyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye muri ibi bihe tugezemo.

Nk'uko abashakashatsi mu by'indimi babivuga, ururimi ni ingobyi isigasiye umuco w'abaruvgura, bityo rukaba indangagaciro, imibereho ya bene rwo ishingiyeho. Gutakaza ururimi rwawe, ni nko gutakara nawe ubwawe.

Turashimira cyane abashinzwe gутегура gahunda y'uburezi mu Rwanda kuko ikibazo cy'ururimi rw'ikinyarwanda bakibonye ritararenga maze bongera umubare w'amasha rwigwa mo mu cyumweru.

Iyo bitaba ibyo, urubyiruko rwacu rwo Rwanda rw'ejo rwari ruharenganiye. Banyeshuri rero mukore uko mushoboye ayo masaha iri somo ryahawe muyabyaze umusaruro mu gukunda ururimi rwacu dore ko hari na bamwe muri mwe bazarubyazamo ibibatunga.

Iki gitabo cyateguwe ku buryo bukurikije integanyanyigisho y'ikinyarwanda mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye. Iki gitabo kirimo amasomo n'imyitoto ikorwa kuri buri somo.

Nk'uko byari bimenyerewe mu bihe byashize, wasangaga umwarimu ari we zingiro ry'isomo, ibyo bikabuza abanyashuri kugira imyumvire ishishoza, ibafasha kuvumbura ubumenyi bo ubwabo. Iki gitabo gikemura icyo kibazo, kuko umunyeshuri ari we giha uruhare runini mu ishuri, umwarimu akaza amwunganira.

Ni muri uru rwego, uretse kuba kirimo ibiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko zinyuranye cyahaye umwanya uhagije abanyeshuri kugira ngo bivumburire, bagire imitekerereze ijora, ishma cyangwa ikanenga aho bibaye ngombwa.

Imimaro ine yitabwaho iyo bigisha ururimi ni yo iki gitabo cyubakiyeho: kuvuga, gusoma, kwandika, kumva.

Mu kuvuga hateganyijwe imivugo, amagorane, byendagusetsa, ibisakuzo, ibiganiro mpaka, guca imigani bityo urubyiruko rwacu rwari rutangiye kuvuga igisa n'ikinyarwanda rubonereho umwanya wo kuvuga ikinyarwanda kidakocamye.

Mu rwego rwo guteza imbere imisomere myiza; hateguwe imyandiko ihagije izafasha umunyeshuri gusoma neza.

Imyitoto ku myandikire, amategeko y'imyandikire yemewe y'ikinyarwanda nk'uko akurikizwa kugeza ubu, byitaweho kugira ngo abakiri bato batozwe kwandika ururimi rwacu uko byagenwe.

Kumva ikinyarwanda uko kivugwa ni umwitoto ukorwa buri munsi, kuko iyo bajya impaka, batega amatwi bagenzi babo basoma; baba bakora uwo mwitoto. Nitwiyibagize rero ko ibi byose bishingiye ku kibonezamvugo ari cyo gitanga amategeko yose abene rurimi bakurikiza iyo bakoresha ururimi rwabo.

Munyeshuri rero ngaho tegura ejo hazaza hawe heza ukunda ururimi rw'ikinyarwanda, ni ho n'ubundi buhanga uzabushingira.

INDIRIMBO Y'UBAHIRIZA IGIHUGU


Rwanda nziza gihugu cyacu
Wuje imisozi, ibiyaga n'ibirunga
Ngobyi iduhetse gahorane ishya.
Rekatukurate tukuvuge ibigwi
Wowe utubumbiye hamwe twese
Abanyarwanda uko watubyaye
Berwa, sugira, singizwa iteka.

Horana Imana murage mwiza
Ibyo tugukesha ntibishyikirwa:
Umuco dusangiye uraturanga
Ururimi rwacu rukaduhuza
Ubwenge, umutima, amaboko yacu
Nibigukungahaze bikwiye
Nuko utere imbere ubutitsa.

Abakurambere b'intwari
Bitanze batizigama
Baraguhanga uvamo ubukombe
Utsinda ubukoroni na mpatsebihugu
Byayogoje Afurika yose
None uraganje mu bwigenge
Tubikomeyeho uko turi twese.

Komeza imihigo Rwanda dukunda
Duhagurukiye kukwitangira
Ngo amahoro asabe mu bagutuye
Wishyire wizane muri byose
Urangwe n'ishyaka, utere imbere
Uhamye umubano n'amahanga yose
Maze ijabo ryawe riguhe ijambo.

UMWANDIKO: INZOVU NA RUSAKE



Intego: Isomo rirarangira abanyeshuri bashobora gusoma umwandiko badategwa, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

(Igishushanyo inzovu, rusake, Imana, ishyamba)



Rusake yakubereye aho ikabana n'abantu, ikabika mu rukerera na nimunsi, igakunda kwiba ibigori bihunguye n'amaska, bayibona bakayirukanana. Bukeye irivumbura, iti «urabona

aba bantu uko bamfashe»! Ndabakangura, nkabamenyesha ko bukeye, najya kwitorera utugori aho batwanitse, bakantera ibuye, najya kumira udusaka bakanyirukana, kandi bo barara mu birago, njyewe bakampa igiti ngo abe ari cyo ndaraho imbeho inyica»! Iti «ibi si byo, ngiye kubitekerereza Imana». Rusake iragiye, igeze mu nzira ihura n'inzovu. Inzovu iti «ese rusake ko wasokoje isunzu ukiye he»?

Rusake iti «ngiye kurega abantu ku Mana. Bandaza ku gitu, bakambuza no kwirira utugori n'amasaka baba banitse». Inzovu iti “wararenganye koko”.

(Igishushanyo inzovu, rusake, Imana, ishyamba




Iti “ariko nanjye sinezerewe. Urabona uko ngana uku, najya kubyara nkabyara akana kamwe gusa. Imbeba ibyara benshi, inkwavu zo ntuvuge, inkoko ni uko”. Iti “nanjye nararenganye, hogi tujyane, njye kubaza Imana icyo yampoye.” Nuko inzovu na rusake biragenda.

Bigeze imbere y’Imana irabibaza iti “ni iki kibazanye”? Rusake iti “Nyagasan, jyewe ndi isaha y’abantu. Mbamenyesha ibihe by’umunsi, kandi nkababyutsa mbaririmbi. Arik bo bambuza kwirira ibigoribihunguye ndetse n’amasa, bakaryama ku buriri mu birago bishyushye kandi byiza, jyewe n’inkokokazi zanjye bakaduha ibiti ngo niturareho.” Rusake irakomeza iti “none ndashaka ngo undenganure”. Imana irabyumva iti “ba uretse”.

Ibaza inzovu iti "wowe se ko mbona wabyibushiye ku isi, urashaka iki"? Inzovu iti "Mana y'i Rwanda, jyewe nibera mu ishyamba, nkirira ibyatsi, nta wundagira, nta wunshora, ariko bakampiga". Iti "kandi rero najya kubyara, nkabyara akana kamwe gusa, udukoko duto two tukabyara benshi; ibyo rero bikambabaza". Imana imaze kumva ibirego byose, irahindukira ibwira rusake iti "wowe wababajwe cyane n'uko batagusasira"? Rusake iti "yeee". Imana iti "genda urare hariya iwanje mu birago bishyushye". Imana ibaza inzovu iti "harya wowe ushaka ko abantu bakugaburira, ukanyabyara abana benshi"? Inzovu iti "yeee". Imana iti "genda ujye hariya bagucumbikire nzagucira urubanza ejo". Bayicumbikira hafi y'ibigega byuzuye amasaka. Ijya mu bigega, amasaka irahekenya, yose arashira.

Bukeye Imana ihamagaza rusake n'inzovu kugira ngo noneho ibacire urubanza. Ibanziriza kuri rusake irayibaza iti "mbega rusa! Ko udaherutse kubika, nkaba mbona n'ibirago byanjye byahindanye, byagenze bite"? Rusake iti "nyagasani kuva nagera aha, ndyama ahashyushye, sinkirimba, sinkimenya umunsi n'ijoro. Naho ibyerekeye ibirago byo ni uko meze! Aho ndaye abantu baramuka bakubura, ndetse no mu muryango w'inzu sintinya kuhituma". Imana iti "urumva rero ko ukeneye abantu bakugirira isuku, no kugira ngo ushabore kubika. Genda rero usubireyo, umwanya wawe ni ho uri". Rusake, iti "kokorikooo"! Ikubita amababa iragenda.

Inzovu irya amasaka



Imana ireba inzovu iti "wa nzovu we nawe dore ibigega byanjye wabiriye urabimara ijoro rimwe gusa Ubwo se iyo nguha ububasha bwo kubyara abana benshi, mwari kuzabona ibyo murya? Hogi genda, ibyo naguhaye biragukwiriye". Inzovu ikubita umutonzi, igenda itigita, yisubirira mu ishyamba. Rusake nayo itaha ku mutambiko wayo. Ngo bujye gucya

iti “kokorikooo”? Iti “ndi rusake rusokozamasunzu rwa birokoroko, rukangura indyamirizi, isuku yanje ye ikaba ingorabahizi”. Nuko iremera ibana n’abantu, bakihanganira ingeso zayo, nayo ikabakunda, ariko ntibiyibuze kubarira ibigori, na n’ubu niko bimeze.

Si jye wahera, hahera ukwivumbura kwa rusake n’inzovu.

Inyunguramagambo

Intego: Isomo rirarangira abanyeshuri basobanukiwe amagambo akomeye ari mu mwandiko bashobora gukora interuro zirimo ayo magambo.

Nimunsi: Nimugoroba, bujya kwira

Isunzu: Igice gitukura kiba ku mutwe w’isake kiyitandukanya n’inkokokazi.

Kurengana: Kuzira ubusa, guhohoterwa.

Kurenganura: Gukemura ibibazo by’umuntu uzira ubusa

Ikigega: Inyubako yagenewe guhunikwamo imyaka.

Twumve umwandiko

1. Rusake yari ifite ikihe kibazo?
2. Ni ikihe kibazo inzovu yari ifite?
3. Ibibazo by’inzovu na Rusake byakemutse bite?
4. Ica ry’urubanza ry’Imana uribona ute?

IZINA BWITE N'IZINA RUSANGE

Intego: Isomo rirarangira abanyeshuri bashobora gutandukanya izina bwite n'izina rusange

Inshoza y'izina

Izina ni ijambo rimwe cyangwa rirenze rimwe rivuga umuntu, ikintu, ahantu, cyangwa inyamaswa kugira ngo rigaragaze aho uwo muntu, icyo kintu cyangwa iyo nyamaswa itandukaniye n'izindi.

Izina rigaragaza icyo interuro ishingiyeho cyaba igikorwa rikora, icyo rikorerwa cyangwa se risobanura.

Ingero:

Igikorwa gikorwa n'izina

Umuhinzi arabagara ibigori

Igikorwa gisobanurwa n'izina

Umugabo akunda **umugore**

Igikorwa gikorerwa izina

Umwana yakubiswe na se.

Ingero:

Amazina	Amazina avuga umuntu	Amazina avuga ikintu	Amazina avuga inyamaswa
Amazina agizwe n'ijambo rimwe	umuntu umugabo umugore Kalisa	igit umuyaga umuriro umugezi	inka inkoko urusamagwe umubu
Amazina agizwe n'ijambo rirenze rimwe	umunyamahanga umukangurambaga umukoreshakoro umuteramakofe Rwangizamirera	umwimerere agatereranzamba icyatamurima inyongeramusaruro	ikinyamunjororerwa ikirumirahabiri indyanishamurizo indyoheshabirayi

- Iyo tuvuze **umugabo** tuba tuvuze umuntu w'igitsinagabo ukuze kuko atandukanye n'umuntu w'igitsina gore ukuze; **umugabo** na none ni ijambo rivuga umuntu w'igitsina gabu ukuze utandukanye n'umuntu w'igitsina gabu utarakura.

Iyo tuvuze **inka** tuvuze inyamaswa y'inyamabere, yuza, ifite amaguru ane, ikagira umurizo

muremure; itandukanye n'**ihene** inyamaswa y'inyamabere, yuza, ifite amaguru ane, ikagira umurizo mugufi.

Hari ubwoko bubiri bw'Amazina: Amazina bwite n'amazina rusange

Izina bwite

Ni izina ryihariye riranga umuntu, ahantu cyangwa ikintu rikagaragaza imitandukanire y'icyo kintu cyangwa uwo muntu, n'ibindi bisa na cyo, ni ukuvuga bihuje ubwoko.

Icyitonderwa: Amazina bwite atangizwa n'inyuguti nkuru yaba atangiye interuro cyangwa yaba ahandi hose mu nteruro.

Izina rusange

Rigaragaza aho umuntu cyangwa ikintu gihuriye n'ibindi bihuje ubwoko urugero: umugabo, ikirayi, umunyeshuri na yandikishwa inyuguti ntoya iyo adatangira interuro.

UBUMWE N'UBWINSHI BW'AMAZINA

Ijambo ubumwe risobanura ikintu kimwe, muri make bivuga riganisha ku nshoza y'umubare. Dushobora kuvuga ikintu kimwe cyangwa ibintu byinshi. Iyo ibintu birenze kimwe biba ari byinshi.

Ijambo ubwinshi ntabwo rijyana n'umubare runaka, ahubwo rikoreshwa ku bintu birenze kimwe.

Ingero: ubumwe ubwinshi

Igit ibiti

Umugabo abagabo

Uvure imivure

Nanone hari amagambo atagaragaza ko ari mu bumwe cyangwa mu bwinshi.

Ingero: Amazi

Amata

Hari kandi amagambo ari mu bumwe ariko akagira inshoza y'ubwinshi.

Ingero: umukumbi (riri mu bumwe ariko risobanura inka nyinshi).

Umwitoto

Shaka amazina bwite n'amazina rusange mu mwandiko ukurikira.

Ageze ku iriba rya Ntare arafukura, arangije abashumba ba Ntare baraza bat: "Uradahire vuba na twe tuje kwuhira." Haciye ho umwanya Mushyoshyo arababwira ati: "Nimudahirire mushore ahari ubanza inka zanje zikiri mu nzira." Baradahirira barashora inka zirakuka

Bugorobyne abashumba bacyura inka, Mushyoshyo arabakurikira; bageze mu rugo ati: "Ntimwanyihakira?" Baramusubiza bat: "Ntitwanga guhaka." Baricara baraganira; noneho umushumba umwe ati: "Naraye ndaririye inka sinongera kuzirarira." Undi mushumba ati: "Urabeshya." Barasigana rubura gica. Mushyoshyo ati: "Nimureke gusigana, nimuhore ndabararirira." Apfundura inkangara aha abashumba inyama, asigarana igiti kimwe; abaha n'inzoga barayisangira; abatekereraitabi, umwe ati: "Liraryoshye." Undi ati: "Niryiza." Nuko umwe amuha ikibabi undi ikindi, arabakwiza, bat: "Si umugaragu ni amatungo mu gihugu!"

Barasasa bararyama, Mushyoshyo abonye bashyizweyo inka arazirongora azambutsa uruzi; azigejeje hakurya arazicanira. Bukeye abashumba barakanguka barabyuka, baroye basanga urugo ruravuga inunu, barakurikira basanga amaze kuzambutsa yazigejeje i Rwanda,

barumirwa. Mushyoshyo ati: "Ndazijjanye Mushyoshyo Umushorongotozi w'ubushumi n'ubusambo icyamunaniye ni ukwiba no kwanguha, ndakambura inkanda y' abakuru." Aragenda ageze iwe acanira inka arinikiza arakama. Umugore aramubaza ati: "Mbe data izo nka wazikuye he?" Aramubwira ati: "Ziba!" Umugore ati: "Birabe ibywae ntibikabe ibyanjye." Inka ziba aho Bukeye Mushyoshyo asubira kwa Ntare yagiye mu rundi rugo rwe, araza ati: "Muraho yemwe bene urugo!" Bati: "Yego." Bagira ngo ni Ntare uje iwe.

Inteko z'amazina

Amazina ni yo bashingiraho basanisha intego z'amagambo iyo bakora interuro. Isanishantego ry'amagambo rituma amazina ajya mu mirwi 16 itandukanye ari yo yitwa inteko z'amazina.

Mu rurimi iyo bakora interuro, amagambo agenda yisanisha afata intego y'ijambo ribanziriza iyo nteruro. Mu Kinyarwanda naho ni ko bimeze.

Urugero:

Umwana mwiza namubonye.

Aya magambo agize iyi nteruro yo haruguru afite uburyo agenda ahindura intego asanganywe akurikije ijambo ngengasano ari ryo umwana.

Nyamara i nteruro ikurikira irakocamye

*Umwana beza nakibonye

Kugira rero ngo dukore interuro idakocamye tugenda duhindura intego z'amagambo ayigize, dukurikije intego y'ijambo ngengamasano, ari ryo riba ritangira interuro.

IMBONERAHAMWE Y'INTEKO Z'AMAZINA Y'IKINYARWANDA

INTEKO	INDOMO	Indanganteko	IGICUMBI
1	u-	-mu -	-ntu
2	a-	-ba-	-ntu
3	u-	-mu-	-rima
4	i-	-mi-	-rima
5	i-	-ri-	-riba
6	a-	-ma-	-riba
7	i-	-ki-	-raro
8	i-	-bi-	-raro
9	i-	-n-	-ka
10	i-	-n-	-ka
11	u-	-ru-	-dodo
12	a-	-ka-	-kaboko
13	u-	-tu-	-seke
14	u-	-bu-	-taka
15	u-	-ku-	-guru
16	a	-ha-	-ntu

Mu kinyarwanda dufite inteko z'amazina 16; ariko inteko ya 16 ikabamo impindurantego eshatu -ha-, -mu-, -i-. Ibi bituma hari abavuga ko ziriya mpindurantego ebyiri buri imwe ukwayo ari inteko; ariko ibyo si byo kuko zose zihurira ku ndanganteko imwe - ha-. Ntibishoboka rero ko inteko zitandukanye zahurira ku ndanganteko imwe. Ibyo bituma twemeza ko amazina y'ikinyarwanda akubiye mu nteko ya 16.

Ingero:

Hanze aha **hari** harakonje.

Ku kinamba **hahagaze** imodoka.

I Nyamagabe **hateye** imbere.

Inteko z'amazina zimwe ziba ubwinshi bw'izindi.

Nt1/2 urugero: umwana/abana

Nt3/4 urugero: umuti/imiti

Nt5/6 urugero: iriba /amariba

Nt7/8 urugero: ikirayi/ ibirayi

Nt9/10 urugero: inka /inka

Nt11/10 urugero: urusika/insika

Nt11/6 urugero: urura /amara

Nt12/13 urugero: akayongwe /utuyongwe

Nt15/6 urugero: ukuboko /amaboko

Umwitoto

Ca akarongo ku mazina ari muri uyu mwandiko uvuge n'inteko

Abarirwamo.

Ageze yo yigira inama ati: Sinkuramo iyi nda hari ubwo umwana urimo yazankiza. Ajya kwa mubyara we Rusisibiranya amutecyerereza ko yaciye umugabo we w'isezerano inyuma, undi aramubwira ati Iwanjye hari ibipangu binini, ujyemo wigumiremo, igihe cyo kubyara nikigera nzakuzanira umuganga akubyaze, umwana umunsigire, nzamurera mvuga ko namutoraguye bamutaye, naho wowe uzisubire iw'umugabo uzongera kubyara ari uko umugabo wawe avuye ku itabaro. Ntuzahirahire ngo ubwire Rutamizabiri ko uwo mwana akiriho, uzamubwire ikibazo cyo gukuramo inda wagikemuye. Uko babyumvikanye aba ari ko bigenda, nyirarwimo aguma aho arabyara umwana w'umuhungu arerwa na nyirarume Rusisibiranya avuga ko yamutoraguye.

Nyirarwimo abwira Rutamizabiri ko inda yayikuyemo ko nta kibazo agifite. Umugabo we avuye ku itabaro babana uko bisanzwe babyarana umwana w'umukobwa bamwita Aline. WA mugabo wa Nyirarwimo aje gusubira ku rugamba agwayo. Nyirarwimo yiberaho nk'umupfakazi, ariko nta bibazo byinshi afite kuko umugabo yari yaramusigiye imitungo ihagije. Hagati aho kandi Rutamizabiri nawe yajyaga acishamo akamusura nk'umuntu bigeze gukundana, ariko akabikora yigengesereye kugira ngo abo avandimwe b'umugabo we batamurakarira.

AMATEGEKO YEMEWE Y'IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA

Amabwiriza ya Minisitiri no 13. 02/o3. 02/003 yo ku wa 2 Nyakanga 1985 yerekeye inyandiko yemewe y'Ikinyarwanda.

Minisitiri w'amashuri abanza n'ayisumbuye;

Amaze kubona itegeko-nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4; yongeye kubona amabwiriza ya Minisitiri no 05/03/492 yo ku wa 6 Gashyantare 1974 yerekeye ihuza ry'imyandikire y'ikinyarwanda.

Amaze kumva Inama yo mu rwego rw'Igihugu yerekeye imyandikire yemewe Y'ikinyarwanda yashyizweho n'ibaruwa no 09. 02. /02. 4/30. 92 yo ku wa 3 Kanama 1983 igateranira i Nyakinama kuva ku wa 8 kugeza ku wa 13 Kanama 1983;

Atanze amabwiriza akurikira:

UMUTWE WA I

Imyandikire y'injajwi

INGINGO YA MBERE

Ikinyarwanda gifite inyajwi eshanu zandikishwa izi nyuguti: a, e, i, o, u.

INGINGO YA KABIRI

Gukurikiranya inyajwi birabujijwe keretse mu nyandiko y'ijambo (i) «saa» rivuga Igihe no mu ijambo «yee»kimwe no mu magambo y'amarangamutima (yooo!) no mu myandikire ya gihanga.

UMUTWE WA II

Imyandikire y'ingombajwi

INGINGO YA 3

Ingombajwi z'ikinyarwanda zandikishwa izi nyuguti:

b, c, d, f, g, h, j, k, l, m, n, p, r, s, t, v, w, y, z.

INGINGO YA 4

Inyuguti ya 1 izakoreshwa gusa mu iyandika ry'amazina bwite y'abantu n'ay'ahantu yari isanzwe ikoreshwamo mbere y'aya mabwiriza kimwe no mu magambo y'amatirano atarinjira mu Kinyarwanda.

Ingero: Kamali, Kigali, Angola, telefoni

INGINGO YA 5

Mu kwandika ingombajwi, birabujijwe gukurikiranya inyuguti zisa karatse inyuguti ya «n» mu gihekane «nnny»

Urugero: umukinnyi

INGINGO YA 6

Inyuguti zandika ibihekane byemewe mu Kinyarwanda zikubiye muri iyi mbonerahamwe. Ibitarimo birabujijwe usibye mu «bg» mu ijambo «Kabgayi»

1. — *bw by byw mb mbw mby mbyw*
2. — *cw cy — nc ncw ncy —*
3. — *dw — — nd ndw ndy —*
4. — *fw — — mf mfw — —*
5. — *gw — — ng ngw — —*
6. — *hw — — — — — —*
7. — *jw jy — nj njw njy —*
8. — *kw — — nk nkw — —*
9. — — *ly — — — — —*
10. — *mw my myw — — — —*
11. — *nw ny nyw — — nny —*
12. — *pw py — mp mpw mpy —*
13. *pf pfw pfy — — — — —*
14. — *rw ry — — — — —*
15. — *sw sy — ns nsw nsy —*
16. *sh shw shy shyw nsh nshw nshy nshyw*
17. — *tw ty — nt ntw nty —*
18. *ts tsw — — — — —*
19. — *vw vy — mv mvw — mvy*
20. — *zw — — nz nzw mvy —*

Ingero:

bw: ubwato

by: ibyatsi

byw: kuyobywa

mb : imbaraga

mbw: imbwa

mby: imbyino

mbyw: kurembya

cw: kwicwa

cy: icyaha

nc: incarwatsi

cw: ncweze (= nceckeke)

ncy: incyamuro	pfw : gukapfwakapfwa
dw: kudodwa	pfy : nakapfakapfye
nd: inda	rw : urwara
ndw: indwara	ry : iryinyo
ndy: inda	sw : umuswa
fw: igufwa	sy : gusya
mf: imfizi	ns : insina
mfw: imfwati (= isuka)	nsw : konswa
gw: kugwa	nsy : insyo
ng : ingoma	sh : ishami
ngw: ingwate	shw : igishwi
hw : amahwa	shy : gushya
jw : ijwi	shyw: umwishywa
jy: urujy	nsh : inshishi
nj : injangwe	nshw : yanshwanyaguje
njw : injwiri	nshy : inshyushyu
njy : injyana, injyo	nshyw: -
kw : ubukwe	tw : gutwara
nk : inka	ty : ityazo
nkw: inkwano	nt : intara
ly : Kalyabwite	ntw : intwaro
mw: umwana	nty : intyoza
my : imyeyo	ts : umutsi
myw: kuramywa	tsw : kotswa
nw : umunwa	vw : guhovwa
ny : inyana	vy : zahovye (inzuki)
nyw : kunywa	mv : imvura
nny : umukinnyi	mvw : urahomvomvwa (n'iki?)
pw : gucapwa	mvy : yahomvomvye
py : gupyoka	zw : guhazwa
mp : imparage	nz : inzu
mpw : impwempwe	nzw : kuganzwa
mpy : impyisi	mv : imvura
pf: gupfa	

INGINGO YA 7

Birabujijwe kwandika ibihekane kw, hw, gw bikurikiwe n'inyajwi **o** cyangwa **u**.

Ingero:

Kwanga koga ni bibi

Kubaka ni ukugereka ibuye ku rindi

UMUTWE WA III

Gukata

INGINGO Y 8

Inyajwi zisoza ibyungo **na**, **nka** kimwe n'izisoza ibigenera n'ijambo **nyiri** zirakatwa iyo zikurikiwe n'amagambo atangiwe n'inyajwi.

Ingero:

Wakomerekejwe n'iki?

Nta cyibyara nk'intare n'ingwe.

Nyir'ubwenge aruta nyir'uburyo.

Umubare w'amashuri y'imyuga uriyongera.

INGINGO YA 9

Inshinga ni na si kimwe n'izindi nshinga zose n'indangahantu ku na mu ntizikatwa.

Ingero:

Amasunzu si amasaka

Abagabo ni imyugariro

Abana bavuye ku iriba bajya mu ishuri

UMUTWE WA IV

Amagambo y'inyunge

INGINGO YA 10

Amagambo y'inyunge yandikwa umujyo umwe.

Icyakora mu bisingizo no mu migani, amazina nteruro n'amagambo y'inyunge Akabije uburebure yandikwa atandukanijwe kandi agashyirwa mu twuguruzo n'utwugarizo.

Ingero:

- Umwihanduzacumu
- Rugwizangoga
- Ubwo «Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica» aba arahashinze.

UMUTWE WA V

Ingingo zihariye

INGINGO YA11

Ibyungo «**na**» «**nka**» bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga ba nyakubwirwa (ngenga ya mbere n'iya kabiri) byandikwa mu ijambo rimwe ariko bikandikwa bitandukanye n'ibinyazina muri ngenga ya guttu (mu nteko).

Ingero:

- Ndumva **nawe** umeze **nkanjye**
- Ndabona **natwe** tumeze **nkamwe**
- Ndumva **na we** umeze **nka bo**
- Ndabona **na ko** kameze **nka bwo**

INGINGO YA 12

Iyo ikigenera gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe.

Ingero:

- Umwana **wanjye**
- Umurimo **wacu**
- Amafaranga **yabo**

INGINGO YA 13

Impakanyi nta yandikwa itandukanye n'ikinyazina ngenga n'insano ngira biyikurikiye. Iyo indanganteko n'insano ngira ari inyajwi «*i*» cyangwa «*u*», indomo ihinduka inyerera «*y*» cyangwa «*w*».

Ingero:

Nta we mbona
Nta cyo ndwaye
Iwacu **nta wurwaye**
Ya nka **nta yagarutse**
Muri iri shuri **nta batsinzwe**

INGINGO YA 14

Ibinyazina ndangahantu **ho**, **yo**, **mo**, **mwo** n'akajambo **ko** bifatana n'inshinga bikurikiye, keretse iyo nshinga ari **ni** cyangwa si

Ingero:

Wa mugabo nimusangayo turagenderako ntitugaruka.

Si ho ngiye.

Rya riba yarivuyemo.

Kuki yamwihomyeho?

Ni mo (mwo) mvuye.

INGINGO YA 15

Imvugo «kugira ngo» cyangwa ibinyazina biremetse nka «wa wundi» na «aho ngaho» byandikwa mu magambo abiri.

Urugero:

Kugira ngo wa wundi adasanga wagiye, ukwiriye kuba ugumye **aho ngaho**.

INGINGO YA 16

Aya magambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: **nimunsi, nijoro,**

Nimugoroba, ejobundi. Ariko Ariko amagambo aremetse nka **(i) saa tatu, (i) saa**

Cyenda... yandikwa mu magambo abiri.

INGINGO YA 17

Amagambo nk'aya aranga ahantu (**imuhira, hejuru, iburyo, ikambere, imbere,**

Inyuma,) n'amagambo akomoka kuri «i» y 'indangahantu ikurikiwe n'ikigenera

wa n'ikinyazina ngenga (**iwacu, iwabo, iwanyu...**) yandikwa mu ijambo rimwe.

INGINGO YA 18

Bitavuguruje ibivugwa mu ngingo ya 117, iyi «i» y'indangahantu ikurikiwe n'izina, ry'ahantu yandikwa itandukanye n'iryo zina.

Ingero:

i Butare, i Kigali, i Kibungo.

UMUTWE WA VI

Amazina bwite

INGINGO YA 19

Amazina y'ibihugu n'ay'uturere afite indomo yandikwa atandukanye n'ijo ndomo, ariko yo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

Ingero:

u Rwanda, u Burundi, u Bufaransa, u Bushiru, i Gisaka, u Murera....
U Rwanda rurigenga.

INGINGO YA 20

Amazina bwite y'abantu y'amavamahanga atari ay'idini akomeza inyandiko y'aho
akomoka, nyuma bakandika mu dukubo uburyo avugwa mu Kinyarwanda.

Ingero:

Einstein (Enshiteni)
Schumacher (Shumakeri)
Fraipont (Ferepo)

INGINGO YA 21

Amazina y'ibihugu n'ay'uturere by'amahanga yandikwa uko avugwa mu
Kinyarwanda, nyuma bagashyira mu dukubo uko asanzwe yandikwa mu rurimi
akomokamo.

Ingero:

Cadi (Tchad)
Kameruni (Cameroun)
Wagadugu (Ouagadougou)

UMUTWE WA VII

Utwatuzo n'imikoreshereze y'inyuguti nkuru

INGINGO YA 22

Dore ibimenyetso by'utwatuzo n'imikoreshereze yabyo:
-Akabago (.) gasoza interuro ihamya.

Urugero:

Umwana mwiza yumvira ababyeyi

-Akabazo (?) gasoza interuro ibaza.

Urugero: Uzajya i Kigali ryari ngo tuzajyane?

Agatangaro (!) gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma
y'amarangamutima.

Urugero:

- Mbega ukuntu kino kiyaga ari kini!
 - Ni ingwe ni ingwe y'ingore, iyo ngira umuhoro wanje!
 - Uramwishe ntibihagaze, urabe wumva mutima muke wo mu rutiba!
 - Ntoye isaro ryiza wee!
- **Akitso (,**) gakoreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato.

Urugero:

Umunyeshuri ushaka kujijuka, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama za mwarimu.

Uturegeka (...) dukoreshwa iyo berekana interuro barogoye irondora ritarangije, cyangwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije.

Urugero:

Mu rugo haba ibikoresho byinshi: ibibindi, ibyansi, ishoka, ibitebo, isekuru... Baragenda ngo bagereb ku Ruyenzi bahahurira na mwene...simuvuze nzamuvumba!

Utubago tubiri (:) dukoreshwa mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwacyangwa gusobanurwa, ariko ntidukoreshwa inyuma y'ingirwanshinga «ti».

Urugero:

- Burya habaho imirimo myinshi: guhinga, kubaka, kubaza n'ibindi.
- Mariya ati «ibyo uvuze bingirirweho»

Akabago n'akitso (;) bikoreshwa mu nteruro bagira ngo batandukanye inyangingo ebyeri ziremye kimwe kandi zuzuzanya.

Urugero:

Gusoma neza si ugusukiranya amagambo; gusoma neza ni ukwitonda

Utwuguruzo n'utwugarizo (« ») dukikiza amagambo y'undi asubirwamo, imvugo itanye n'imvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho. Utwuguruzo n'utwugarizo dukoreshwa na none iyo hari inyito ikemangwa cyangwa kugira ngo bakize amazinanteruro n'amagambo y'inyunge akabije kuba maremare.

Ingero:

- Igikeri kirarikocora kitit «kuba mu bibuba si ko guhunika ibigega»
- Nuko «wa mugore» arakenyera aragenda nk'abandi bagore.

Ubwo «Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica» aba arahashinze.

Iyo utwuguruzo n' utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro hakoreswa akuguruzo n'akugarizo kamwe (...).

Urugero:

Umugaba w'ingabo ati «ndashaka ko ‘Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica aza hano»

Udukubo () dukikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa se icyo byuzuza mu nteruro. Banadukoresha iyo bashaka kwerekana uko basoma amagambo y'amavamahanga aruhije gusoma. Badukoresha kandi ku mazina y'ibihugu by'amahanga n'ay'uturere amenyereye kwandikwa uko avugwa mu Kinyarwanda, bashaka kwerekana uko asanzwe yandikwa mu ndimi akomokamo.

Ingero:

- Meya yabwiye abaturage ko kugira ngo barwanye inzara, bagomba gushoka ibishanga (impeshyi) yabaye ndende kwirirwa banywa bakabifasha hasi.
- Einstein (Enshiteni)
- Schumacher (Shumakeri)
- Fraipont (Ferepo)
- Cadi (Tchad)
- Kameruni (Cameroun)
- Wagadugu (Ouagadougou)
- Akanyerezo (-) gakoreshwa ku kiganiro kugira ngo berekane iyakuranwa ry'amagambo. Gakoreshwa kandi bakata ijambo ritarangiranye n'impera y'umurongo. Banagakoresha kandi imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.

Ingero:

- Mu mvugo y'abasubizanya.
 - Wari wagiye he?
 - Kwa Migabo.
 - Wamusenze iwe?
 - Ni ho namusanze.
- Mu gukata ijambo mu gihe ritarangiriye ku murongo baritangiriyeho.

Urugero:

- Nahuye ihene ku gasozi ndavunika.
- Imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.

Urugero:

Ejo nzajya mu misa - sinzi niba wari uzi ko nsigaye njyayo – ntuzantegereze mbere ya saa sita.

Udusodeko [] dukikiza intekerezo cyangwa insobanuro bongeye mu mvugo isobanura amagambo y'undi.

Urugero:

Yaravuze ati «Sinshobora kurara ntariye inkoko [ayo yari amirariro] keretse narwaye».

INGINGO YA 23

- Inyuguti nkuru ikoreshwa:
- Mu ntangiriro y'interuro.

Urugero:

- Isuka ibagara ubuntu ni akarenge.
- Nyuma y'akabago, y'akabazo, na nyuma y'agatangaro.

Ingero:

Twese duhagurukire kujijuka. Wabigeraho ute utazi gusoma? Ntibishoboka.
Ntoye isaro ryiza shenge wee! Reka njye kuryereka nyogokuru.
Ku nyuguti itangira amazina y'amezi.

Urugero:

Ugushyingo gushyingira Ukuboza
Ku nyuguti itangira amazina bwite y'abantu n'aya'ahantu.

Urugero:

Rutayisire atuye i Butare hafi y'Akadahokwa
Ku nyuguti itangira amazina y'imirimo, ay'inzego z'imirimo n'ay'amashyirahamwe.

Ingero:

Meya runaka.
Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye.
Umuryango Gatolika w'Abakozi.
Ku nyuguti itangira amazina y'impamyabushobozi, ay'icyubahiro, n'ay'ubwenegihugu.

Ingero:

Dogiteri kanaka
Papa Piyo
Akarere ka Nyarugenge
Abanyarwanda n'Abarundi

UMUTWE WA VIII

IBIMENYETSO BIGARAGAZA UBUTINDE N'IMITERERE Y'AMASAKU

Mu myandikire ya gihanga (mu mashuri no mu bushakashatsi), imiterere yamasaku igaragazwa n'agasharu ndyomoso (^) kameze nk'agatemeru ku masaku nyejuru, ku masaku nyesi nta kimenyetso bakoresha.

Ubutinde bugaragazwa n'inyajwi ebyiri zikurikiranye ku migemo miremire.

UMWITOZO

Andika uyu mwandiko ukurikije amategeko y'imyandikire yemewe

y'ikinyarwanda

Mu biruhuko bitemberera babona inkuru ibabaje cyane sarubare? Umugabo w'umukene wari utunzwe no gukora ibiraka yagiye gusensa udukwi two guteka agakoma mu isambu ya rutamizabiri abazamu bayo baramufata Bamushyiriye shebuja rutamizabiri atanga itegeko ry'uko bamukubita akavamo umwuka abibabwira agira ati: " Nimumurangize nziburanira ibyo bimonyo ni byo byamariye- ihene! Ibitoki, ndetse n'inkoko. Muri rusange muri icyo gihugu iyo wagiranaga ikibazo ni ukurusha ingufu nta ho wajyaga kumurega yagukoreshaga iyo ashaka. Uwahirahiraga akajya kurega umukire yasangaga uwo arega ari we aregera, bityo ibye bikajya irudubi iyo wagiraga amahirwe ntibaguhitane wagendaga ushimira rurema.

UTUREMAJAMBO TW'IZINA MBONERA RY'IKINYARWANDA

Izina mbonera ry'ikinyarwanda rigizwe

Iyo urebye intego izina akensi riba rifite: indomo, indanganteko, n'igicumbi Igicumbi ni igice kidahinduka iyo habaye **igoragoza** mu nteko zimwe na zimwe Umugezi imigezi

Nk'uko twabibonye haruguru inteko ni itsinda izina ribarirwamo iyo hakozwe isanishantego.

UBUTINDE BW'IMIGEMO N'IMITERERE Y'AMASAKU

Intego:

Gusobanura inshoza y'umugemo

Gusoma itonde cyangwa amajwi shingiro y'ikinyarwanda

Iyo umuntu avuze ijambo yitonze ashobora kubara inshuro yagiye abumbura umunwa kuva atangiye kurivuga kugeza igihe arangirije kurivuga. Inshuro uvuga abumbura umunwa zingana n'imigemo ijambo aba avuga riba rifite. **Umugemo** rero ni ijwi ryumvikana neza iyo uvuga ijambo abumbuyr umunwa inshuro imwe. Ijambo rero rishobora kugirwa n'umugemo umwe cyangwa n'imigemo irenga umwe.

Ingero:

Umugemo umwe: Mbyo

Imigemo irenze umwe: umuti

Ijambo *umuti* rigizwe n'imigemo itatu, mu gihe ijambo *Mbyo* rigizwe n'umugemo umwe. Icyitoderwa: umubare w'inyuguti zigize ijambo si wo ubarwa ahubwo habarwa itsinda rigize umugemo ari ryo ingombajwi y'urusobe cyangwa yoroheje kongeraho inyajwi imwe.

Inyandiko	Imigemo	Umubare
Mbyo	mbyo	1
Ihene	i-he-ne	3
mudasobwa	mu-da-so-bwa	4

Muri aya magambo tumaze kubona, irya mbere rigizwe n umugemo1, irya kabiri rikagirwa n'imigemo 3 mu gihe irya gatatu rigizwe n'imigemo ine.

Buri gihe umugemo uba uftite ijwi ry'ishingiro rimwe, iryo jwi rikaba ari inyajwi. Iyi nyajwi ishobora kuba yonyine (ku mugemo uboneka ku ntangiro y'ijambo) honyine.

Umagemo ugizwe n'amajwi shingiro menshi uba ugizwe n'itsinda ry'ingombajwi risojwe n'inyajwi. Kuko inyajwi ari yo ituma umugemo uvugika ku buryo buhamye, bityo inyajwi ni ryo shingiro ry'umugemo.

Iyo rero basoma amajwi shingiro cyangwa itonde ry'ikinyarwanda, kuri buri ngombajwi cyangwa inyerera bagenda bongeraho a.

Bityo amajwi shingiro y'ikinyarwanda agasomwa: a, ba, ca, da, e, fa, ga, ha, i, ja, ka, la, ma, na, o, pa, ra, sa, ta, u, va, wa, ya, za.

Imivugirwe y'umugemo mu ijambo

Ijambo rivugwa nk'uko indirimbo igaragara kuri «muhundwanota»
Uvuze ijambo «umusemuzi» witonze, usanga ririmo imigemo itanu, umwe muri yo
bawutindaho mu mvugo kurusha iyindi. U-mu-se-mu-zi
Amagambo amwe ubona mu Kinyarwanda aremeshejwe imigemo batebukaho mu mvugo
hakaba n'indi batindaho.

Urugero:

Amagambo akurikira afite imgemo ibanguka

Ikirego	i-ki-re-go
Imbeba	i-mbe-ba
Abasore	a-ba-so-re
Abagore	a-ba-go-re

Amagambo akurikira agizwe n'uruvange rw'imigemo itindwa ho n'ibanguka

Umuhungu	u-mu-hu-ngu
Amasimbi	a-ma- si-mbi
Umuganda	u-mu-ga-nda
Umusambi	u-mu-sa-mb-i

UTUREMAJAMBO TW'IZINA MBONERA RY'IKINYARWANDA

Izina mbonera ni izina rigizwe n'uturemajambo 3 ari two: indomo, indanganteko, n'igicumbi.

Indomo

Indomo ni akaremajambo gatangira cyangwa gaterura izina. Indomo iba igizwe n'inyajwi Mu kinyarwanda inyajwi zikora nk'indomo ni eshatu ari zo: a, i, u

Indomo

A: amazi
I: insina
U: umutima

Indanganteko

Indanganteko ni akaremejambo kerekana inteko izina rimo. Indanganteko ni yo utundi turemajambo dushingiraho mu nteruro. Nk'uko inteko z'amazina ari 16 indanganteko na zo ni 16.

Imbonerahamwe y'indanganteko z'amazina

nt1	-mu -
2	-ba-
3	-mu-
4	-mi-
5	-ri-
6	-ma-
7	-ki-
8	-bi-
9	-n-
10	-n-
11	-ru-
12	-ka-
13	-tu-
14	-bu-
15	-ku-
16	-ha-

Igicumbi

Ni akaremajambo kadahinduka iyo harimo gukorwa igoragoza, usanga ari igice cy'izina ry'umwimerere ryatanzwe kikagaragara hose.

Ingero: Umwana
 Utwana
 Akana
 Ibyana

Umwitoto

Vuga inteko aya mazina arimo ugaragaze n'indanganteko zayo

Umugabo
Umuore
Abana
Urugo
Imirimo
Rusake
Kanamugire
Kurumbuka
Ibisyimbo
Ibijumba
Samusure
Ruvakwaya

Isuzuma

Shaka uturemajambo tw'amazina akurikira, ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi.

Iyo
Umugabo
Umuore
Abana
Urugo
Imirimo
Rusake
Kanamugire
Kurumbuka
Ibisyimbo
Ibijumba

Umwitoto

Bagoragoza bashaka kugera kuki?

URUBYIRUKO RWISHIMIYE GAHUNDA YO GUKEBWA

Mu muhango wo gutangiza ku mugaragaro gahunda y'igihugu yo kurwanya SIDA, watangirijwe Iwawa kuwa 12 Mutarama 2012, urubyiruko rwigishirizwa imyuga muri icyo kigo ngororamuco rushimishijwe na gahunda yarugenewe yo gukebwa no kwipimisha ku bushake.

Muri icyo gikorwa cyatewe inkunga n' Imbuto Foundation (Fawundesheni) ifatanyije na CNLS (ikigo cy'igihugu gishinzwe kurwanya agakoko ka virusi itera SIDA), umusore witwa Zirarushya Sadi wavuze mu izina ry'urubyiruko rugera kuri 1. 771 rwigishirizwa mu icyo kigo cy'Iwawa yagize ati "turashimira Leta yacu y'u Rwanda ko idukunda, yo yafashe iya mbere mu kutuvana mu bikorwa bigayitse byo kunywa ibiyobyabwenge, none ubu tukaba turi abasore basobanutse kandi bafite icyerekezo cyiza cy'ejo hahaza. Twishimiye cyane iyi gahunda yo gukebwa hagamijwe kwirinda no kurinda abandi kwandura SIDA, tukaba tubasaba twese ko yatugeraho hatagize n'umwe uvutswa ayo mahirwe". Zirarushya yakomeje yizeza abayobozi bari muri uwo muhango ko amahugurwa bahawe yabafashije guhinduka, ibyo ngo bizagaragarira mu bikorwa byo guteza imbere igihugu ubwo bazaba batashye mu turere bavukamo.



Mu butumwa bagejejweho n'umuyodzi mukuru w'Imbuto Foundation (Fawundesheni) madamu Radegonde Ndejuru yagize ati mu ntashyo madamu Janete Kagame yambwiye kubagezaho yavuze ko mugomba kumenya ko muri imbuto zitoshye z'u Rwanda, ko tubakunda kandi tunabakangurira kwirinda icyorezo cya SIDA ndetse mukayirinda n'abandi. Kubera ko Imbuto Foundation (Fawundesheni) ishyira cyane imbere urubyiruko mu bikorwa byayo bya buri munsi ni na yo mpamvu bahisemo gutangirira iyo gahunda yo kurwanya SIDA Iwawa, aharimo guhugurirwa urubyiruko rwinshi, imbaraga n'abayobozi b'ejo b'u Rwanda. Madamu Radegonde yabwiye urwo rubyiruko ku cyo umuryango Imbuto Foundation (Fawundesheni) yise "icyumweru cy'urukundo nyakuri", ngo kigomba kubigisha kumenya ko gukundana bitandukanye no kwishora mu busambanyi. Gukundana nyakuri ngo ni ukubana birinda kwandura SIDA ndetse banayirinda abandi banyarwanda.

Inyunguramagambo

Gukebwa: Kujya kwa muganga bagakura ku gitsina cy'umuhungu uruhu ruri inyuma rushobora gutuma yandura imyanda ku buryo bworoshye cyane cyane

indwara zandurira mu gukora imibonano mpuzabitsina idakingiye.
Gukebwa byongera amahirwe yo kutandura virusi itera Sida.

Ikigo ngororamuco: ikigo bashyi zeho boherezamo abana b'inzererezi bakabigisha amasomo atuma bareka ubuzererezi ahubwo bakihangira imirimo.

Kuvutsa umuntu amahirwe: gutuma umuntu atabona ikintu cyiza yagombaga kubona.

Icyorezo: Indwara itera igahitana abantu benshi kandi mu karere runakamu gihe gito.

Kwishora: kujya ahantu uzi ko ushobora kuhagirira ibibazo ariko ukanga ukahajya.

Twumve umwandiko

1. Sida ni iki?
2. Vuga inzira eshatu umuntu ashobora kwanduriramo agakoko gatera sida.
3. Ibi bikurikira ntibyanduza sida:
 4. a) Kwicarana n'uyirwaye
 - b) Kwambarana n'uyirwaye
 - c) Guhuza amaraso n'uyirwaye
 - d) A na b ni byo.
5. Kuki mu kurwanya sida hagomba kwitabwa mbere na mbere ku rubyiruko?

Dutekereze

1. Uyu mwandiko ugamije kutwigisha iki?
2. Hari abantu uzi badatekereza ko SIDA ari icyorezo gikomeye?
3. Babiterwa n'iki?
4. Wabagira iyihe nama?

INTERURO Y'INYABUMWE

nteruro y'inyabumwe ni interuro igizwe n'inshinga itarenze imwe, bityo ikumvikanisha igitekerezo kimwe.

Urugero:

Mugabo yaguze ihene.

Amoko y'interuro

Interuro zifite amoko ane bitewe n'imvugiro abaganira baba barimo. Interuro ihamya, interuro ibaza, interuro itangara, n'interuro itegeka.

a) Interuro ihamya

Interuro ihamya ikoreshwa iyo uganira avuga ibitekerezo bye. Interuro ihamya isozwa n'akabago. Urugero: Yohani ni umuhungu.

b) Interuro ibaza

Iyi nteruro ibaza ikoreshwa n'umuntu iyo ashaka kugira icyo amakuru akura ku uwo bavugana ku ngingo runaka. Interuro ihamya isozwa n'akabazo.

Urugero: Uvuye he?

c) Interuro itangara

Interuro itangara ni interuro ko uvuga ashimishijwe cyangwa atunguwe n'ibyo abwiwe cyangwa abonye. Interuro itangara isozwa n'agatangaro
Mbega umukobwa ngo araba ihoho!

d) Interuro itegeka

Interuro itegeka ikoreshwa n'umuntu ushaka ko uwo bavugana akora ibyo amabwiye. Iyi nteruro nayo isozwa n'agatangaro.

Urugero: Jya ku ishuri!

Umwitozo

1. Vuga amoko y'interuro uzi, utange n'urugero kuri buri nteruro.

2. Shyira utwatuzo ku nteruro zikurikira.

Ishyamba riduha umwuka mwiza

Ejo wari ugiye he

Mbega agapira keza

Jya mu rugo uzane igitebo

IMIKORESHEREZE Y'INYUGUTI NKURU N'UTWATUZO

Inyuguti nkuru

Inyuguti nkuru ikoreshwa:

Mu ntangiriro y'interuro.

Urugero:

Nahuriye na we i Gasogi.
Erega twese turi intumwa!

Nyuma y'akabago, y'akabazo, na nyuma y'agatangaro.

Ingero:

Iterambere rikeneye ikoranabuhanga. Abatitabira kwiga ikoranabuhanga bazatera imbere bate? Ntibishoboka.

Mbega umugabo wiyahuriye umugore utari uwe! Ashobora kuba yari umurwayi.

Ku nyuguti itangira amazina y'amezi.

Urugero: Tuzaruhuka muri Nzeri, tujye gusura nyogokuru, tugaruke mu Ukuboza.

Ku nyuguti itangira amazina bwite y'abantu n'aya'ahantu.

Urugero: Kamana akora i Kigali ataha mu Bugesera

Ku nyuguti itangira amazina y'imirimo, ay'inzego z'imirimo

n'ay'amashyirahamwe.

Ingero:

Meya runaka.
Minisiteri y'Uburezi.
Umuryango Gatolika w'Abakozi.

Ku nyuguti itangira amazina y'impamyabushobozi, ay'icyubahiro,

n'ay'ubwenegihugu.

Ingero:

Dogiteri kanaka
Abanyarwanda n'Abarundi

Akitso (,) gakoreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato.

Urugero:

Kaje yahuye na Kajeberi yikoreye imiteja, aje amugana, aramujata.

Akabago n'akitsos;

Akabago n'akitsos (;) bikoreshwa mu nteruro bagira ngo batandukanye inyangingo ebyiri ziremye kimwe kandi zuzuzanya.

Urugero:

Kuba umugabo si ukumera ubwanwa; kuba umugabo ni ukugira ibitekerezo bihamye.

Akabago.

Akabago (.) gasoza interuro ihamya.

Urugero:

Umwana mwiza yumvira ababyeyi

Agatangaro! Agatangaro (!) gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

Akabazo?

Akabazo (?) gasoza interuro ibaza.

Urugero: Uzajya i Kigali ryari ngo tuzajyane?

Umwitotozo

1. Shyira utwatuzo ku mwandiko ukurikira, ukosore n'amakosa y'imyandikire ubonamo

Mushyoshyo yibereye aho yitungira inka ye Gitare, bukeye inyombya iraza iramubwira iti: «Yewe Mushyoshyo, Mushyoshyo, wabaga Gitare watunga ijana.» Mushyoshyo arayihorera. Bukeye inyombya iragaruka, imusanga mu rugo iti: «Yewe Mushyoshyo, Mushyoshyo, wabaga Gitare watunga ijana.» Mushyoshyo ayitera ibuye. Inyombya imaze kuguruka, abwira umugore we ati: «Mbega urabizi, ngiye kuzayibaga, sinshoboye iriya nyoni.» Umugore ati: «Warasaze Iriya nka ni yo yaduhaga akerera n'akamuri, none ngo ugiye kuyibaga, tukazatungwa n'iki»

AMAGORANE N'UTURINGUSHYO

Amagorane

Amagorane n'imvugo ya gihanga itondekanya amagambo mu buryo bunogeye amatwi kubera isubirajwi riba riyiganjemo kandi igatanga igitekerezo gishimisha uyunva. Amagorane aberaho kwigisha abantu kumenya kuvuga kuko ari umwitozo mwiza wo kungikanya inyuguti zihuje imivugirwe.

Ingero:

- Ibibiribiri bibiri biri mu murima wa Mubirigi.
- Igishwi kimanutse Kirinda kibinze ikirizo kirinze ko bwira no kwa Nyamutera kiti "Yemwe batindi bo kwa Nyamutera mutonora udutoki dutoto dutanu dutonze umutemeri, kiti 'nze'" bati "ngo" kiti "oya" bati "awa!"
- Mbonye imbogo mponga imboga

Uturingushyo

Uturingushyo ni amagambo umusizi atondekanya ku buryo bunogeye amatwi ashaka kugira isomo atanga, kugira uwo akosora cyangwa ashaka gusetsa.

Ingero:

Agatereranzamba ka nyina wa Nzamba kahuye na Nzamba ngo mutahe na Nzamba.

Ibitotsi

Ibitotsi ni ibiragi bigomba ibirago
Usinzira utiziguye imuhira
Uwazindutse akagusumbya akantu.

Ijoro ni intati rikaba intambara
Ryageza igihe cy'igicuku rikagucuragiza
Impyisi igatera, umurozi akaza.

Uturingushyo

So ni nde?

Kazitunga.	Byavu bagabo.
-Gira so tunga?	-Gira so bagabo?
Tunga gege.	Bagaba irindi.
-Girasogege?	-Giraso rindi?
Gege amahina	Rindi rigata.
-Gira so mahina?	-Gira so rigata?
Mahina byavu.	Rigata agatebe.
-Gira so byavu?	-Gira so Gatebe?

Gatebe simbo.
 -Gira so simbo?
 Simbo y'abakwe.
 -Gira so bakwe?
 Bakwa umugenzi.
 -Gira so mugenzi?
 Mugani indaro.
 -Gira so ndaro?
 Ndaro kimizi.
 -Gira so kimizi?
 Kimize masuka.
 -Gira so masuka?
 Masuka mwobo.
 -Gira so mwobo?
 Mwobo w'inyaga.
 -Gira so nyaga?
 Nyaga agahenbe.
 -Gira so hembe?
 Hembe kotsi.

-Gira so kotsi?
 Kotsi k'abatabazi.
 -Batabariye he?
 I Rundu na Gihara.
 -Bahishe iki?
 Akamasa k'ubugondo.
 -Bakazimaniye nde?
 Semitwero.
 -Twera turore!
 Nabyaye umwana biribiri
 Mutuma ku ruzi biribiri
 Ifi iramutwara biribiri.
 -Iyo ntiyari ifi biribiri
 Yari intabaza biriri.
 Ngiye hepfo hariya
 Mpura n'agakobwa
 Kambaye amasunzu
 Nkubitamo agapfunsi
 Haza agapfunegeri.

Itabi

Itabi ry'i Nduga ni kaburabuza:
 Uraritera rikaguteranya,
 Waryivumburira utariteye
 Rikagutwara utuntu!

INDYOHESHABIRAYI

UMUVUGO 1

Ingurube iyoberwa n'abashumba bo mu Ngeyo

Rutuhunza inzarwe y'isayo,
Ingurube zahanitse imirizo,
Rwa muturagara ku bijumba,
Ni igikoroto cyo mu bikoko,

5. Igira ibikobokobo by'ubukcombe,
Ikizihirwa isanga ibishanga,
Ikizimba aho inzarwe iganje
Ikahavurunga ijabo rikahava,
Ikahacundagura bitavugwa,

10. Ikahavogereza ingurube nto,
Ikahatengagura cyane
Ngo iz'emicanda zihace,
Ikahacogoza ihaconshoma,
Ikahahindura amacamba,

15. Ikahavura kuba isayo,
Ikaharyama humutse,
Wayibyutsa ntibyumve;
Wayikoraho uyegereye,
Ikagusigaho icyondo,

20. Ikagukwiza icyagane;
Yakureba igitsure,
Ukirinda kuyicyura,
Aho ishakiye gutaha,
Ukayikurikira iyo nyumba,

25 Ukayireba uko yateruye;
Ukayikunda mu ngendo,
Ntijorwe mu ibondo,
Ukirinda aho yaciye,
Ko hanuka bibi cyane!

30 Wayireba itambuka,
Ukayirata kuba itungo
Wayikebukamo imihore,
Ukayihongera ibijumba.
Uko yatendeje izuru,

35. Ku iherezo ry'umutonzi,
Ni ko itengura ibivuvu;
Iyo rwarika-mavubi,
Ikabihoroba ikabihwanya,
Ikabivunja ikabivuruga.

40 Aho isohokeye ngo urebe,
Ukayikeka kuba imvuzo,
Ari ukuzuraho ivu.
Ubwo iteye mu nyambo,
Z'umutware w'Uruyangé,

45. Yinyuriye ku irembo,
Bikanga rwabwiga!
Ingeyo zose zirakubana,
N'abashumba barabyuka,
Barahahamuka, barahuruza;

50 Imyinjiro yo ikaba itanu:
Bayihimbyamo amakome!
Ubwo ibiruru birahanika,
Inzamururo zirahoga!
Uwarusazanye muri bo,

55 Yirata kuyitsirika,
Amagambo arayacurika,
Ayibwira amateshwa!
Ngo «Umurizo urawushyire irya,
Na yo amaso uyampange!

60 Wikwigira hirya:
 Gumya usange ibiraro!
 Mu buryamo nihakonje,
 Mu ijanja nihadhyuhe!
 Ntutinde mu igenda
 65 Gira uguruke ay'intashya!"
 Avugishwa ijoro ryose!
 Ngo burakeye barareba
 Iyo ntamati ibugarije:
 Yegereye imyugariro

70 Iraharyama harazibama.
 Bayitura izimano
 Umutware yohereje:
 Icyo gitebo cy'ibijumba,

Ngo ikirabukwe ku rukinga,
 75 Iragisanga igihugiraho,
 Buguruye ziraturuka!
 Umutware w'Urulyange
 Yemera ko mu nyambo,
 Z'umwami nyir'u Rwanda
 80 Bayirabukira ibitebo
 Bakayoboka ikabatwara
 «Indyohesha-biray!»

Alexis Kagame

Inyunguramagambo

Igikoroto: ikintu kinini cyane

Inzarwe: ahantu habaye icyondo gikabije wanze n'amazi

Rwa muturagara ku bijumba: Irya ibijumba byinshi ikagwa ivutu igahita iryama.

Ijabo: icyizere umuntu yigirira cyo gukora ibikorwa byamuteza imbere.

Umucanda: akabwana k'ingurube kakiri gato.

Amacamba: icyondo gitangije gukamukamo amazi.

Rwabwiga: imbogo

Icyagane: umunuko

Zirakubana: zigira ubwoba

Ikome: umuriro mwinshi cyane

Kurabukira umuntu: kumuha amaturo

Twumve umwandiko

1. Uyu muvugo uravuga ku yihe nyamaswa?
2. Tanga urugero rw'inyamaswa imwe cyangwa ebyiri umusizi agereranya n'iy' avuga ahangaha.
3. Ni ubuhe bwoko bw'inka bwakanzwe n'indyoheshabirayi.
4. Kuki uyu muvugo wiswe Indyoheshabirayi?
5. Gereranya ubworozzi buvugwa mu muvugo wa I n'ubworozzi bukorwa iki gihe.
6. Shaka iminozanganzo iri muri uyu muvugo.

Dutekereze

1. Uyu mwandiko ugamije kutwigisha iki?

Ibiranga umuvugo

Umuvugo ni umwandiko wagenewe kuvugwa. Mu mateke y'ururimi rw'ikinyarwanda ijambo umuvugo riva ku nshinga *kuvuga*.

Nyamara izina nyaryo ry'umwimerere risobanura umuvugo ni **igisigo**. Igisigo twacyita nk'ijambo mbwirwaruhame ku nsanganyamatsiko runaka ryategurwaga n'ubo bitaga **umusizi**, akazarivuga ku masni w'imihango runaka. Umusizi rero yabaga ari umuntu udasanzwe mu bumenyi bw'ikinyarwanda, ku buryo yasobekaga ururimi mu buryo bwa gihanga, haba mu magambo yakoreshaga, mu bitekerezo yabaga ashaka kugeza ku bamwumva, mu mateka y'ighugu, mbega ni uwo ab'iki gihe bita **intiti**.

Aha bakoreshaga ijambo gusiga, kuko ubusizi bwakunze kuba umwihariko w'umuryango runaka, bityo igisgo umusizi yasize kikazagugwa n'abamukomokaho nta mukarago n'umwe bibagiwe. Bamwe mu basizi twavuga ni nka Nyirarumaga, Sekarama ka Mpumba, Kibarake cya Bagorozi ba Nzabonariba, n'abandi.

Ijambo igisigo ryaje gusimbuzwa ijambo umuvugo nyuma y'umwaduko w'inyandiko mu Rwanda, kuko umuvugo wabaga uvuzwe ariko ukaba wanditse ku buryo byari bitakiri ngombwa ko umwana wa nyiri kuwuvuga awufata kugira ngo na we azawuvuge. Uvuga umuvugo na we ubu yitwa umusizi ariko ayo magambo avuga akitwa umuvugo.

Ibiranga umuvugo:

Mu mivugirwe yaho, umuvugo utandukanye n'imbwirwaruhame isanzwe kuko imbwirwaruhame igizwe n'interuro; umuvugo ukagirwa n'**imikarago**.

Icyo mbere kiranga umuvugo ni imikarago, ari yo twagereranya n'interuro mbwirwaruhame isanzwe.

Umukarago kimwe n'interuro ugizwe n'amagambo; ijambo mu nteruro rikagirwa n'imigemo, mu gihe ijambo ryo mu mukarago rigizwe n'**utubeshuro**.

Nk'uko twabibonye haruguru hari ibisigo bifite imikarago ireshya ni ukuvuga ifite inganya umubare w'utubeshuro; hajaba n'ibindi bifite imikarago itareshya, biterwa n'ubushake n'ubuhanga bw'umusizi.

Imivugo na none iba igizwe n'amagambo atondetse ku buryo bunogeye amatwi kubera iminozanganzo n'ubukesha umusizi aba yarakoresheje.

Mu bukesha abasizi bakoresha twavugamo nk'**isubirajwi** aho usanga umusizi atondekanya amajwi asa yayavuga ukumva ni uruhehemure rwa muzika.

Urugero:

Ni igikoroto cyo mu **bikoko**,
Igira ibikobokobo by'ubukombe,
Ikizihirwa isanga ibishanga,
Ikizimba aho inzarwe iganje
Ikahavurunga ijabo rikahava,
Ikahacundagura bitavugwa,
Ikahavogereza ingurube nto,
Ikahatengagura cyane
KAGAME A. Indyoheshabirayi

Na none kandi umuvugo ugaragazwa n'ubukesha bushingiye ku minozanganzo itandukanye ku buryo bitorohera buri wese kumva icyo umusizi yashatse kuvuga. Muri iyo minozanganzo twavugamo nk'irengura, iyitirira, n'indi myinshi.

Ingero:

Irengura – Umva birenge ni wowe ubwirwa
Irengura rikoreshwa iyo badashaka kwereke buri wese uwo bavuga.
Iyitirira- Asomye ikibindi inyota iriyongera
Aha ikibindi gihwanye n'inzoga ikirimo.
Igereranya: Akubita nk'inkuba hagenda we!

Ishushanya

Urugero:

Rugabishabirenge: umuntu ugira ubuntu cyane
Mugabo mu nka nyira zo azirimo: Kigeli I Mukonya umuhungu wa Cyrima I Rujugira kuko yatangiye kuyobora ighugu se akiriho.

Umwitozo:

1. Tandukanya umuvugo, igisigo, n'umwandiko usanzwe.

UBUTINDE BW'IMIGEMO N'IMITERERE Y'AMASAKU

Intego: Gusobanura inshoza y'umugemo Gusoma itonde cyangwa amajwi shingiro y'ikinyarwanda

Iyo umuntu avuze ijambo yitonze ashobora kubara inshuro yagiye abumbura umunwa kuva atangiye kurivuga kugeza igithe arangirije kurivuga. Inshuro abumbura umunwa zingana n'imigemo ijambo aba avuga riba rifite. **Umugemo** rero ni ijwi ryumvikana neza iyo uvuga ijambo abumbuye umunwa inshuro imwe. Ijambo rero rishobora kugirwa n'umugemo umwe cyangwa n'imigemo irenga umwe.

Ingero:

Umugemo umwe: Mbyo

Imigemo irenze umwe: umuti

Ijambo **umuti** rigizwe n'imigemo itatu, mu gihe ijambo Mbyo rigizwe n'umugemo umwe. Umubare w'inyuguti zigize ijambo si wo ubarwa ahubwo habarwa itsinda rigize umugemo ari ryo ingombajwi y'urusobe cyangwa yoroheje kongeraho inyajwi imwe, cyangwa inyajwi yonyine iyo iterura ijambo.

Inyandiko	Imigemo	Umubare
Mbyo	mbyo	1
Ihene	i-he-ne	3
Mudasobwa	mu-da-so-bwa	4

Umwitozo

Ca imigemo mu magambo

Umuti; umwenda; igishanga, igishwi, agahinda. urubanza,

Muri aya magambo tumaze kubona, irya mbere rigizwe n'umugemo1, irya kabiri rikagirwa n'imigemo 3 mu gihe irya gatatu rigizwe n'imigemo ine.

Buri gihe umugemo uba ufite ijwi ry'ishingiro rimwe, iryo jwi rikaba ari inyajwi. Iyi nyajwi ishobora kuba yonyine (ku mugemo uboneka ku ntangiro y'ijambo) honyine.

Umugemo ugizwe n'amajwi shingiro menshi uba ugizwe n'itsinda ry'ingombajwi risojwen'inyajwi. Kuko inyajwi ari yo ituma umugemo uvugika ku buryo buhamye, bityo inyajwi ni ryo shingiro ry'umugemo.

Iyo rero basoma amajwi shingiro cyangwa itonde ry'ikinyarwanda, kuri buri ngombajwi

cyangwa inyerera bagenda bongeraho a.

Bityo amajwi shingiro y'ikinyarwanda agasomwa: a, ba, ca, da, e, fa, ga, ha, i, ja, ka, la, ma, na, o, pa, ra, sa, ta, u, va, wa, ya, za.

Imigemo ibanguka n'imigemo itinda

Hari ubwo inyajwi umugemo ushingiyeho iba ibanguka cyangwa igatinda

Imigemo ibanguka

Amagambo akurikira afite imigemo ibanguka

Ijambo	Imigemo
Umugabo	u-mu-gabo
Amasaro	a-ma-sa-ro
Amasaka	a-ma-sa-ka
Umuriro	umu-ri-ro
Umuziriko	u-mu-zi-ri-ko
Umusore	u-mu-so-re

Aya magambo yose agizwe n'imigemo ibanguka. Imigemo ibanguka iba ishingiye kunya

Imigemo itinda

Amagambo akurikira afite imigemo imwe itinda iba ishingiye ku nyajwi ebyiri.

ijambo	imigemo
Umwana	u-mwaa-na
Umwami	u-mwaa-mi
Umuganda	u-mu-gaa-nda
Inkera	i-nkee-ra
Isabukuru	i-saa-bu-ku-ru
Ururondogoro	u-ru-roo-ndo-go-ro
Amagambo	a-ma-gaa-mbo

Aya magambo afite imigemo itinda n'ibanguka. Imigemo ibanguka ishingiye ku nyajwi imwe naho imigemo itinda ishingiye ku nyajwi ebyiri.

Imiterere y'amasaku.

Iy uteze amatwi witonze wumva umuntu uvuga ikinyarwanda asa n'uririmba. Muri uko kuririmba ashabora gushyira ijwi hejuru, hasi se, kurandaga cyangwa se gutinda. Uko kurandaga cyangwa gutinda, kujya hasi cyangwa hejuru ni ko kw'inyajwi ni ko kwitwa

AMASAKU

Bityo uburebure n'ubujyejuru bw'inyajwi turabyita amasaku.

Ubwoko bw'amasaku

Dufite amoko atanu y'amasaku ari yo: Isaku nyesi, inyunge nyesi (cyangwa nyesi ndende), isaku

Nyejuru, isaku njyesi, n'isaku njyejuru.

Aya masaku agaragara kuri muhundwanota ku buryo bukurikira:

Isaku nyesi
Nyesi ndende
Isaku nyejuru
Isaku njyesi
Isaku njyejuru

Isaku nyesi

Amagambo akurikira afite isaku nyesi. Isaku nyesi rigaragazwa n'agasharu kaberamiye iburyo.

Umugabò
Umugzi
Agatogo
Ikiraro
Igipimo
Umufuko
Urugero
Kayihura
Nyarucari

Nyesi ndende

Amagambo akurikira afite isaku ndende.

Umugaand a
Ikibaando
Agahiinda
Karemeera
Biheehe
Ruhaango
Ikireenge

Isaku nyejuru

Amagambo akurikira afite isaku nyejuru ku mugemo uyaheruka. Isaku nyejuru ryandikwa hakoreshejwe agasharu akagofero kameze nk'agasharu kaberemiye iburyo n'ibumoso.

Umagorê
Umusekê
Igisurâ
Kigalî

Isaku njyesi

Amagambo akurikira afite isaku njyesi. Isaku njyesi ryandikwa hakoreshejwe akagofero kameze nk'agasharu kaberemiye iburyo n'ibumoso, gashyirwa ku nyajwi ya mbere y'umugemo utinda.

Umwâana
Irêembo
Urwaâra
Imâana
Kuryâama
Kurêenga

Isaku njyejuru

Amagambo akurikira afite isaku njyejuru. Isaku njyejuru ryandikwa hakoreshejwe akagofero kameze nk'agasharu kaberemiye iburyo n'ibumoso, gashyirwa ku nyajwi ya kabiri y'umugemo utinda.

Umwaâmi
Icyââtsi
Gashuûhe
Karaâke
Rubeêbe

IBINTU NI UBUSA KO MWUNGERI WA NYANKAKA

Habayeho umukobwa, apfusha ababyeyi akiri muto, arerwa na nyirasenge. Igihe amaze gukura baramusaba arashyingirwa. Umunsi ubukwe butaha, igihe ari mu nzu ye n'umugabo we, Imana iramuhamagara iti: «Inzu nakugeneye si iyi.» Asohoka ubwo akurikira abakwe bari bamuherekeje. Ageze imuhira abatekerereza uko byagenze, bat: «igumire aho, none se tugire dute?»

*Ishusho yumukobwa ari imbere wikoreye ibiseke ava mu rugo aho
yari yararongowe*



Bukeye arongera arasabwa arashyingirwa. Na none bigenda kwa kundi. Igihe ageze mu nzu ye N'umugabo we, Imana irongera iramuhamagara iti: «Inzu nakugeneye si iyi.» Umukobwa na none arongera asubira iwabo. Henga n'ubukwe bwa gatatu bugende kwa kundi.

Bigeze aho, umugabo wa nyirasenge ajya guhakwa ibwami. Asiga avuze ko atazagaruka aho iyo nkunguzi y' umukobwa ikiri muri urwo rugo. Hashize iminsi wa mukobwa abwira nyirasenge ati: «Unshakire imyambaro, nzabone aho nerekera. Ni uko nyirasenge amuha imyambaro n'umuntu umuherekeza, bashyira yombi mu nzira.


Bageze mu ishyamba, ijoro riragwa. Umukobwa asanga hari akaruri k' inzu, asezerera uwari amuherekeje. Yinjira muri ako karuri asanga katagituwe. Ati: «Nta kundi ndirarira ahangaha.» Aragakubura, arangije ashyira inkono ku ziko arateka. Bumaze guhumana, agira atya abona umugenzi aragwa abyuka, ati: «Ntimwancumbikira bene urugo?» Undi ati: «Gumya uze mushyitsi muhire!»

Ishusho y'umukobwa ari imbere y'urugo ari kumwe na Mwungeri bahagaze hagati y'inka n'abaja



Uwo mushyitsi akitwa Mwungeli wa Nyankaka. Umukobwa amaze guhisha aragabura barasangira. Azana n' akayoga k' impamba barasangira. Baraganira, umunaniro urashira, bagubwa neza. Igihe cy' amaryama kigeze, Mwungeli asambira utwatsi ngo yisasire ukwe, umukobwa aramubwira ati: "Ibyo ugira ni ibiki?" Ati: "Uburiri bwanjye ni bugari turararana." Mwungeli ntiyarushya ahigima. N' ubundi kwari ukworosora uwabyukaga. Bari basangiye barebana mu maso, n' akayoga karimo, no kumenya ko bari bonyine muri iryo shyamba. Bajya ku buriri, ibitotsi ntibyatinda, bashyirwayo. Igihe cyo mu gicuku, Imana irahamagara, iti: "Mbe mukobwa nturanyurwa?" Iti: "Ngiyi inzu nakugeneye."

Umukobwa utunganya inzu iri mu gihuru.



Umukobwa akangukira hejuru, ati: "Iki gihuru ni yo nzu?" Igihe akibivuga, abona rya shyamba ryahindutse ingoro ngari. Abantu baduhira, abaja bacunda, ibisabo byikiranya, amashyo y' inka akinje, iz' imbyeyi zivumera. Mwungeli akangutse, umugore aramubwira, ati: "Imana yadukijije ntibigutonde." Mwungeli amaze gukanguka neza, bibanza kumuyobera, agira ngo ararota. Aratinda asanga ari ko biri. Abaza umugore ati: "Ibi bintu se tuzabihorana?" Undi ati: "Imana yambwiye ko tuzira ibintu bibiri: ko tutari abami, ko tugomba kuyoboka nyir' igihugu; ikindi kandi, ko tuzirinda guhemukirana." Mwungeli ati: "Niba ari ibyo gusa, umugisha uraduhamye. Ejo naje ngira nti bene urugo nimucanire; none dore abantu baranyirahira banyiyambaza. Ati: "Ubuhemu simburanganwa." Haciye kabiri Mwungeli ajya gukeza ibwami. Afata igihe aratinda. Umugore arategereza, ararambirwa. Bitinze areba umwe mu bagaragu ati: "Nategereje umugabo wanje, none ngwino ujye undaza." Ijoro bararanye ubwa mbere ha hantu bari batuye harasama, bya bintu byose birarigita, hadendeza ikiyaga cy' amazi.

MWUNGERI AVUNA UMUHETO WE



Mwungeli amaze gucyura igihe, aratahuka. Ageze hakurya y' iwe, abona ikiyaga cy' amazi kidendeje. Ati: "Nta shiti, umugore wanje yakoze icyo Imana yari yaratubujije. Yenda umuheto ashyira ku ivi arawuvuna, yiroha muri icyo kiyaga arasoma arapfa.

Ubwo hakurya hakaba umugabo Mutumo wa Kinyoni, akaba yahuye inyana zisubkiye iswa ku kazubaka kiberinka. Abonye ibyabaye kwa Mwungeli, ati: "Ibini uguhata inzira ibireng ekandi amaherezo ari ariya. Ati: "Hinganiyanure ibiyagabikiyaga." Nukonaweyicokamumaziarapfa.

Abo bagabo bombi ni bwo bahindutse umugani ngo: "Ibantu ni ubusa ko Mwungeli wa Nyankaka." Ni naho igitutsi cyavuye ngo naka arakagenda nka Mutumo wa Kinyoni, ari byo kuzira amaherere.

Inyunguramagambo

Nyirasenge: mushiki wa se

Guhakwa: kujya kuba mu rugo rw'umuntu ukize kukurusha ugakorera igihembo uhita ubona cyangwa uzabona nyuma y'igihe runaka urangije ubuhake.

Gucyura igihe: kurangiza ubuhake ugataha iwawe.

Nta shiti: nta gukeka, ni ukuri.

Guhata inzira ibirenge: kugenda wihuta cyane.

Twumve umwandiko

1. Kuki umukobwa uvugwa muri uyu muri uyu mwandiko yhitaga ava mu nzu yashatsemo?
2. Ni iki cyateye umugabo wa nyirasenge w'uyu mukobwa uvugwa ahunga urugo rwe?
3. Mwungeri wa Nyankaka yamenyanye ate n'uriya mukobwa?
4. Imana yasabye iki umugore wa Mwungeri?
5. Sobanura impamvu uyu mugani bawise ngo Ibantu ni ubusa.

Dutekereze

1. Uyu mwandiko ugamije kutwigisha iki?
2. Ni izihe ngingo ziranga amateka n'umuco nyarwanda ziri muri uyu mugani?
3. Wavuga iki ku buryo Mwungeri yabanye n'uriya mugore?

IBICE BIGIZE UMWANDIKO

Umwandiko usanzwe ugizwe n'ibice bitatu ari byo: intangiriro, igihimba, n'umusozo.

Intangiriro

Intangiriro ni cyo gice kibimburira umwandiko. Umwanditsi atangira amenyesha ibyo agiye kuga ariko atabiva imuzi kuko aba ari bubivuge muri gihimba. Avuga gusa mu magambo make ashoboka cyangwa akavuga ingingo ari buvugeho mu gihimba.

Igihimba

Mu gihimba, umwanditsi avuga mu magambo arambuye ingingo zose yakomojeho mu ntangiriro. Ahara ingingo ku ngingo, yirinda kuvanga ingingo zidafite aho zihuriye. Buri ngingo igomba kugira umuwanya wa yo. Hari abakurikiranya ingingo bava ku ziremereye kurusha izindi, bajya ku zoroheje, hakaba n'abazikurikiranya bava ku zoroheje bajya ku zirusha izndi uburemere.

Igihimba kigirwa n'umubare w'ibika runaka bitewe n'umubare w'ingingo zivugwaho.

Umusozo

Umusozo ni cyo gice kirangiza umwandiko. Muri iki gice umwanditsi ashobora kongera kuvuga ku ngingo yari yavuze mu magambo make (ariko adasubiye mu magambo yakoresheje mu ntangiriro), ashobora gutanga umwanzuro cyangwa ibyifuzo bye ku ngingo amaze kuvugaho.

Intangiriro n'umusozo biba ari bigufi cyane ugereranyije n'igihimba.

Ingingo z'ingenzi z'umwandiko

Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko ni ibitekerezo bitandukanye, bifitanye yangwa bidafitanye isano bikubiye mu mwandiko.

Ingingo z'ingereka z'umwandiko

Mu ngingo z'ingenzi habamo ingingo z'ingereka

IHINAMWANDIKO

Ihinamwandiko ni uburyo bwo kuvuga cyangwa kwandika mu magambo make ibitekerezo bikubiye mu mwandiko runaka.

Akensi ibivugwa cyangwa ibyandikwa mu ihinamwandiko biterwa n'uburebure cyangwa umubare w'amagambo uwsabye ko bahina uwio mwandiko ashaka.

Mu guhina umwandiko birabujije kurengera wandika ingingo zidafite aho zihuriye cyangwa se gusiga ingingo z'ingenzi ukandika izitari ngombwa. Mu guhina umwandiko umuntu agomba kurasa ku nteto kuko ueretse kuba baba bamuhaye igihe gito, ntagomba no kurenza umubare w'amagambo bamubajje.

Imyitozo

1. Soma umwandiko ukurikira ugaragaze ibice biwugize werekana interuro itangira n'irangiza buri gice.

Imvaho nshya ibimburiye ibindi gusohoka buri munsi

Kunshuro yamberemumatekay'itangazamkururyandikamu Rwanda Ikinyamakurucyandika kinyarwanda "Imvaho nshya" guhera kuri uyu wa 3 cyatangiye gusohoka buri munsi.

Ubusanzwe iki kinyamakuru cyasohokaga inshuro 3 mu cyumweru nk'uko byatangajwe n'Umuyobozi mukuru w'agateganyo wa ORINFOR Willy Rukundo avuga ko byari bigamije kugeza amakuru ya buri munsi ku basomyi kuko ikinyamakuru kibaye ikinyamakuru cya 2 mu gusohoka buri munsi mu Rwanda nyuma y'icyandikwa mu cyongereza The New Times.

Iki kinyamakuru ngo kizajya kigera ku mianda yo mu gihugu hose I saa kumi n'ebyiri (6h00) za buri gitondo.

Ubwo Umunyamakuru wa Radio Rwanda yageraga mu icapiro rya ORINFOR ahansonze hacapirwa iki kinyamakuru yasanze numero y'uju munsi yamaze gucapwa, kandi yageze no ku isoko, ahagurirwa ibinyamakuru hatandukanye, ikintu abasomyi babonaga bwa mbere n'interuro iri ku rupapuro rw'imbere ku mvaho nshya y'uju munsi, ivugako yatangiye gusohoka buri munsi.

Umwe mu basomyi wari umaze kuyigura yavuze ko iyi gahunda imushimishije cyane. Naho Bugingo Fidele ukorera Imvaho Nshya, yemeza ko nk'abanyamakuru babona nta kibazo bibateye, kuba bazajya basohora ikinyamakuru buri munsi, kuko bigiye gutuma bongera imbaraga mu kazi kabu.

Umuyobozi w'agateganyo w'ikigo cy'igihugu cy'itangazamakuru ORINFOR Wili (Willy) Rukundo avuga ko ubuyobozi bwa ORINFOR bufite inshingano yo kugeza ku baturage amakuru ku gihe agamije kubajijura.

Ati: “ubu Umunyarwanda nazajya abyuka buri gitondo azajya ahura n'amakuru yiriwe avugwa ku Isi hose kandi n'abacuruzi nabo bifuza kwamamaza ngo nabo Imvaho nshya yaje kuborohereza gutambutsa ubutumwa bwabo uko babyifuza”.

Imvaho nshya, yatangiye mu mwaka w'1958, kuva icyo gihe kugeza mu muw' 1994 cyitwaga Imvaho, nyuma y'umwaka w'1994 nibwo cyatangiye kwitwa Imvaho Nshya.

Inkuru dukesha ORINFOR (Byavuye mu Gihe. com)

Andika umwandiko w'amagambo magana abiri ufite intangiriro, igihimba n'umusozo.

UTUREMAJAMBO TW'IZINA MBONERA RY'IKINYARWANDA

Izina mbonera ni izina rigizwe n'uturemajambo 3 ari two: indomo, indanganteko, n'igicumbi.

Indomo

Indomo ni akaremajambo gatangira cyangwa gaterura izina. Indomo iba igizwe n'inyajwi 1.

Mu Kinyarwanda inyajwi zikora nk'indomo ni eshatu ari zo: a, i, u

Indomo

A: amazi

I: insina

U: umutima

Indanganteko

Indanganteko ni akaremejambo kerekana inteko izina rrimo. Indanganteko ni yo utundi turemajambo dushingiraho mu nteruro. Nk'uko inteko z'amazina ari 16 indanganteko na zo ni 16.

Igicumbi

Igicumbi ni akaremajambo k'izina kadahinduka iyo rishyizwe mu nteko zitandukanye ari byo twita igoragoza.

Urugero:

Umugabo; nt1

Abagabo; nt2

Ikigabo; nt7

Ibigabo; nt 8

Atugabo; nt13

Akagabo; nt12

AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI

Amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi

Abana a-ba/-ana a \tilde{O} \emptyset /-j abana

Umwana

Utwana

Akana

Icyana

Amenyo a-ma/-in yo a+i= e amenyo

Ubwinyo

Urwinyo

Icyin yo

Akenyo

Umwana u-mu/-ana u \tilde{O} w/-j umwana

Umwotsi u-mu-otsi u \tilde{O} w/-j umwotsi

Ibyatsi i-bi-atsi i \tilde{O} y/-j ibyatsi

Imyumbati i-mi-umbati i \tilde{O} y/-j imyumbati

Amategeko y'igenamajwi ajyanye n'ingombajwi

Inyana i-n/-nyana n \tilde{O} \emptyset /n-

Inka i-n/- ka n \tilde{O} \emptyset /n-

Ihene i-n/-hene n \tilde{O} \emptyset /G-

Impuhwe i-n/-huhwe n $\tilde{O}m$ / -h imhuwe

mh = mp impuhwe

Impuha i-n/-huha n $\tilde{O}m$ / -h imhuha

Mh=mp impuha

Iriba i-ri/-riba i- ø /-riba r \tilde{O} ø /G- iriba

Ibuye i-ri/-buye

Imfura i-n/-pfura n $\tilde{O}m$ / -p i-m/-pfura

Pf=f imfura

Insina i-n/-tsina ts = s inina

Inshuti i-n/-cuti c = sh inshuti

Inzara i-n/-yara n+y = z inzara

Udusimba	u-tu/-simba t $\tilde{O}d$ / -GR udusimba
Igicuma	i-ki/-cuma k $\tilde{O}g$ / -GR igicuma
Imbeba	i-n/-beba n $\tilde{O}m$ / -b imbeba
Urwembe	u- ru/- embe u $\tilde{O}w$ / -J urwembe
Inzembe	i- n/- embe i-ny/-embe -n- ifite impinurantego -ny- n+y = nz inzembe

Umwitoto

Shaka uturemajambo tw'amazina akurira, ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi.
Umugabo, agatereranzamba, urwikekwe, iriba, umugezi, agasaro, icyambu, indirimbo, imbehe, impano, inzara, inshira, imfuruka, inyenyeri, samusure, inzozi.

IBISAKUZO

Ibisakuzo ni bimwe mu buvanganzo nyarwanda byakoreshwaga na rubanda mu bitaramo. Bakundaga gusakuza bicaye imbere y'iziko bataramye cyangwa bategereje ko ibyo kurya batetse bishya. Uretse kuba ibisakuzo byari uburyo bwo kuruhura umubiri baktse imirimo iruhije, byaranigishaga kuko byatumaga abana bakiri batoya bamenya kuvumbura amarenga ahishe mu magambo, bityo bakahigira uwengene. Ibisakuzo na none byatumaga uwengene bw'abakiri bato bukura neza kuko iyo bamuteraga igisakuzo ntacyice yaragifataga nawe akazagitera abandi. Ibisakuzo kandi ni uburyo bwiza bwo kwigisha abakiri bato kumenya, kuvumbura no kugira impaka mu ruhame.

Ujya gutera igisakuzo aravuga ati “sakwe sakwe!”

Ushaka ko basakuza mu bo bicaranye ati “soma”

Uwo bateye igisakuzo iyo atanze igisubizo kitari cyo, uwakimuteye araceceka undi akumva ko cyamunaniye akamubwira ati “cyice” maze uwateye igisakuzo agatannga igisubizo. Uwo bateye igisakuzo ashoboye gutanga igisubizo nyacyo, uwakimuteye arakomeza akamutera ikindi kugeza igihe inganzo ye y'ibisakuzo ishiriye; agahindura na we bakamutera, agasubiza.

Ingero z'ibisakuzo

Sakwe sakwe! Soma!

1. Aho wabereye warabonye? Ubukumi bwa so na nyoko!
2. Karakurizaga karakurutaga wa duri we? Akanyarirajisho!
3. Nkuruye umugozi ishyamba rirahubangana! Inzara y'umusore!
4. Kuba aharengeye si ko kumva! Umwumba w'insina.
5. Zagarika amahembe ntiwamenya iyo nyoko yakowe. Ingara z'iminyinya”
6. Tuvuyemo umwe ntitwarya! Ishyiga.

IMIGANI Y'IMIGENURANO

Mu mateka yabo, Abanyarwanda bakunze kwiyambaza ururimi rwabo mu kugaragaza ibiyumvo byabo, bituma barukunguhaza, bakoresheje ubuvanganzo buhanitse. Muri ubwo buvanganzo twavugamo nk'ibisigo, ibyivugo, amahamba, amazina y'inka, imyoma, amahigi, inanga, ibihozo, ibyishongoro, amagorane, ibisakuzo, imigani miremire, imigenurano, insigamigani n'ibindi.

Umugani mugufi cyangwa umugenurano

Nk'uko tubisanga mu Birari by'insigamigani "Umugani ubwaho ni umwanzuro w'amarenga y'intekerezo." Ni ukuvuga ngo umugani w'umugenurano ni amagambo ataziguye umuntu akubwira ashaka kugira ubutumwa runaka akugezaho atakweruriye kugira ngo wumve neza ibyo akubwira atagombye gukoresha amagambo menshi.

Umenurano ntawe uba azi uwawuciye. Umumaro waho ni ukwigisha abantu kwitwara mu buryo ubu n'ubu.

Urugero:

Utazi ubwenge ashima ubwe.

Ariko kandi hari ubwo umugenurano uba ufite inkomoko izwi, ni ukuvuga uwo waturutseho, icyo gihe witwa insigamigani. Insigamigani ni izina ry'inyunge rigizwe n'amagambo abiri: *gusiga n'umugani*:

Insigamigani bisobanura amagambo bibukiraho umuntu kubera ibikorwa bye byiza cyangwa bibi.

Urugero:

Gasharankwanzi ka Bureshyo ati
" *Ucyenze rimwe ntaba akimaze.*"

Insigamigani zirimo ingeri ebyiri: insigamigani ny'irizina n'insigamigani nyitiriro. Insigamigani ny'irizina ni abantu bazwi neza ku buryo rubanda bemeye kwigana imigirire yabo mu mvugo yaburi gihe, bigahinduka inyigisho y'ihame. Abo bantu barimo ibice bibiri: abagenuzi b'insigamigani, ni ukuvuga abazivuze. Nka Yuhi Gahindiro wagize ati: «*Akimuhana kaza imvura ihise*» Na Mpongo ati: «*Genda mpongo urashaje.*»

INSIGAMIGANI NYITIRIRO

Ni ibindi bintu bitari abantu bagenuriyeho bakabigira iciro ry'migani. *Nk'inyombya ku itongo rya Rugaju* iti: «Mbateye akari aha.» Insigamigani ni ijambo rikoreshwa ku buryo bubiri: hari uwo wakomotseho n'umugani ubwawo.

Ntawavuga imigenurano ngo asige imigani miremire.

Umugani muremure

Umugani muremure ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda ivuga inkuri itarabayeho, akenshi igashyira mu ruhando abanyarubuga bafite ingufu z'indengakamere ikoresheje ikabya. Iyi nkuru nta wuba azi inkomoko yayo. Imimaro y'ingenzi y'umugani muremure ni ugushimishaabantu, kubigisha gukora cyangwa kudakora nk'umunyarubuga uyu n'uyu, no gutoza abato kumenya kuvuga neza bashyize ibitekerezo byabo ku murongo.

Urugero rw'umugani muremure: *Umukobwa wo mu gisabo*.

Ingero z'imigani y'imigenurano

Uwiba ahetsa aba abwiriza uri mu mugongo.

Igisobanuro: Ntugakore ibintu bibi abana bakureba kuko na bo uzaba ubigisha gukora nabi *Uguhiga ubutwari muratabarana*.

Igisobanuro: Iyo umuntu akwishongoyeho ngo akurusha gukora ibi n'ibi byaba byiza muhiganwe bikagaragazwa n'ibyo mukoze.

Utazi ubwenge ashima ubwe.

Igisobanuro: Uyu mugani ushaka kuvuga ko umuntu udafite icyo azi ari we ubona arata ibyo azi aho kugira ngo areke abandi bamwigishe ibyo bazi.

Umukobwa aba umwe agatukisha bose.

Igisobanuro: Umuntu umwe mu itsinda runaka ry'abantu iyo akoze ikosa usanga ryitirirwa rya tsinda ryose.

Inyana ni iya mweru.

Igisobanuro: Uyu mugani bawuca iyo babonye umuntu ukora ibikorwa bibi abamubyaye na bo bakaba barakoraga ibikorwa nk'ibyo.

Findi findi irutwa na so araroga.

Igisobanuro: Aho gukeke umuntu ibyo udaftiye gihamba ukagenda umubwira abandi, wamwegera ukabimwibwirira akaguha ibisobanuro ukava ku izima.

Utaranigwa agaramye agira ngo ijuru riri hafi.

Igisobanuro: Uyu mugani ushaka kuvuga ko umuntu utarahura n'ikibazo runaka atekereza ko aramutse ahuye na cyo yagikemura nta ngorane.

Urwishigishiye ararusoma

Igisobanuro: Uyu mugani ushaka kuvuga ko iyo umuntu yikururiye ibibazo abizi neza agomba kwemera guhangana n'ingaruka bimugizeho.

Ushaka inkama arya nka zo

Igisobanuro: Uyu mugani ushaka kuvuga ko iyo umuntu ashaka ikintu cyiza agomba kukigeraho arushye, nta wakwicara ngo ibantu bimwizanire adakoze.

Umwitoto

Sobanura iyi migenurano

Buhoro buhoro nirwo rugendo.

Burya muka so ntaba ari nyoko.

Amenyo ni amabuye.

Urugiye kera ruhinyuza intwari.

Umugore w' umupfu arikirigita agaseka.

Umwana w' undi abishya inkonda.

Umwana w' umuja akubitirwa ku mazi nyina yavomye.

Umwana w' umwingingano umuha amata akaruka amaraso.

Umwanzo agucira akobo Imana igucira akanzu.

Umwera uturutse ibukuru ukwira hose.

Umwijuto w' ikinonko ugorango imvura ntizagwa.

Uzangaye gutinda ntuzangaye guhera.

Upfuye akuruta niyo mugeze ikuzimu arakuruta.

Uruboza ruruta ururumbya.

Umwana umuhana avayo ntumuhana ajyayo.

Uruciye mu nsi ntamenya ikiruri imbere.

Utabusya abwita ubumera.

Utaganirije na se ntamenya icyo sekuru yavuze.

Utagera ibwami abeshywa byinshi.

Utagira nyirasenge arisesga.

Utaranigwa agaramye agirango ijuru riri hafi.

Uvuze ko nyir' urugo yapfuye si we uba amwishe.

Ushaka inka aryama nka zo.
 Uwanze kumva ntiyanze kubona.
 Uwanze kwumvira se na nyina yumvira ijeri.
 Uwanga gutenguhwa atuma mukuru.
 Uwanga amazimwe abandwa habona.
 Uwabike ntasaba arasumbakaza.
 Umutwe umwe wifasha gusara, ntiwifasha gutekereza.
 Umwana apfira mu iterura.
 Umwambari w' umwana agenda nka se.
 Uwiba ahetse aba abwiriza uwo mu mugongo.
 Uwicishije inkware ukwaha ahora akumanitse.
 Uwifuje umugisha w' undi annya ibuye.
 Uwigize igitebo ayora ivu.
 Uwitonze akama ishashi.
 Uwitumiye yitwaza intebé.
 Uwiyishe ntaririrwa.
 Uwo uzaheka ntumwisha urume.
 UWUBUBA abonwa n' uhagaze.
 Uyambariza ku ishyiga ikagusiga ivu.
 Usenya urwe umutiza umuhoro.
 Wanga gucyura ihene hakibona bwakwira ugahebeba nka yo.
 Umukobwa aba umwe agatukisha bose.
 Umukwe w' isoni ahera mu mfuruka.
 Umwana umwe si umuryango.
 Umuruho ntiwabira habira nyirawo.
 Umukecuru uhaze akina n' imyenge y' inzu.
 Umusazi arasara akagwa ku ijambo.
 Umusazi asiga akamvirukana, ntasiga akamvirukamo.
 Umushumba yakubise undi ati: genda shahu turacyaragiranye.
 Umutego mutindi wica nyirawo.
 Umutima muhanano ntiwuzura igituza.
 Umutima usobetse amaganya ntusobanura amagambo.
 Nta byera ngo de.
 Nta kabura imvano.
 Nta mubi wisize.

1. Uzuza iyi migani.

- Akagabo gahimba
- Urucira muka so
- Amareshyamugenzi
- Umukecuru waritse
- Agasozi kamanutse inka
- Umanika agati wicaye
- Uwanga amazimwe
- Findifindi

NTERA

Ntera ni ijambo rishishingiye ku ndangasano no ku gicumbi. Ntera iherekeza izina cyangwa irindi jambo ikavuga imitere cyangwa imimerere yaryo. Ntera ishobora kujyana n'izina cyangwa ikarisimbura. Ntera isanishwa n'izina kandi iboneka mu nteko zose.

Ibitandukanya izina na ntera.

Izina	Ntera
Rigira indanganteko mu nteko ryagenewe	Ijya mu nteko zose
Rigira indanganteko	Igira indangasano
Amazina agira ibicumbi bitabarika	Ntera zigira ibicumbi bibaze (11)
Izina ni ijambo ngengamasano mu nteruro Urugero: Umugabo munini araboneka turamubona. Ubwato bunini buraboneka turabubona.	Ntera ifata isano igendeye ku izina (isanishwa n'izina mu nteruro) Urugero: Umugabo munini araboneka turamubona. Ubwato bunini buraboneka turabubona.

Uturango twa ntera

Ntera igizwe n'indangasano n'igicumbi, ariko iyo isimbuye izina igira indomo.

Urugero:

Umugabo munini turamubona.
Umunini turamubona.

Ibicumbi bya ntera

Ntera zifite ibicumbi kamere n'ibicumbi nkomoka.

Ibicumbi kamere bya ntera ni ibi bikurikira:

- /-bi /-re (re)
- /-tagatifu
- /-tindi
- /-to (toya)
- /-zima
- /-inshi
- /-taraga
- /-bisi
- /-gari
- /-gufi
- /-iza
- /-ke
- /-nini
- /-sa
- /-shya
- /-hire
- /-kuru
- /-ni

Ibicumbi nkomoka bya ntera ni ibi bikurikira:

Ku mizi ya ntera dushobora kongeraho imisuma tukabona ibicumbi nkomoka.

- /-gufi; /-gufiya
- /-to; /- toya
- /-ni; /-niya
- /-ninya; /-nzinya; /-nyuru; /-nuru; /-nuya; /-nuyu; /-nzunyu; /-nzuguru; /-nzugunu;
- nzuguru; /- onyine≈ /-enyine

Ntera mburabuzi

Ntera mburabuzi ni ntera zijyana n'amazina yagenwe.

- /-angu ≈ /- ango (bisobanura kudakora icyo ugenewe)

Inda nyangu

Inshuro nyangu

- /-hanya

Umuhoro muhanya utema ibizarara. (Ibihuru)

- /-itumo

Umurimo mwitumo (umurimo umuntu yiyemeje gukora kugeza awurangije)

/- kurambere

Igiti gikurambere

/-oro

Inyoni nyoro ntitora mu ruhuri.

/-rizi

Umwana murizintakurwa urutozi.

/-rinzi

Umumarayika murinzi

/-mu (soma kimwe n' «umugore»)

Inkungu nyumu (inkungu soma kimwe n' «umwami»): inyota ikaze

Amagambo adahinduka akora kimwe na ntera

Ingero:

Igitsina gab (gore)

Igihindu gembe

Umukungu jumba

Amaso nkanu

Umusaza rukukuri

Umuco nyarwanda

Ibicumbi bya ntera byisubiramo

Iyo igicumbi cya ntera cyisubiyemo ntigire icyo ihindukaho irema amagambo abiri, ariko iyo ibice byayo bisubiwemo hakagira igihinduka birema ijambo rimwe.

Ingero:

Amazi mabimabi

Umuzungu musamusa

Ibisyimbo bikebike

Ibirayi binibini

Nyamara:

Udutugori dutoto

Imyenda mishyashya

Amategeko y'igenamajwi muri ntera

Abana beza ba/-iza a+i=e beza

Ibiti byiza bi/-iza iÓy/-J byiza

Amazi menshi ma/-inshi a+i=e menshi

Ibigori byinshi bi/- inshi i Óy/-J byinshi

Inka nziza nzi/-iza muri nt 9, 10 indangasano ya /-iza ni nzi ntiwakita ny kuko

utashobora gutandukanya inyibano n'inzibano
 Inzu ndende n-/re- n- /re r̩d/n- ndende
 Igit i kirekire ki-/re-ki-/re kirekire
 Udutoki dutoto tu-/to-/to t̩d/-GR

Umwitoto

1. Ca akarongo kuri ntera mu mwandiko ukurikira, uzishakire uturemajambo, ugaragaza n'amategeko y'igenamajwi.

Imana yaremye abantu ku buryo butandukanye: harimo ababi n'abeza, abakuru n'abato, abarerebare n'abagufi, ariko benshi ntibatekereza ku bumuntu bwabo. Nyamara, umuco nyarwanda udutegeka kwicisha bugufi kuko ari ari abandi bagomba kutugira barebare.


2. Koresha ibi bicumbi bya ntera mu nteruro

-Bibi, -rere, -toto, Gabo, gore, -gufi, -angu, -niya, -nzugunya

UBURINGANIRE

abantu basobanura ijambo uburinganire ku buryo bwinshi. Nyamara igisobanuro cy'ifatizo cy'ijambo uburinganire ni uwuzuzanye bw'ibitsina byombi.

Ishusho y'umugore n'iy'umugabo bareshya mu rwego rw'imibereho



Uburinganire bwumvikana neza mu buryo bubiri: imiterere y'umuryango mugari n'umutungo. Ibi bivuga ko nta vangura iryo ariryo ryose, bafite uburenganzira bungana, uburenganzira busesuye bugerwaho mu kugira uburenganzira ku mutungo no mu gukuraho imigenzo ishingiye ku ivangura.

Uburinganire bw'ibitsina byombi ni ihame ryo guha abahungu n'abakobwa, abagore n'abagabo amahirwe angana yo gukoresha ubushobozi bwabo mu kubahiriza uburenganzira bwa muntu. Ubwuzuzanye bushingiye ku burezi n'ubuzima bwiza hatibagiranye itandukaniro ryabo, maze bigakoreshwa mu kurwanya ubusumbane bw'ibitsina byombi. Ubwuzuzanye bwita cyane ku myitwarire myiza n'umumaro wayo kurusha uburinganire butsindagira ku buryo abantu batagira itandukaniro. Niyo mpamvu, ubwuzuzanye butirengagiza imiterere y'uburinganire.

Ishusho y'abahungu n'abakobwa mu ishuri bakoresha mudasobwa.



Politiki y' u Rwanda ku buringanire bw'ibitsina yita kuri ayo mahame avuzwe haruguru. Ni ngombwa kumva neza ko tudashobora kugera kuburinganire bw'ibitsina niba hatabayeho ubwuzuzanye bw'ibitsina. Ubwuzuzanye bwatangiye gukoreshwa mu mishinga y'ishoramari riciriritse ryihariye ku bagore n'ubwo hari abagabo babaho kimwe n'abo bagore bagomba kubona inguzanyo. Uburinganire bwo bwabibona nk'ivangura, mu gihe ubwuzuzanye bukibona nk'igikorwa cy'ingirakamaro.

Ayo mahame avuzwe haruguru atuma habaho ihame ry'ibikenewe mu buringanire. Ibyo bikenerwa bigabanijemo kabiri: amahame remezo y'ibikenewe no gushyira mu bikorwa.

Gushyira mu bikorwa ihame ry'ibikenewe mu buringanire: Ni inyungu zigaragara mu mibereho y'umugore cyangwa umwanya afata nk'umugore mu kubona amazi, kugaburira abana no kwita ku muryango ku by'ubuzima bwiza, basabwa gukora mu muryango mugari. Ibi bigaragazwa neza mu iteganyamigambi ry'igihe gito

Inyunguramagambo

Uburinganire: uburyo bwo guha amahirwe abantu b'igitsina gore n'ab'igitsina gabu kugira ngo ibihugu n'isi muri rusange bigere ku iterambere ritagira uwo riheza, kuko hagize **uhezwa nta terambere ryaba ririho.**

Imigenzo: Imico ikurikizwa n'abantu bagize itsinda runaka.

Ihame: ukuri kugaragarira buri wese

Iteganyamigambi: uburyo umuntu, ikigo, igihugu bagena imari bazakoresha mu gihe runaka, aho izava, n'ibyo bazaitaho kurusha ibindi.

Ubwuzuzanye: Uburyo bwo kuba magirirane hagati b'umugore n'umugabo, ntihagire uwibona ko ari we ufite ubushobozi bwo gukora ibi n'ibi kurusha undi. s

Mwumve umwandiko

1. Kuki hagomba kubaho uburinganire n'ubwuzuzanye?
2. Ni izihe ngaruka ubona zakomoka ku ivangura ry'ibitsina mu gihugu?
3. Ubuzima bwiza bw'umuryango bushingiye kuki mbere na mbere?
4. Imana yasabye iki umugore wa Mwungeri?
5. Sobanura impamvu uyu mugani bawise Uburinganire.

Dutekereze


1. Uyu mwandiko ugamije kutwigisha iki?
2. Ni izihe ngingo ziranga uburinganire zikubiye muri uyu mwandiko?

Umwitoto

1. Kora incamake y'uyu mwandiko mu magambo atarenga mirongo itanu.

UBUMWE N'UBWIYUNGE

Abantu barimo kubakira umuntu warokotse jenoside yakonewe y'abatutsi yo muri 1994.



Abashyitsi baturutse muri Kaminuza ya Hamline University muri Leta zunze ubumwe z'Amerika ubwo basobanurirwaga intambwe imaze guterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda.




Ifoto y'urwibutso nyuma y'ibiganiro

Ku wa kabiri tariki ya 29 Gicurasi 2012, mu cyumba cy'inama, cya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge habereye igikorwa cyo kwakira urubyiruko rw'abanyeshuri biga mu gashami k'imibanire myiza y'abantu bo muri Kaminuza ya Hamline University yo muri Leta zunze ubumwe z'Amerika ruhekejwe n'umwarimu wabo Madamu Porofeseri Melisa Embser- Herbert. Muri uru ruzinduko aba bashyitsi basobanuriwe amavu n'amavuko, intego n'ibyo iyi komisiyo imaze gukora ngo igere ku bumwe n'ubwiyunge.

Bwana Kananga Richard uhagarariye ishami ryo kubaka amahoro arambye, gukumira no gukemura amakimbirane; ari nawe wakiriye uru rubyiruko rwari runaherekejwe na bamwe mu bayobozi babo, yabagaragarije intambwe ishimishije imaze guterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge mu gihugu cyacu, nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yababwiye ko ubumwe n'ubwiyunge ari inshingano ya buri munyarwanda. Kugira ngo ibi bishoboke, zimwe mu nzira zifashishijwe harimo nko gutanga ibiganiro bihoraho, binyujijwe mu bikorwa by'umuganda, inkiko gacaca, ubudehe, gahunda ya gira inka ibi byose bikaba bihuza abaturage bakarushaho gusabana, hatangwa kandi ibiganiro mpaka mu bigo by'amashuri mu rwego rwo gufasha urubyiruko mu gukurana umuco w'ubumwe n'ubwiyunge ndetse no kujya impaka zubaka. Gushinga amatsinda y'ubumwe n'ubwiyunge mu bigo by'amashuri, kwigisha uburere mbonera gihugu, ingando mu bice bitandukanye by'Abanyarwanda.

Abantu bari mu nteko ya gacaca.



Yakomeje asobanurira aba bashyitsi ko nubwo ibi byose byagezweho ariko hakiri imbogamizi zirimo ibisigisigi by'ingengabitekerezo ya jenoside ikigaragara hamwe na hamwe, amaradiyo mpuzamahanga agipfobya jenoside yo muri mata 1994, cyangwa guhembera amacakubiri, kutavugisha ukuri kwa bamwe mu bagize uruhare muri jenoside, ibikomere bya jenoside bikigaragara hamwe na hamwe zirimo ihahamuka, ubupfubyi n'ibindi.

Mugusobanurira aba bashyitsi aho intambwe y'ubumwe n'ubwiyunge yaba igeze, Bwana Kananga Richard yavuze ko ubumwe n'ubwiyunge bugeze kuntera ishimishije, kuko bamwe mu bakomoka mu miryango y'abagize uruhare muri jenoside bemeye kandi bakirega icyaha cya jenoside ubu bashyingirana nabo mu miryango yabajemukiwe. Ubu abanyarwanda bose biyumvamo ko kubaka u Rwanda ari inshingano za buri wese.

Aba bashyitsi bahawe umwanya uhagije wo kubaza no gutanga ibitekerezo banashimira Komisiyo uruhare igira mu kongera kubaka ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda. Basobanuriwe kandi ibijyanye n'uburyo komisiyo ikoresha bwo gutanga ibiganiro mu bagororwa, hategurwa ko ababa barangije ibihano byabo basubira mu buzima busanzwe, bategurirwa kujya mu muryango nyarwanda.

TWIBUKE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI 1994

Yanabasobanuriye ko kwibuka jenoside yakorewe abatutsi haba ubwitabire bwabyo cyangwa kwifatanya n'abacitse ku icumu byumwihariko mu gihe cyo kwibuka ari ikimenyetso kigaragaza urwego Abanyarwanda bamaze kugeraho mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge.

Aba bashyitsi kandi bahawe ibitabo mfashanyigisho na filime y'ibikorwa ntangarugero by'ubumwe n'ubwiyunge bizabafasha gusobanukirwa neza intambwe imaze guterwa muri urwo rwego.

Daniel Ntirenganya na Charles Mukiza

Kujya impaka Impaka: Gutura mu mujyi no gutura mu cyaro, icyiza ni ikihe?

Uyobora ikiganiro: Mukamasabo

Ushinzwe ingengabihe: Rukundo

Ushinzwe imyitwarire: Kabarisa

Utanga amanota: Rwaburindi

Itsinda rishygikiye kuba mu mujyi:

Umuyobozi w'itsinda: Ntampaka

Abagize itsinda: Matsiko, Kamujyi, Nyampinga

Itsinda rishygikiye kuba mu cyaro:

Umuyobozi w'itsinda: Mukamanzi

Abagize itsinda: Rusaku, Kwitonda, Kabaka

Muri aka kanya tugiye guha urubuga amatsinda abiri agiye kujya impaka ku nsanganyamatsiko ikurikira: Gutura mu mujyi no gutura mu cyaro, icyiza ni ikihe?

Njye uyoboye impaka nitwa Mukamasabo; ushinzwe ingengabihe ni Rukundo; ushinzwe imyitwarire ni Kabarisa naho tanga amanota ni Rwaburindi.

Impaka rero ziratangiye. Itsinda rishygikiye kuba mu mujyi riyobowe na Ntampaka, rikaba rigizwe n'aba bakurikira: Matsiko, Kamujyi, na Nyampinga

Itsinda rishygikiye kuba mu cyaro riyobowe na Mukamanzi na ryo rigizwe n'aba bakurikira: Rusaku, Kwitonda, na Kabaka. Uhabwa ijambo ntagomba kurenza iminota ibiri afite ijambo. Nayirenza ushinzwe ingengabihe arajya amuhagarika.

Ijambo rihawwe Ntampaka.

Ntampaka: Itsinda ryacu rishygikiye kuba mu mujyi. Kuba mu mujyi ni byiza cyane rwose. Ibyangombwa byose by'iterambere biba bikwegereye: imihanda myiza, ikibuga cy'indege, amashuri, amavuriro n'ibindi byose utabona mu cyaro.

Ijambo rihawe Mukamanzi.

Mukamanzi: Ariko murasetsa. Hari umujyi uba ahatarahoze icyaro! Dore nawe, abanacyaro nibo batuma abanyamujiy babaho. Ibitunga abanyamujiy byose babikura mu cyaro. Nanone kandi mu mujyi usana badatuje, birirwa biruka gusa, nta mumbyeyi wita ku bana, nta kindi bavuga uretse gushaka amafanga.

Ijambo rihawe Matsiko.

Matsiko: Burya koko ngo utabizi yicwa no kutabimenza. N'ubwo Mukamanzi avuze ngo icyaro ni cyo kigaburira umujyi, yiyibagije ko tubaha amafanga. Ubwo se tutabahaye amafanga ibyo mwejeje mwabishyira he, ko byabapfira ubusa? Ikindi mu cyaro ushaka kugira aho uteberera ukabura ikihakugeza, waba ubonye n'imodoka igutwara, wagera imbere yagira ikibazo, ntubone umukanishi uyikora, bityo gahunda wari ufite zose zikangirika.

Ijambo rihawe Rusaku.

Rusaku: Njye rwose sinaba mu mujyi. Haba urusaku ruteye uwoboa rw'ibimodoka. Iyo uhatembera ugenda wigengesereye, uwo muvuganye wese, usanga ari umunyamitwe, n'utwo bariye ntitudhaza ngo baba bazigama. Kandi ibyo Matsiko yavuze ngo haba amashuri, no mu cyaro arahari rwose. Ubwo se amashuri y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka cumi n'ibiru abarizwa he? Ndetse hari n'aho usanga za kaminuza. Ikindi yavuze ni amavuriro. Mu cyaro se ho ntahari?

Ahubwo njywensanga umujyi worora ubunebwe, abadashaka gukora nibo bawuhungiramo!

Ijambo rihawe Kamujyi

Kamujyi: Mu cyaro usanga abantu bose bafite umwanda, n'iyo bakarabye ntibacya. Maze wagenda wisigiye agakweto kawe, katakwicwa n'ivumbi kakazira icyondo. Wagira ngo ugiye kwifatira icyo kunywa buri wese akaza ngo nsomya, cyangwa akagusaba amafaranga nk'aho hari akazi yagukoreye. Ntibabonye umukobwa wiyanbariye ibigezweho bakaryana inzara bati “iriya ni indaya! . . .”

Tok, tok, tok!

Ijambo rihawe Kwitonda.

Kwitonda: Icyo mpfa n'abanyamujyi ni uko buri wese yiye. Ubwo se iyo mihanda myiza ntikomeza ikagera no mu cyaro? Naho kudutwerera umwnada ni uko musanga tuvuye mu mirimo. Ubwo se abakanishi bo mu mujyi basa bate?

Ijambo rihawe Nyampinga.

Nyampinga: Murakoze kumpa ijambo. Mu cyaro rwose baragowe. Kugira ngo umuntu agree kwa muganga arwaye ni ihange. Nyamara mu mujyi ukorora gato ukaba ugeze ku bitaro. N'yo hatakwegereye cyane uhita ufata imodoka ukahagera nk'aho mvugiyie.

Ijambo rihawe Kabaka.

Kabaka: Murakoze kumpa ijambo. Ariko muraturatira amashanyarazi yo mu mujyi ntimuzi ko imigezi iyabyara ituruka iwacu mu cyaro? Mu mujyi hari ikindi mukora uretse gushyiraho inganda zisohora imyuka ihumanya ikirere. Usanga abantu batuye ku buryo bucucise, umuntu rwose ntabone ubuhumekero. Amafanga se yo murata ubuze icyo uyagura ntiwayapfana?

Umuhuza: Murakoze cyane ku bitekerezo byose mwatanze, noneho raka twumve uwatanze amanota, atibwire istinda ryarushije irindi kujya impaka.

Ijambo rihawe rihawe Rwaburindi.


Rwaburindi: Murakoze kumpa ijambo. Nk'uko nabikurikiranye nta na kimwe nteshutswe, nasanze itsinda rishyigikiye kuba mu mujyi ryatanze ibitekerezo bifite ireme cyane kurusha itsinda rishyigikiye kuba mu cyaro. Itsinda rishyigikiye kuba mu mujyi ryagize amanita mirongo itandatu ku ijana. Nimurihe amashyi. Naho itsinda ryari rishyigikiye kuba mu cyaro ryagize amanita mirongo ine ku ijana. Na ryo nimurihe amashyi!

Umwitoto

1. Kujya impaka ku buringanire n'ubwuzuzanye.
2. Kujya impaka ku bumwe n'ubwiyunge.
2. Ari umuganga n'umwarimu ni nde ufite akamaro kurusha undi?

UMUCO NYARWANDA: KWAMBARA, KWIRIMBISHA,

KWIDAGADURA




Inkuru ishushanyije: Ibyifuzo bitatu.

Umugabo n'umugore b'abakene bari batuye iruhande rw'ishyamba.



Inzu hafi y'ishyamba hari umugabo n'umugore.



Umunsi umwe ku kagoroba, itumba rica ibintu, batangira kuganira, bavuga iby'abaturanyi babo bifataga nabi kandi basite ibintu bitagira ingano.

Umugabo n'umugore bota umuriro



Umugore aza kuvuga ati «uwankiza sinamera nka bariya!» Umugabo ati «ni ishyano kubona bene ba bantu bakoraga ibitangaza batakibaho! Ubu simba nisabiye icyo nifuza?»

Umugore mwiza ukora ibitangaza abagera imbere



Mu gihe bakivuga ibyo, babona umugore utagira ulo asa atungutse iruhande rwabo, arabasuhuza, arababwira ati "numvise ibyo mwavugaga, none mumbwire ibyo mwifuza, ariko ntimurenze bitatu, kuko nimubirenza, ntimubona na kimwe."

Mubaze ibyo mwifuza!!!!!(umugore ababwira)

Amaze kubabwira atyo, bayoberwa aho arigitije.


Bavuga ibyo bakwiriye kwifusa

Batangira kuvuga ibyo bakwiye gusaba. Erega ntibyari byoroshye kubona ibintu bitatu gusa ako kanya, n'ubukene bari bafite! Umugore: Si njye wahitamo

Umugore rero araterura ati «si njye uhitamo, ariko iyaba nari mfite uburenganzira, hari ibintu bitatu nasaba kandi bifite akamaro koko! Ntacyo mbona cyandutira kuba mwiza

(Ishusho umugore atekereza undi mugore mwiza)

nkaba umukungu kandi nkakiranwa icyubahiro mu birori no mu materaniro




y'abakungu.» «ibyo byose ntacyo bimaze, (UMUGABO AVUGA) Umugabo aramusubiza ati «ibyo byose ntacyo bimaze, kuko umuntu ubifite atabura kurwara

cyangwa gupfa akiri muto. Ikiruta ni ukugira ubuzima bwiza, imbaraga no kuramba.»
Ishusho y'umuntu ufite ubuzima bwiza n'imbaraga

Umugore na we ati «ese kuramba byamarira iki umuntu ari mu butindi?

Umugore ati kuramba byamarira iki umuntu ari mu butindi?
Avuga atyo

Ahubwo byatuma aba umunyabyago igihe kirekire. Aho uzi kubura icyo urya no guhora mu maganya(umugore avuga)!
Iyaba wa mugore yaduhaye uburenganzira bwo gushaka ibintu birenze bitatu kuko mbona dukeneye byinshi.»



Umugabo aramubwira ati «ibyo ni koko, ariko reka twoye guta igihe, dutekereze neza, ejo tuzabe twabonye ibyifuzo bitatu bidufitiye akamaro koko. Reka tube twiyotera dore n'imbeho yaciye ibantu.»

Ubwo abivuga yenygeza umuriro wari umaze gucika. Nuko umugore arivugisha ati «mbega umuriro mwiza, uwampa inyama ngo nyotse kuri aya makara!» Akibivuga atyo, abona intongo y'inyama iraguye. Icyo ga kiba kibaye icyifuzo cya mbere!

Umugabo abonye iyo nyama, umujinya uramwica, abura aho akwirwa, atangira gutonganya umugore we, ati “mbega umugore w'igisambo! Uko ni ugukunda inyama gusa? Ko duturiye ishyamba, inyama na zo ni ikibuze? Ukuntu wifuje nabi, icyampa ngo iyo ntongo igufate ku zuru!”


Umugabo atararangiza kuvuga, babona inyama imase ku zuru ry'umugore. Umugore ararira, agerageza kuyikuraho, ariko biba iby'ubusa. Umugabo abibonye aribwira ati «noneho nanje murushije ubucucu! Mugenzi wanje ntundenganye, nkurahiye nkomeje ko ntigeze ntekereza kukwifuriza nabi. Nari ndakaye cyane, mbivuga ntazi icyo mvuga! Reka noneho twifuze ubukungu, maze nzakugurire akantu kabengerana uzashyira ku zuru, kajye gahisha iyo nyama.»

Umugore ati «mbese ubu nakwihanganira guhorana iri shyano?» Icyampa gusa nkabona iyi nyama inyomotseho!» Akivuga atyo abona ya ntongo iguye hasi, ibyifuzo biba bibaye bitatu.

Umugabo abwira umugore ati «iri ni isomo koko! Ntidukwiye kugondoza Imana. Yo yaturemye ni yo izi ibidukwiye.»

Birira ya nyama kuko mu byifuzo bitatu ari yo bari basigaranye.

INKURU ISHUSHANYIJE



Umwitoto

1. Kora inkuru ishushanyije itarengeje impapuro ebyiri ku nsangayamatsiko ushaka.

Twumve umwandiko

1. Umugabo n'umugore baganiraga iki?
2. Bagaye abantu bameze bate?
3. Uwabategetse kuvuga ibyifuzo byabo ni nde?
4. Ese ibyifuzo byabo byarubahirijwe?
5. Mu mwanya wabo wowe wakora iki?

Dutekereze

1. Uyu mugani ugamije kutwigisha iki?
2. Ni izihe ngingo ziranga amateka n'umuco zikubiye muri uyu mugani?

GUHIMBA UMWANDIKO

Uburyo bwo guhimba umwandiko

Nk'uko twabibonye, umwandiko ugizwe n'ibice bitatu ari byo: intangiriro, igihimba, n'umusozo.

Iyo ugiye guhangwa umwandiko ubanza gutekereza ku nsanganyamatsiko ugiye kwandikaho. Ureba niba iyo nsanganyamatsiko uyumva neza, kuko utabona ibitekerezo wandika ku nsanga utumva.

Nyuma yo kumva neza insanganyamatsiko utangira gukusanya ibitekerezo ku buryo icyo wumvise kikujemo kijyanye n'insanganyamatsiko cyose ucyandika.

Urugero:

Uburezi ni imbarutso y'iterambera ry'ighugu

- Banza wumve insanganyamatsiko.
- Ibaze ibibazo ku nsanganyamatsiko uti
- «Uburezi ni iki? Buberaho iki? Bubera he? Harerwa nde? Yunguka iki?»
- Umubare w'ibibazo ugendera ku buryo byagufasha kumva neza insanganyamatsiko yawe.
- Subiza ibibazo wibajije.
- Uburezi ni umurimo wo gushyira abantu ahantu ukabigisha uburyo bashobora kwitwara mu bihe binyuranye by'ubuzima bwabo, bitandukanye n'uko bitwaraga mbere y'uko babona izo nyigisho.
- Uburezi buberaho guhindura umuntu akongera ubumenyi yari asanganywe.
- Uburezi bubera ahantu hatandukanye: mu miryango, mu mashuri, n'ahandi.
- Abantu bose bararwa ariko abakiri bato ni batibwaho cyane.
- Uwarezwe yongera ubumenyi biklaba byamutuma imibereho yari asanganywe ihinduka.
- Nyuma yo gusubiza biriya bibazo shaka ingingo z'ingenzi zizagira umwandiko wawe.

Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko

(Tondeka ingingo zawe uititaye ku buryo zirutanwa.)

-Uburezi ni igikorwa kigamije guha abantu ubumenyi kugirango bahindure uburyo bari basanzwe bitwara.

- Uburezi bubera mu mashuri n'ahandi ha ngombwa
- Harerwa abana ndetse n'abantu bakuru
- Uwarezwe yunguka ubumenyi bwamuteza imbere
- Iyo abantu barezwe ari benshi biteza imbere bityo igihugu na cyo kigatera imbere.
- Leta igira uruhare runini mu burezi
- Abantu batandukanye bagira uruhare mu burezi

Tondeka ingingo ukurikije uko zirutanwa

Nyuma yo kubona ingingo z'ingenzi zigomba kugira umwandiko wawe, zitondeke ukurikije uko zirutanwa mu buremere. Hea ku iruta izindi ujya ku ifite uburemera buto.

(Ushobora kunguka izindi ngingo nazo wazongeramo ukurikije uburemere bwazo)

- Uburezi ni igikorwa kigamije guha abantu ubumenyi kugirango bahindure uburyo bari basanzwe bitwara.
- Leta igira uruhare runini mu burezi -Abantu batandukanye bagira uruhare mu burezi
- Uburezi bubera mu mashuri n'ahandi ha ngombwa
- Harerwa abana ndetse n'abantu bakuru
- Uwarezwe yunguka ubumenyi bwamuteza imbere
- Iyo abantu barezwe ari benshi biteza imbere bityo ighugu na cyo kigatera imbere.

Imbata y'umwandiko

Kora imbata y'umwandiko wongera ku ngingo z'ingenzi ingingo z'inyongera.

Intangiriyo

- Vuga muri make ingingo ugiye kuvugaho n'uruhare rw'uburezi mu iterambere.

Igihimba

Tondeka ingingo uhereye ku buryo zigiye zirutanwa mu buremere, ugende uha buri ngingoingingo ziyunganira

- Uburezi ni igikorwa kigamije guha abantu ubumenyi kugirango bahindure uburyo bari basanzwe bitwara:
- Kuvana bantu mu bujiji
 - gutanga ubumenyi bunyuranye
 - Gutanga uburere
- Leta igira uruhare runini mu burezi
- leta itegura gahunda zinyuranye za politiki y'uburezi
- abihayimana bagira uruhare mu burezi bashyiraho ibigo by'amashuri
- ba rwiyemezamirimo bagira uruhare mu burzi nabo bubaka ibigo by'amashuri
- Ababyeyi bakurikiranira hafi uburere bw'abana babo
- Ababyeyi bafasha mu kurera abana babo babaha ibyanjgombwa bakenera
- Ababyeyi ni bo ba mbere bashinzwe gukurikirana imyitwaraire y'abana babo
- Uburezi bubera mu mashuri n'ahandi ha ngombwa
- Ibigo bimwe na bimwe bitanga amahugurwa ku bantu bakiri bato cyangwa bakuze.
- Abantu bafite akazi bashobora gukurikirana amahugurwa bagakarishya ubumenyi bwabo bakora n'akazi
- Harerwa abana ndetse n'abantu bakuru

- Uwarezwe yunguka ubumenyi bwamuteza imbere
- Uwarezwe abona impamyabumenyi.
- Impmyabumenyi ituma apiganwa ku isoko ry'umurimo.
- uwarezwe ashobora kwihangira imirimo
- gukor umurimo ufitemo ubumenyi bikongerera uburyo bw'imibereho
- Iyo abantu barezwe ari benshi biteza imbere bityo igihugu na cyo kigatera imbere.
- abantu benshi bajijutse bungurana ibitekerezo
- abant u benshi bajijutse mu karere aka n'aka bagateza imbere.
- Iyo uturere tunyuranye duteye imbere igihugu kiba giteye imbere muri rusange.

Umusozo

Vuga muri rusange ibikubiye mu mwandiko wawe cyane cyane wibande ku byo wagezeho byatuma ibyo wanditse byumvikana. Niba hari inama utanga cyangwa ibyifuzo bitange.

Umwitoto

- 1 Ukurikije urugero wahawe himba umwandiko w'amagambo atarenze magana atatu ku nsanganyamatsiko wihitiyemo.

URUBYIRUKO RUKWIRIYE GUTOZWA UMUCO W'AMAHORO

Urubyiruko rw'u Rwanda ndetse n'urw'isi muri rusange ni rwo ejo haza h'ibihugu byabo. Nk'uko tubizi, umuryango ni wo shingiro ry'ubuzima bwiza bw'abawutuye. Buri muntu utuye mu muryango, yaba awuvukamo cyangwa awubamo kubera impamvu zinyuranye-umukozi wo mu rugo, ufitanye isano n'umuryango cyangwa urerwa muri wo-muryango agomba kuwugiramo ubwisanzure buhagije butuma atera imbere haba ku mubiri, mu bitekerezo ndetse no mu mibereho myiza.

Ibi bivuzwe haruguru, bigaragaza ko umuryango ari urwego rukomeye cyane izindi nzego z'igihugu zishingiraho ziyubaka.

Umuryango ukwiriye kuba umusemburo w'amahoro, abawutuye bakayasakaza ku bandi mu mibereho yabo no mu migirire ya buri munsi. Baca umugani mu Kinyarwanda ngo "nta wutanga icyo adafite." None se umwana wavuye iwabo habaye iohotera nagera ku ishuri azerera bagenzi be iyihe mbuto itari iyo yakuye iwabo?

Amagambo mabi, guseserezanya, no guhohoterana ni ibikorwa bigayitse abakuze bagomba kwirinda, kugira ngo bitagira ingaruka mbi ku bato barererwa mu miryango yabo. Erega ngo uwiba ahetsé aba abwiriza uwo mu mugongo. Byakunze kugaragara ko ingengabitekerezo ya jenoside yagaragaye mu mashuri mu myaka yakurikiye 1994 nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi- u Rwanda rutangiye kwiyubaka- akensi abanyeshuri babaga bayivomye mu magambo Atari meza ababyeyi babo bavugaga.

Uhereye aho rero, wabona ko abana bigishijwe ibibi bashobora kubikurana bityo bakazaba ibibazo ku gihugu aho kugikemurira ibibazo.

Urubyiruko rukwiriye kwigishwa kubana mu mahoro na buri muntu wese; bahereye kuri bagenzi babo. Guhora batekereza ibyabateza imbere bikaba intero yabo ya buri munsi. Erega iyo umuntu atekereza icyamuteza imbere, yaratojwe gukora umurimo unoze, arangwa n'ishingano, gushakashaka uburyo yagera ku ntego ze. Nyamara iyo umuntu atagira kyo atekereza kuri ejo hazaza he, ahinduka imburamukoror, agatangira gutekereza nabi, bityo umushuka akamubona urwaho, akamushora mu ngeso mbi, harimo ubusambanyi, kunywa ibiyobyabwenge, ubugizi bwa nabi, bityo aho atuye umuco w'amahoro ukadindira.

Urubyiruko rero rurahamagarirwa kuba ijisho rya bagenzi barwo, haba ku ishuri aho biga, haba mu miryango, bakagaragaza hakiri kare imyitwarire yatuma bagenzi babo bataba

umusemburo w'amahoro igihugu gikeneye kugira ngo kigere ku iterambere rihamye ry'ejo hazaza.

Abarezi ku mashuri bakwiriye kuba intangarugero mu kwimakaza umuco w'amahoro. Amasomo batanga yose nta cyo yamarira abo bayaha, igihe cyose bataberetse ko nta cyo yabamarira batayakoresheje mu buryo butabangamiye abandi. Isomo ry'Uburere mboneragihugu rikwiriye kwitabwaho by'umwihariko, kuko ari ryo andi yose ashingiyeho, kugira ngo urubyiruko ruhabwe uburere nyabwo buzatuma rwigirira akamaro, rukakagira imiryango yarwo, igihugu, ndetse n'isi muri rusange.

Muri make, , umuco w'amahoro uhera ku muntu ubwe bitewe n'uburere yahawe, akawusakaza ku bandi, bityo ugakwira igihugu ndetse n'isi yose. Bana rero dukunde umuco w'amahoro, tuzagera ku byo twifuza byose mu buzima bwacu.

Umwitoto

Twumve umwandiko

1. Kuki hagomba kubaho umuco w'amahoro mu rubyiruko?
2. Ni izihe ngaruka ubona zakomoka ku ibura ry'umuco w'amahoro mu rubyiruko?
3. Ubuzima bwiza mu umuryango bushingiye kuki mbere na mbere?
4. Umuco w'amahoro tuwutozwa dute?
5. Sobanura impamvu uyu mugani bawise Uburinganire.

Dutekereze

Uyu mwandiko ugamije kutwigisha iki?

1. Ni izihe ngingo ziranga umuco w'amahoro zikubiye muri uyu mwandiko?
2. Ikiganiro mpaka ku muco w'amahoro.

Urwanda ni kimwe mu bihugu by'Afurika bituwe n'abaturage benshi ku buso bwa kirometero kare imwe. Ahanini kandi aba baturage batuye mu byaro. Imiryango ikabakaba 90% muri yo buri ingufu ikoresha ku munsi zikomoka ku bimera. Kubera rero abatuye u Rwanda biyongera buri munsi, biragoye cyane kubabonera ibitanga ingufu bakeneye bikomotse ku bimera. Kubera iyo mpamvu, Leta y'u Rwanda yashyizeho ingamba zo kubyaza ingufu ibisigazwa byose bikomoka ku bimera, kugira ngo imibereho y'abaturage itabangamira ibidukikije; kuko ibyo n'ubundi byagira ingaruka ku buzima bwabo.

Muri urwo rwego rero, leta y'u Rwanda yafashe iya mbere mu guteza imere no kubyaza inyungu ingufu zikomoka ku bisigazwa byo mu mgo ku buryo ndetse byanagera ku rwego rw'ubucuruzi bwunguka.

Kugeza mu mwaka wa 2011, ingo ibihumbi cumi na bitanu zizaba zitagikoresha ingufu zikomoka ku bimera, kuko zizaba zikoresha ingufu zikomoka ku myanda yamatungo. Ubushakashatsi bwakozwe bwagaragaje ingo zirenga ibihumbi ijana na cumi zo mu Rwanda zifite ubushobozzi bwo kwiyubakira ibyumba byabyaza ingufu imyanda y'iwabo, kuko ziftiye amazi n'amase y'inka cyangwa y'andi matungo. Umuryango SNV(esenive) ukorera mu Rwanda, ufatanyije na Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, muri gahunda yo gushyira mu bikora icyiciro cya mbere cy'umushinga wo kubyaza ingufu imyanda yo mu ngo, ibyo kandi bigakangurirwa abo bose babifitemo uruhare. Abafatanyabikorwa b'imena, ndetse n'uturere tw'urwitegererero tuzakorerwamo uwo mushinga twamaze guhitwamo.

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo kandi yamaze gutanga amafaranga azakoreshwa muri iyo gahunda.

Hashyizweho ibiro bishinzwe uwo mu mushinga, bikaba byarahawe inshingano zo guhuza ibikorwa byawo binyuranye, icyicaro cyabyo kikaba kiri muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo.

Ku byerekeye ubufatanye n'izindi minisiteri zirebwa n'iyi gahunda, ndetse n'abandi bafatanyabikorwa, nk'Urugaga rw'Abikorera ku giti cyabo, ibigo by'imari, n'iby'ubushakashatsi, hashyizweho urwego ruhuza ibikorwa byabo. Iyi gahunda icyo ishyize imbere ni iterambere ry'ubucuruzi, ku bikorera ku giti cyabo, leta ibigizemo uruhare. Imirimo yose izakorerwa abaturage ndetse n'ibikoresho bya ngombwa bazakenera, bizaba bidahenze ku buryo buri wese azumva afite ubushobozzi bwo kubigura, bityo isoko ribone abaguzi benshi. Ikigega kimeze nk'ikibindi cyubitse ni yo mbata yahiswemo gukoreshwa. Kucyubaka birahendutse kandi kiraramba, bityo abazagikenera bakazaba benshi. Hari ibyuma kabuhariwe bashyiraho biringaniza umuriro ukenewe, bityo abakoresha icyo gitembo bakaba bizeye ko kitateza impanuka. Ibi rero bizatuma toni 36450 z'inkwi z'ibiti zacanwaga, na toni 1296 z'amakara yakoreshwaga mu ngo zizigamwa. By'umwihariko kandi, bizarinda abagore n'abakobwa indwara bashoboraga kwanduzwa n'umwotsi w'inkwi, ndetse n'igihe bakoreshaga bajya gusenza inkwi maze bayoboke inzira igana ishuri, cyangwa bakore indi mirimo ibyara inyungu.

Byongeye kandi, ibisigazwa biva muri biyogaze iyo bikoreshejwe neza, bibyara ifumbire nyongeramusaruro nziza cyane, idahumanya ibidukikije nk'amafumbire mvaruganda.

Uyumushinga uzunganira kandi politiki ya Leta yo kubungabunga ibidukikije, ndetse nab a rwiyemezamirimo bawungukiremo.

35% by'ishoramari ni imfashanyo asigaye agatangwa n'abagenerwabikorwa cyangwa ba rwiyemezamirimo. Ku byerekeye imfashanyo, Leta izatanga 25% asigaye atangwe

n'abaterankunga. Ubushakashatsi bwakozwe bwagaragaje ko uyu mushinga uzagira inyungu ya 8%.

Bityo rero SNV (esenive) yafashije Leta gushyiraho urwego ruhuza ibikorwa by'uwo mushinga, ndetse igira n'uruhare mu gukora inyigo iboneye. Nta wakwiyibagiza kandi uruhare rukomeye uyu muryango wagize mu gukusanya imari ikenewe, ndetse no kugaragaza ko gahunda y'Imbaturabukungu itashiyirwa mu bikorwa neza hatitaweho ikibazo cy'ingufu.

Byavuye muri SNV RWANDA Annual Report 2006.

Twumve umwandiko

4. Kuki tugomba kwita ku bidukikije?
5. Tanga ingaruka ebyiri ziterwa no gutema amashyamba.
6. Ingifu zikoreshwa ku bimera zifite akahe kamaro?
7. Urubyiruko rwagira uruhe ruhare mu kubungabunga ibidukikikije?

Gusoma amagambo ariho amasaku n'ubutinde

Imyitozo yo gusoma amagambo ariho amasaku n'ubutinde

umwaâmi	igitî	akaraânde
icyaâtsi	umusôzi	Imâana
gashuûhe	umusâre	intoôre
Karaâke	akagezi	intôzi
rubeêbe	igiteenge	Ruraangwâ

Amagambo fatizo aranga amasaku n'ubutinde

Dore amagambo yagufasha gushyira amasaku ku magambo y'ikinyarwanda: umugabo, umugaanda, umugorê, umwâana, umwaâmi, umubaandê.

URWENYA, BYENDAGUSETSA

Urwenya cyangwa byendagusetsa ni impuzanyito zisobanura amagambo cyangwa ibiganiro umuntu abwira abamwumva baseka cyane kuko baba batunguwe n'ibikuye mu byo ababwiye.

Ingero:

Umukecuru yahuye n'ipikipiki arebye urusaku rwayo n'uburyo ihinda ati «Kariya kantu ko kivotota kakiri akana nikamara gukura bizagenda bite?»

Umurwayi wo mu mutwe yahuye n'umugabo wirukanka aramubaza ati «wa mugabo we ko wiruka bikugendekeye bite?»

Umugabo aramusubiza ati «ndeka naryamiriye ndakerererwa none mbyutse gahunda zanje zose zapfuye.»

Umusazi aramureba aramubwira ati «ushatse wagenda buhoro nanje njya gusara ni uko byatangiye!»

Mu nzara umugabo yibetaga umugore we n'ab'iwe akarya umuceri n'inyama muri kabari, ab'iwe bariye umushogoro. Umunsi avuye mu kabari aza kugira ibyago araruka ni ko guhamagara umugore ati «igira hino urebe ibimbayeho. Burya wari uzi ko iyo umuntu ariye umushogoro igihe kirekire aruka umuceri!»

Umugabo yageze mu rugo yasinze atongana n'abiwe, basezerana ko atazongera kugera mu kabari ni uko umunsi umwe asubirayo ageze mu muryango w'akbari atangira kugendesha amaboko ati: «Mumpereze mützig ebyiri kandi muzinsangishe muri bingaro.» (Twa tuzu two hanze banyweramo). Abamubonye bat: «Ko ugendesha amaboko ni amahoro?» Ati: «Nasezeranye n'umugore ko ntazonera gukoza ikirenge mu kabari.»

Umugabo wakundaga inzoga cyane yaje guhindura idini ajya mu ba Pantekote (ba bandi bita abarokore) ni uko igihe bari mu nyigisho Pasiteri ati: «Bavandimwe murahirwa mwe mwakiriye agakiza mugaca ukubiri n'inzoga.» Ati: «Inzoga si inshuti ahubwo ni umwanzi mubi.» Ati: «Musome mu gitacyo cy'imigani umutwe wa, umurongo wa». Wa mugabo rero kuko yari Rubundakumazi ati: «Nyakubahwa Pasiteri, ubushize ariko wari watubwiye ko tugomba gukunda n'abanzi bacu, ati biri muri Matayo. Ni uko Abakirisito si uguseka barakumbagara

Umusore yabwiye umukobwa wari waramubenze ati: «Disi kuva aho wangije ko ngusaba singisinzira nijoro, none nayobewe uko nzabigenza!» Umukobwa amusubizanya umutima mwiza ati: «Uzajye gushaka akazi k'izamu cyangwa se uzumvikane na Lokodifensi z'iwanyu mujye mukorana cyane ku irondo.»

Umugabo ufite uruhara yahuriye n'ufite “nyakubahwa” (ikida kinini) muri stade kureba umupira; gusa imvura yari yangije ikibuga. Maze ufite nyakubahwa abwira ufite uruhara ati: ”Watanze icyo kibuga bagakina ntubona ko ikindi cyuzuye amazi!?”(yavugaga uruhara) Undi agiye kumusubiza ati: ”Ese nintanga ikibuga barakina iki ko mbona umupira wawumize??”(amuvugiraho nawe kubera ya nda).

Umusore yagiye gushaka akazi k'ububoyi barakamuha ariko shebuja amubwira ko agomba kujya agaburira umwana we ku isaha. Ubwo rero igihe cyo kurya kigeze wa muboyi akuramo isaha ayishyiraho ibiryo agaburira wa mwana. Nyir'urugo aho aziye amubajije ati ibi ni ibiki, undi ati nabikoze uko mwabimbwiye!

Umwitoto

Vuga byendagusetsa eshanu uzi

ITERAMBERE RY'URUBYIRUKO

Guverinoma izakomeza gutoza urubyiruko umuco wo gukunda Igihugu, kwikemurira ibibazo no urufasha kubona umurongo uboneye watuma rurushaho kwiteza imbere no kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu kuko ari rwo mbaraga n'amizero byacyo.

Hazakorwa ibi bikurikira:

Kongera umubare w'amakoperative y'urubyiruko hashyirwamo amakoperative mashya nibura 350 no gukurikirana imikorere yayo;

Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko (ubumenyi n'ubumenyi ngiro) ku buryo umubare w'abadafite umurimo ujya munsi ya 5%;

Gushyiraho gahunda ifasha urubyiruko kwibonera ibikoresho by'ubwubatsi bitototera ibidukikije nko kubafasha kubona zamashini zibumba amatafari no kubaka amatanura ya kijyambere kugira ngo rushobore kwiyubakira mu midugudu no mu mijyi; Gukomeza gushyira imbaraga muri gahunda zifasha urubyiruko kugira ubuzima buzira umuze no kubaha amakuru ya ngombwa abafasha guhindura imyitwarire ku myororokere, kurwanya ibiyobyabwenge, ubusinzi n'izindi ngeso mbi;

Guteza imbere ubusabane n'ubuhahirane bw'urubyiruko mu gihugu no mu mahanga, urubyiruko rw'u Rwanda rukagira uruhare mu buyobozi bw'imiryango mpuzamahanga y'urubyiruko.

Byavuye muri REPUBLIKA Y'U RWANDA, GAHUNDA YA GUVERINOMA 2010-1017

Twumve umwandiko

1. Kuki hagomba kubaho urubyiruko rushyirwa ibmere muri gahunda y'iterambere ry'igihugu?
2. Vuga eshatu mu ngamba Leta y'u Rwanda ifitiye urubyiruko kugira ngo rutere imbere.
3. Wagira bagenzi bawe izihe nama zatuma biga neza bityo bakaziteza imbere ndetse bagateza n'imbere igihugu?
4. Ese mu mudugudu utuyemo cyangwa mu kagari kanyu hari urubyiruko uzi rwabera abandi intangarugero mu gukunda umurimo?
5. Wabafatiyeho irihe somo?

Dutekereze

1. Uyu mwandiko ugamije kutwigisha iki?
2. Ni izihe ngingo ziranga umuntu ukunda umurimo zigaragara muri uyu mwandiko?
3. Ikiganiro mpaka ku muco wo gukunda umurimo?

IBARUWA ISANZWE

Ibaruwa isanzwe igizwe ni ibice bitatu ari byo: Umutwe w'ibaruwa, impavu, ibaruwa ubwayo, n'umusozo.

Urugero rw'ibaruwa isanzwe.

Kamuhanda Yohani
Intara y'Amajyaruguru
Akarere ka Musanze
Umurengwe wa Muhoza
Agasanduku k'Iposita
64 Musanze

Musanze, ku wa 25 Nzeri 2011

Tel: 0788867432

Nshuti yanje nkunda Silasi,

Muraho neza aho mu Bugesera!

Ubwo mperutse kubasura aho kuri mbyo nashimishijwe n'uburyo mwanyakiriye.
Nashimishijwe kandi n'iteramabere mumaze kugeraho mu nzego zose.

Hambere twinubiraga kuza mu Bugesera kubera ikibazo cy'umuhandwa wari mubi, ariko natangajwe cyane no kubona urugendo twakoraga amasaha abiri mu modoka umuntu asigaye arukova mu minota itageze kuri mirongo ine. Ubu rwose mwabaye abanyamujiyi.

Ubwo rero navaga ahongaho nageze ku Musanze mpasanga inkuru nziza. Umusore wigana n'umukobwa wanje Kamariza yari yaje gufata irembo, umuryango uramwemerera none ubukwe buzataha kuri Noheri.

Nagiraga rero ngo nkumenyeshe ko nageze mu rugo amahoro, mbonereho no kugutumira wowe n'umuryango wawe muri ibyo birori bidasanzwe byahuriranye n'iminsi mikuru y'umwaka mushya.

Mugire amahoro.

Kamuhanda Yohani

MUVUYE IMBERE

ABAKINNYI:

1. Kabanda
2. Gakuba: se wa Kabanda
3. Kagaju: nyina wa Kabanda
4. Karake: umuturanyi
5. Gatabazi: umuturanyi
6. Mutijima: umwarimu

Igice cya mbere.

(Nimugoroba, Kabanda acyuye inka, aje aziririmbiira. Gakuba yicaye imuhira, Kagaju ari mu turimo tw'imuhira)

Gakuba: -	Mbese umwana ntaracyura ye?
Kagaju: -	Maze kohereza mukuru we kumusanganira.
Kabanda: -	Mwiriweho?
Gakuba: -	Wiriwe sha! Mbe waragiye he?
Kabanda: -	Zarishije mu kigarma mu gitondo, zikukana mu macyamo wa Kavumu
Gakuba: -	Utyoo! CYO tambuka ususuruke. Ariko uwakwinikiza ko nduzi imvura ikubye. Ihangane Kaba, maze uruhukire rimwe.
(Ubwo Gatabazi naKarake baturutse mu marembo.)	
Kayonga: -	Mwiriwe kwa Gakuba?
Gakuba: -	Mwiriwe.
Gatabazi: -	Ntacyo mwirije ngo muduhe?
Kagaju: -	Ngaho turakora. (Baze baramukanye; babahe icyicaro, batangire kuganira.)
Gakuba: -	Mbese muraturuka he iki gihe?
Kayonga:	Duturutse iyo ku rukiko. Twiriwe mu rubanza rw'igabana ry'inka za ba bavandimwe bacu. Badutanzeho abagabo, ariko tugiye kuhashirira mba nkuroga!
Gatabazi: -	Ese wa mugabo we ugira ngo ni urubanza ko ari akadasiga umugabo! Ni ukwirirwa aho utaze agahanga ku zuba; abantu bacicikana, mbese ni urudaca! Izo nka uyu munsi bazizanye ariko nazo ni uko...Harya ku rukiko wagira ngo ni ku rupangu cyangwa ku mwaro, dore ko atari inka ari ibitaka.
(Ubwo inka zibe zirahumuje, babakirire; amata Kagaju ayakire, ayatereke.)	
Gakuba: -	Ese nta cyo wadufungurira Kaga?

(Ubwo abe amuhareje agacuma.)

Reka reka iby'abo bavandimwe sinabimenya. Ni uko nyine njye mbyina mvamo, nari kuzareba akabo!

Hari n'aho abavandimwe bashyiditse bagahara amavi, bakabuza abantu gukora ikintu kigaragara, bashobora kwikiza ubwabo! Nzapfa ntahemutse mba mbaroga!

Gatabazi: -

Reka nawe ntiwavuga utyo Gakuba kandi ubyiruye!

Udahemutse, umwana wawe yahemuka, akaba yanduje umuryango kandi ashebeje n'aho avuka, ndetse n'ighugu.

Kayonga: -

Ugize ngo iki Gataba? Abana bacu bamera nka twe se ko ubu tubiterwa n'ubujiji! Amashuri arahari, bazayige, bakize ababo, kandi bazamure ighugu barwanya n'ubujiji hose. Harya nt a gahungu kawe kiga Gaku?

Gakuba: -

Kiga, kiga iki? Nibagume aho bandorere kariya gahushi, naho ibyo kwiga byo...

Kabanda (yitonze): -

Tugiye kwiga se byakubuza kudutuma cyangwa kuragira izo nka tuvuyeyo?

Gakuba: -

Ayi nya! Ubwo se wakwiga iki ntize?

Hari urutugu rukura ngo rusumbe ijosi?

Kayonga: -

Erega ntumurenganye umwana w'ubu ni uwize! Dore ejo nabonye rya ryori ngo ni mwene Rudakubana asemurira se urwandiko ruturutse i Kigali ndumurwa.

Gatabazi: -

Rahira!Bwa busa nabwo buzi gusoma? Erega ishuri rikora ibitangaza!

Gakuba: -

Muranterye da! Mugende mwohereze abanyu. Abanje bo nta ho bazajya maze tugende tuzipfire!

(Bakonoze ka gacuma. Gakuba abasezerere.)

Ngiye kwirambararira dore umunsi uciye ikibu.

Muramukeho...

Igice cya kabiri.

(Ni mu gitondo, mwarimu Mutijima aje kwa Gakuba. Avugire ku irembo)\

Mutijima: -

Mwaramutseho kwa Gakuba?

(Bamwikirize, hanyuma Kabanda ajye kureba uwashuhuje. Igihe akiramukanya na mwarimu, se Gakuba abe arahageze.)

Gakuba: -

Mwarimu ko utuzindukiye ni amahoro?

Mutijima: -

Ndajya ku murimo uko bisanzwe. Mbonye nyuze muri aya mayira nanga guca ku rugo. Cyokora hari n'icyo nakubazaga.

(Kabanda abahe akanya) Nagira ngo umbwire iby'uriya mwana, kuki utamushyira mu ishuri?

Gakuba (akomeje): -


Uwuhe?

Mutijima: -

Kabanda.

- Gakuba: - Yigahe?
- Mutijima: - Mu ishuri.
- Gakuba: - Yiga iki?
- Mutijima: - Yiga ibyo abandi bangana biga: gusoma, kwandika, kubara N'ibindi byose bituma umwana amenya ubwenge buzatuma yitunga, akanazamura igihugu cye, aba umugabo wuzuye kandi ujjutse.
- Gakuba: - Atize se byamubuza kuba umugabo? Ko ayo mashuri Ntayagiyemo ubu ndi umuntu ugayitse?
- Mutijima: - Oya, ibyo ni amagambo gusa! Reka ngusubiriremo. Ubu buri Wese ugeze mu kigero nk'icy'uriya wawe agomba kugana ishuri, Akitegura kuba ingirakamaro. Ingero ntiziri kure: mweneRurangwa yasohotse amashuri urabizi; cyo reba imyaka myiza, amakawa ateye ubwuzu n'amashyamba tutigeze tubona. Si inama ze no kutwerekera kwe tubikesha? Bene Rwigatare se da! Nturuzi uko bakijije iwabo!
- Gakuba: - Njye sinkennye cyane by'uko nananirwa kwitungira abana no kubareméra. Ngo hari n'abiga bagakena cyangwa bagakenyuka. Ariko dore twe turisaziye.
- Mutijima: - Urashaka kuba umubyeyi gito kuko ibyo umbwira byose ni ibigushyira heza, ariko ntibireba urubyaro rwave n'amajyambere yarwo. Nzi ko wananiye incutizawe nyinshi kuri iyo ngingo. None nanze kuguhemukaho mba nkwihereye. Nzi ko ababyeyi bacu babanaga bitari ibya nyirarureshwakandi uringuka ko urwo rubyaro baruturaze. Nasanze rero ntakugiriye inama naba mpemutse. None urakeka ko ndi mu bakuroha?
- Gakuba: - Ntiwabigira, «Mugwaneza!» (Yiyumvire, hanyuma atwengatwenge.) Ntiwambera inkoramutima ngo nkubere umuvandimwe gito. Guhemuka ni bibi; kubwirwa bikaba byiza. Gusa nari narabuze umbwira ijambo ringera ku mutima nk'iryo! End agenda udakererwa (amuhereze ukuboko)! Kabanda muvuye imbere rwose!
- (Basezeraneho ibinezaneza ari byose.)

Indyoheshabirayi [II]



Inyumba isanga inzira iyo igenda,
Nti “iya rubumbuza mu muhanda,
Ndavuga ingurube batagereranya
Iya rudacishwa amayira asanzwe
Si inyamaswa ni ikirunga

Uyibona iseduka mu isayo
Ugahuga ibyitwa gutangara,
Ukabura uko isa ugatayo utwatsi
Jye nayibonye uko nayibwiwe
Umunsi irangwa impera y’ igihugu

Igaca rubanda umukendero
Iturutse ahantu nje kubabwira
Majoro agambiriye abasirimu
Ati “mwe mutunze ingurube zacu,
Murazirunde muzinyereke

Ntore iy’ urucece yijihije
Izazimanwa ibirori byaje”
Baranasigana abahungu,
Bati “dore kwishwa imirimo ngibi!
Kuba abasirimu bo mu magote

Ibyo biragaragara ntibighishwa!
Turakubwira gahwa mu rwondo;
Abadusirimukanye mu bwenge,
Benda ingurube bareka igote!
Bagumana isunzu benda isake!

Ingofero zacu barazitinya
Amagi aho atewe barakukumba
Uko baduhenda turihorera
Baraturyamira tubireba!
Baba injajanganya bakuryarya!

Amata zihumuje bagateka.
Imineke bayimaze mu gihugu
Bakayisomeza aho n' inzagwa,
Ibyo umunyarwanda yarabiziraga
None wibareka, nibaze;

Na bo barunde barazitunze!
Ntugakangwe na karavati
Abanyamishanana baraziturusha”
Majoro ngo abyumve avunya abatutsi,
Arabibabwira bagwa mu kantu!

Barigunga umwanya munini
Aho bigeze bati “uwabimubwiye
Yanze Umwami, aradupfuruye,
Abuza ko isunzu riduhishira”!
Mutara ni bwo ahamagaye imishanana

Yo n' amagote biba uruvange,
Ati “uyu Muzungu reka azitwake
Nta mugayo zituruka iwabo!
Dore inka zanyu nazibaka
Mwazirunda nta mahane,

Kuko mwazigabiwe na twe!
Ngaho mwishakemo inkuke!
Uwayiturusha agure aba bantu!
Uwo byaturukaho ayidukinze,
Byamukoraho mubikinisha”!

Bati “erega ingurube ni ibihumbi!
 Turazitunze tuba tukuroga!
 Nyamara iyaruta izo mu Rwanda
 Iyo uwo Muzungu twumva ashaka,
 Itungwe na nde wo kuyitanga?

Kuko ingurube iryoha cyane;
 Ikaba tutareka iba umucanda”!
 Umwami ati “reka mwidutinza!
 Abe b’ i Ngoma barazitunze”!
 Akebuka Semutwa na Mutembe:

Bajya mu ruhando aho mu bahungu
 Abahata ijisho bashya igititu
 Arabiyitaza Semutwa ariko,
 Ati “nta ngurube ngira mba nkuroga
 Narazihumbye nkiri umuntu!

Narazitsembye nkijya kubyibuga
 Insigazwa yazo nimundebe”.
 Ni bwo Mutembe amwanzuranije,
 Ati “reka abeshye Umwami mwumve!
 Ubwo duheruka kuza i Save,

Ntabwo wishe ingurube ikuruta?
 Nta n’ urwandiko waturatiye
 Rw’ umuzungu utuye i Rubona
 Rw’ uko utunze ingurube z’ iwe,
 None ucurikiranye izo ndahiro”?

Sendashonga agira Mutembe,
 Ati “urasesereza ibirego cyane!
 Aho yazirazaga se uhavuze utyo,
 Abanyazi bahatumwe zigashirayo,
 Twabigira dute ku itariki?

Jya uhakoza agatima wibwire,
 Wibuke guhina amagambo!
 Ahubwo va ku giti dore umuntu:
 Bwira Umwami interuro yawe
 Yo kuba uri inganzamarumbo!

Ingurube z' ibicece z' ubwoko,
Uzifite yivamo nk' inopfu!
Umwami abyendera mu kirere,
Ati "Erega ni ukuri ko Mutembe!
Gira uturangire izigutunga,

Ubwoko bwazo aho wabusanzé,
Undi ati "iyo ubimbaza utyo tukiza,
Mba nabirangije kare kose!
Ndabikubwira usange ari uko!
Ubwo ugarukiye mu Nyakibanda,

Nta Mupadiri wahasanze?
Ubumiramize abarusha Rubanda,
Akaba ari jyewe umunyura heza!
Nta bwo agereranywa mu mubyimba;
Izina yahawe ry' ubwo bwema,

Bitugangondo riramukwiye!
Nguwo utunga izirema ibondo!
Nguwo utanga izihaga umuntu!
Nguwo uwagukiriza abantu,
Akabaha inkuke y' uyu munsi"!

Mutara ati "ngiyo yewe inama"!
Ahuta asanga Majoro mu nzu
Ati "iyo washakaga ubu nzi aho iri,
Ni uko itunzwe n' abadatorwa,
Kuyikomeraho nkabibakeka,

Nyamara wanditse nk' ibaruwa,
Nkayiha umuntu akayigabana,
Ari wowe ndabona ko byashoboka"!
Majoro abyumvise arahuta,
Yaka wino ashyira ku meza,

Araruziringa afunga ibahaha,
Baruha umuntu ngo ahutere,
Ajya Nyakibanda shishi itabona.
Kwenda Indyoheshabirayi.

Indyoheshabirayi [IV]

Intamati ihinda nk' inkuba zesa,
 Iya rwitonganya mu gituza
 Ndate ingurube y' umunihiro
 Mvuge ruhinda muhumeko,
 Umunsi iyobera abari i Nyanza,

Ikamenya bose byabagoye,
 Iza i Nduga yose bayiha induru,
 Ahanini igihugu gitangara.
 Ije mu Marangara biba ukundi:
 Yungikiranije umunihiro,

Bayikanga kuba umuvumbi.
 I Gihuma bose bava mu mirima,
 Bagana mu ngo birukanka
 Ngo batanyagirwa bagakonja.
 Abaseminar ubwo mu mashuri

Bakaba bameshe mu gitondo,
 Baka uruhusa bararuhabwa,
 Rwo kwanurira imyenda mu nzu.
 Babigira ariko batangara,
 Kuko ihinda ubutaruhuka

Kandi ibyoko biseka byose.
 Abaje kwiga mu misiyoni
 Imitaka yabo barayibamba
 Abandi baguma ku mashuri
 Ababuze ibyicaro batinze,

Bakikinga nko ku ntusi,
 Cyangwa ibindi biti bigaye,
 Abagira isinde barayitaha
 Abanyamagoti bayajya mu nda.
 Abatabigendana barasuma,

No mu rutoke rubegereye,
Amakoma yarwo barayakonda,
Ngo nishoka bayikingire,
Ah' igihimba n' umutwe hombi.
Igihe bakiri muri izo mpuha,

I Shyogwe hamanuka abantu itimba,
Amaso yerekeye umuhanda.
Abari i Kavumu na Kabgayi,
Ubwo barashiguka ari yo bareba,
Ariyamirira imva Buganda,

Asoza impuha yahoze ahimba;
Ati «nimurebe ngiyo tanki,
Imwe nababwiraga ntimubyunve,
Iyo abongereza barwanisha!
Sinshidikanya ni yo rwose,

Ingamba zayo narazirwanye!
Ni uko ndebera kure yayo,
Wenda nasanga ari rwanjye
Ntimwegere irimo amasasu!
Yaba wenda ije kunyenda.

Kuko ikunda abo yamenyereye:
Murankingire itandeba,
Ngumye nsemurire abatayizi.
Iyo ntirwana irakaba uko iri!
Irasa amabomboma ukayikunda,

Irasa imizinga ikica ibintu,
Irasa amasasu yo mu mbunda,
Irasa n' imyambi mwumve namwe!
Irekura nk' ine aho iri hariya
Ikagwa i Bugande ahitwa Singo,

Cyangwa ahandi hitwa Cyangwe,
Ikica nk' abo mu Buremezi.
N' uko mwigumiye mu by 'ino
Naho ibyo bihugu ni iyo gihera.
Dore ko ari yo riterwa inkingi!

Indaro zaho ntabakabirije,
 Ku byumweru ugira umunani.
 Urebe tanki ko ari icyago,
 Iyo abongereza bagira ni imwe:
 Izira iya kabiri aho yabera!

Nyamara kandi uko imara abanzi!
 Ntugatererwe iyo ntindi!
 Igira abadage ikica icyenda,
 Uwa cumi wundi ikamukomeretsa,
 Imyambi yabo bayiyirasa

Ikarora hirya igatomera,
 Ari amageza yifite mu nda!
 Si mbarirano murayiruzi.
 Za mashuba izo ziyyihomereye,
 Ni izi ndege mujya mubwirwa,

Zimwe ziguruka iyo zibishatse!»
 Abagore bose bagira imbabazi,
 Bashika bikubitira ihururu,
 Bashungera baremye inteko,
 Ngo ego mama iyo ni yo tanki!

Aho se batindi murayibonye!
 Yego mama twayibonye!
 Yaratubwiye uwo Munyarwanda,
 Twe tukamukekamo ibyo kubeshya
 None ngaha turayibonye

Yayisobanuye uko yayize!
 Ego mwana w' abazigaba!
 Yego Mama iyo ni Tanki!
 Yego mama ngiyo tanki
 Yego ngiyo, shenge ngiyo!

Abagore bose barasizora,
 Impuha zibagishiramo idogo.
 Haguma yumvise aza kurora;
 Uko yagasanganiye icyo kintu
 Ati «iyo si tanki barababeshya!

Ni iri tungo tuzi neza!
Turarikunda aho se bagenzi!
Uwo mufa wayo iyo uwushyikiriye
Ukawivangira n' ibijumba
Cyangwa uminjiriye mu bindi!

Birakuryohera ukabitsema,
Wagira inyota ukanywa ubutitsa
Ufite kinini agashyira ku munwa
Ngo yibihire atawumyora
Mutangare mutegereye,

Mutayikanga bikankoraho:
Iratembera igihugu cyayo,
Ntitukiyita ingurube ga burya!
Twayihaye izina ry' intore
Ryo kuba Indyoheshabirayi.
Indyoheshabirayi [V]

Mugabo wo mu mbira z' i buzungu,
Wa rwitahira mu bahindi,
Ingurube iryoha kurusha byose,
Iya rwinopforwa karindwi,
Nkunze intamati y' inyama itoshye,

Iya rwikundwaho n' abazungu;
Ahari mu nda igira sukari!
Abanyankweto yarabaranuye;
Barayikunda byabashajije!
Abatanirije bayirya ubwoya:

Amagufwa yayo ntibayatanga.
Barayijundika iyo bagenda;
Amatama yabo ni aho aturuka.
Ije kuba icyaduka i Nyarugenge,
Abakuru bose barayishima.

Ijyanwa mu nzu bimara umwanya,
Ntiyanasohoka bimara umunsi;
Ibyuma by' inkota z' indayi,
Bihava byambaye umwisheke!
Abakozi baho uko nabarabutswe,

Umwura batobye wari mwinshi!
 Ngo bucye ibirori birasakabaka,
 Birasamaza biba urugera!
 Abakuru bose uko nababonye,
 Babyizihiza bari nk' ahandi

Umutima wabo ukaba ku kantu!
 Isaha yegereje amashoka,
 Ba madamu batuma umuntu:
 Aje arabarembuza baragenda,
 Ayo mazu meza barayataha!

Barahonongera mu bibanda,
 Ibyo bifafari barabifunga
 Nuko Rwitsibagura araza,
 Acira ifudika ari ku muryango.
 Uko yagatashye iryo juru ryabo,

Arabukwa ameza aho adendeje:
 Yumva yirukwa mu birenge,
 Umutima usaba ubugwaneza
 Umuhogo wuzuramo urugwiyo
 Inzoka yo mu nda isamuza umwuka,

Igira ngo jorororo mu ibondo
 Yumva ahongobotsemo ibintu,
 Agira ubukirigitwa umunwa wose,
 Azana udutwenge aramwenyura,
 Abwira abandi ati «karabaye!»

Naho ubwo Rwampungu aratamba!
 Abona isahani ahingukiyeho,
 Arayivumerera uko bisanzwe
 Ajya kuyihobera baramubuza:
 Barazigaziga ararorera!

Ahaguma akanya ariruhutsa!
 Amatsiko amweguye arora ahandi:
 Abona isahani ifukuve neza,
 Ifite urugara nk' urw' intango!
 Umufa uyiagase arawureba,

Abona wahindutse urunyenyeri!
Asiga iye ya mbere aza awusanga!
Birasa ati «reka uba uroga Umwami!
Nta bwo ureba ko iyo sahani,
Ari iy' umuntu wo mu kizungu,

Wize kera kuba umusirimu?
Nta bwo wamenya kuyikaya
Ngo uyumvishe ko wayishegeshe
Yireke nyende jyewe ubizi
We kudondoza iyo mihore!

Uwo mu Bumbogo abita hirya,
Ati «reka nsizane ku rubanza
None ntasirimutse nka we,
Iri tama njunditse rinigirije,
Ndora rihwanye na Karavati!

Ryampa icyicaro ku ngurube.
Simpatsimburwe n'abakweta!»
Ni bwo umutware wa Nyantango
Yinjiye abakurikiye hafi:
Ayihamya ijisho rurumirana.

Ijwi rye arirangurura adatinya,
Atera hejuru by' imvaho.
Ureke bamwise ry' impuha;
Ati «ni yo nta shiti ni ingurube!
Ntisamaza mu gihagararo;

Nyamara uyorosoye ubwoya,
Itera ubwuzu bw' urukirigite,
Ukabona usagutswe n' ibineza;
Abo b 'inkwakuzi ngo bahoshe,
Abandi bose bizihira inzu:

Babagabira intebé zo ku meza!
Nta rugamba rubura intwari,
Majoro arwicara ku mukondo,
Umwami ateka ijabiro ryarwo.
Abegereye mu cyubahiro,

Barema uruhushya rw' isangane,
 Mbona abasaza barimo Nturo,
 Ujya abasemurira ku muzungu,
 Ari Rwubusisi nyir' u Buriza,
 Dore ko acanganye muri byombi!

Ni umusaza wazungahaye!
 Majoro ati «abasaza uko mbirora,
 Ntitubahatire guhumana!
 Babahe akayoga mu biro byanjye
 Tuhabasange isamunani!»

Mutara ati «untanze inama yabyo,
 Nari ntekereje kuyivuga!
 Kugundira abanyamurava,
 Ukabakoresha iby' umuvundo,
 Biba umugayo ukomeye mu Rwanda!

Ubukuru bubatera guceceka,
 Ngo wibwize ubupfura nawe!
 Ingurube bayinena bikabije,
 Bakirinda kuyihunza,
 Ari ugutinya amakuba kuri mwe!»

Uwo mu Bwishaza arora hirya;
 Yanga kumva uko bamuhenda;
 Agira Simoni na Rwubusisi,
 Ati «sinkunda ko bampeza!
 Mparaye irindi zina kuri ubu,

Iryo bampimbye Rukenyangurube;
 Gukenya inkware narabizigurutse!
 Kamuzinzi akebuka Umwami,
 Ati «aba basaza mubahe amayoga:
 Ni yo bakunda bari mu birori!

Nyamara ngusenge uri nyir' u Rwanda,
 Ungabire imyanya ya bane muri bo!»
 Mutara ati «imyanya sinyitanga,
 Kuko nshaka kuyikubira!
 Bambe Umwami ntabwo agabura!»

Kamuzinzi agira ikimwaro;
Ngo acyikure azinga icyanwa;
Akaraga azungije mu gahanga;
Ati «ni jye utegeka u Bugoyi bwose,
Ushaka itabi ampe iye sahani!»

Majoro ati «Nturo ga muhaguruke!
Babahe ibyicaro bibakwiye!
Natwe twigire mu byacu!»
Biramugora akebaguzwa arira!
Yari yabonye ibantu byiza;

Uko byakuzuye amasahani!
Ubwuzu bwabyo bumujya mu nda,
Akanwa ke kuzuramo amazi,
Avuga mu muhogo hari ikiniga
Amaso azengamo amansonza.

Arangurura ijwi arahira Kigeli
Ati «reka bwana winkubirana!
Ndi umusaza nkaba mu byacu,
Nyamara nkigimba n' ibyanyu!
Sinabeshya imbere y' umwami

Sinaryarya abagabo ndi undi!
N' iby' ingurube ndabivuyanga!
Sinagenda wenda umfunge,
Cyangwa wigirire uko ushaka!»
Igihe ataragusha bamwumva,

Babona Rwabutogo araranganya,
Afurekana umunya mwinshi!
Bamushiganuje uko bigenze,
Ati «nahugiye ibyo kumva Nturo,
Nsanga bantwaye isahani

Iriho imihore iteye ubwuzu:
Bayikururira kwa Rutsinga,
Bampa iye iriho intongo nkeya!
Undi ati «urapfusha ubusa amagambo,
Nkozemo kabiri indiba iragaragara!

Isa n' iyiriwe imbere yanjye!»
 Karima ati «erega Karyabwite,
 Amada yafodotse ni inkeke
 Nta bwo ashobokera mu rugendo!
 Ibyo bandembye nta kavuro,

Umenya ngo ntereye inyuma yanjye!
 Wangerurira iyo sahani,
 Kuko wowe imbauv zarenzwe!
 Undi aramusubiza ati «watuza!
 None ntengase mu idoma

Amatama yawe yo ko adahokwa?
 Ahora agutengerana iyo ugenda,
 N' urwo rwakanakana ruje!
 Uratubeshya si ukubyibuha:
 Uhora ubijunditsemo amarenga!»

Rwaburindi, Rwabukamba,
 Na Risamaza nyir' u Bukamba
 Baza buhanya batinze!
 Ngo «mwatindiye iki bahungu?»
 Bisarinkumi ahuta gusubiza

Abigira mu izina rya bose
 Ngo «twahangarije izuba,
 Ngo ridukamure ubuhage
 Bw' ibyo twizaniyeho impamba!»
 Rwabukamba ati «emwe si wow!

Ko ubibabwiye se utabakinze,
 None bagerura ibyacu,
 Ngo aho twijuse iyo mu menyo?
 Niba ari ibyo ntitwahoranye!»
 Rwaburindi azana igihama,

Amira umuhore atawukanje:
 Ugeze mu muhogo haba impatanwa;
 Asepura cyane ajya iwa kajwiga
 Asamba asumira Rwubusisi,
 Ibyo yamenyereye gufata inkingi

Iyo anizwe yicaye mu kirambi!
Akoma igipfunsi aho byatumbye
Ingoto irahokwa birururuka:
Ingurube ihoroba ityo ubutagaruka
Igira ngo dumburi mu idoma!

Ariruhutsa asesa amarira,
Ati»yambabaza yabigira ite,
Ndayiheraheje ni byo bizi!
Ubwo yegereye umutima wanjye,
Ugiye kwicara hamwe mu nda!»

Na we Ntaganda arisihinga»
Ati «ndabitirirwa kurya ingurube
Ushaka kurora uko babigenza,
Azane isahani ye mwigishe:
Turayicuranwa bya gitutsi,

Sinza koreza uko bisanzwe»
Rwamunigi ati «wirata!
Amaboko ajigita ingurube igahora
Ugira ngo uvovore imihore,
Ndayagushumbije urabiruzi!

Sinahoze nigisha amashuri
Nkanswe ibyangize Karisimbi?
Na we Faransisiko Nzaramba,
Abona isahani y' icyiyuhize
Iriho ibitongo by' uruvuteri

Afata mu maso abiroha mu nda
Amagufwa n' umufa byorerera ko
Nta ndamyi yasigaye bishiraho
Nuko Nyangezi arababwira,
Ati «simbasha kuroha nka mwe!

Mbona mucuriranya ubudatuza,
Nkumva nshengurwa n' intimba,
Nzira gusazira mu bututsi:
Umuhogo wanjye ugira inda ntoya!
Icyanje mwampa uruhusa mwese;

Nk' utwo nsaguye nkatujyana,
 Nkazitondera ku kiraro,
 Nkifatishiriza ibigori!
 Erega na mwe muri abana!
 Nta we uryoherwa aroha bwangu!

Iyo ndi jyenyine nditonda:
 Bampa ingurube nkagira ubwuzu,
 Imbabazi inteye zikaba inyanja,
 Ziruta iza nyina wayibyaye:
 Namwe mwunvise aho bahungu!»

Biniga abangikana na Mbaraga,
 Barushanwa bunguri biratinda:
 Umwe amira intongo akeba umuhore,
 Undi aroha mu nda uko byakaje
 Umwe abira ibuya by' uwo murimo,

Undi amaze kwagirizwa n' impumu!
 Rwiyamirira ngo abigane,
 Aranigwa cyane amarira araza!
 Ubwo arayura yaba imbere ye,
 Ubusa ahasumiye buramubisa,

Afata ikirere akanura amaso:
 Agumya gusamba iramwesura,
 Agugura ku ngiga y' umuhore
 Na we Gitefano ngo amurebe,
 Aratangara arirahira,

Ati «ko wabaye mu bafureri,
 Icyo gihe cyose wize ibihe?
 Nahoze ngira ngo uranyigisha,
 Naho uracyanigwa nk' abatutsi?»
 Bideri ati «wirenganya umwana,

Ibyo kurya ingurube aracyabyiga,
 Umaze kurunduka ntakanja:
 Ahirika bunguri nka Karisa
 Cyangwa akarora Kanyangira
 Uko amira avuruganya iyo mihore,

Na we Karisa ati «urabashunga!
Ujya kuba intyoza bigira interuro;
Aba yarabanje kuba mu Rweya,
Cyangwa data se ahegereye,
Nk' uko na we wahoze iwacu!

Akaba nyamunsi iyo mu mparage
Akamira isatura n' amasirabo,
Amafumberi ntayanene!
Yaba atumiriwe nk' ibi birori
Akaroha ingurube nk' uko undeba,

Akarusha isirimu kuhaba ingenzi!”
Kanyagira yanga guhigwa,
Ati “aho Karisa ntiwirata?
Izo washyikiriye ukazigiraho,
Si imiranga ngusagurira,

Jyewe utuye hirya yawe?
Ntiwumvise nk' uko ndatwa,
Kugira ngo mvuruganye iyo mihore?
Dore ngutsinde impaka bareba,
N' ejo utanyuburaho imanza!”
N' uko akwegurira isahani,
Inyama z' ingurube arazigiriza:
Zipfa urufaya rw' itatabya,
Umuhogo ucuratagira ubudatuza,
Usohoza iza mbere muri barohwa

Ugaruka kwenda izo ahirikirayo,
Awugira rwanja, awugira rwaza:
Abakiza bose ngo: “uramutsinze,
Uri umuhanga wo kumiraza!”
Na we Simoni wo mu Mirengé

Ategateganya ibyo yahawe
Agira n' ubwuzu aravumera!
Uko agira imbabazi akora isahani:
Arigata ku ntoki hato na hato!
Abwira Umwami ati “icyo ntegereje,

Urambe umbwiriza uko bigenda!
 Dore Mikayire wo mu Busanza,
 Yize cyane mu bafurere!
 Ararika imihore adahwema
 Yanigwa akungiraranyaho ibindi,

Akaroha mu nda iyo bikagenda!
 Nguwo umwarimu nkwisabiye:
 Ndumva nshaka kumwigana!”
 Ndora na Fundi wo mu Rusenyi,
 Iyo nyoni ishaje ikiri ishashi

Izina yaryiswe ko riba muntu
 Ahaga utubondo asa n’ agapira!
 Na we Karori ari Rubayiza,
 Ahabura icyicaro yatinze.
 Asaba guhabwa intongo hose:

Umwe akamuvungurira nk’ akantu!
 Ingurube isabika udutoki twose!
 Ahawe isabune yo kuyikaraba,
 Ahinda uyizanye n’ amazi
 Ati “inzira yose ndibuzirigate

Kuko naje nta gahamba!”
 Rutamu abwira uwo mu Buhanga,
 Ati “usabe imbari z’ iyo ngurube,
 Uzifate neza ndibukubwire!
 Amazi ashushye uri ku kiraro,

Bambe ndahoze uri bubirebe!
 Gashugi asubiza abiseka cyane,
 Ati “ibyo anyigisha yibagirwa ukwe:
 Ni jye wabanje kubimotoza!
 None wibutse ubwo buhanga,

Umutsimu w’ ayo mazi se uri he?
 N’ uko Rwibusisi abirebye,
 Yata inzasaya zirakunda,
 Inyama ayidonya mu maraka hirya,
 Umuhogo urahorahoza biracweza!

Bati “erega urabikorana ubuhanga!”
Ati “ni cyo cyatumye ndondereza!
Mbanza intongo ipfa nkaritsirika,
Igihe ngiteganya iz’imihore!
Bose bamara kurya ibyabo,

Nkabanokeshwa nkayikuza!”
Amiragura nka gatanu Kamari
Aheta umushyishyito w’ ikibero,
Yari yabikiye kwikuza!
Uko yakawitoshye mu nkanka,

Isibo y’ ingurube ikina mu muhogo!
Urwano narugiriye amakenga,
Ngo biratengukana bijyane,
Inzira yabaye agahombane!
Na we Mukarage arigata ibyuma

Ahinira ku nkokora amashati;
Inzara z’ ingurube akazumutsa,
Yanga kuzipfusha akamama;
Aye masahani aranayakomba!
Sinzi uwamubajije aho atwara,

Gacinya asubiza by’ ubuvugishwe,
Abihisha cyane abica iruhande!
Ati “urashe icyico uba ubivuze imvaho
Iryoshye ukwayo ntumubeshye!”
Ryumugabe abwira Kaberuka,

Ati “uko iyo ngurube ifite ikinove
Nayitangira mu gitondo
Bukagoroba maze uruhande!”
Undi ati “ndaguhebye uri akanyanda!
Jye nayanzika mu museso,

Nko mu mashoka inkono nkayeza!”
Mutegancuro abwira Katabarwa,
Ati: “ifite aho yandutiye ibitari yo!
Uyimaze itera umunwa uburyohe,
Ibyo ukabigendera bigatinda!”

Undi ati “nagira ngo ntiwabibonye!
 Cyane cyane iyo ugize Imana,
 Mu rugo bose bakayinena,
 Ukyibumbaho uri rukumbi!”
 Na we Kanubana ubwe arashega

Agira Munyaneza w’ i Buyaga:
 Ati “enda dukomeze turohe mu nda:
 Dore Muganga aributuvure!”
 Undi ati “Muganga uyu w’ umuzungu!
 Yandusha ubuhanga bw’ ibindi,

Naho ureke ubw’ ivutu rinyarwanda!
 Aho nacumbitse mu baturage,
 Naratatishije sinahubutse:
 Ibigega byaho ni bitatu bishya,
 Imisoto nayimenyereye kera!”

Na we Ruhorahoza ngo ayihage,
 Inda ye imusagukira mu menyo!
 Agira Butare uyu Godifiridi,
 Ati “iyi ko ari uburiza turoyeho,
 Izo mu ishyamba birutanwa bite?”

Undi ati “iy’ ishyamba ibuzemo itoto
 Igira n’ umwuka nk’ uw’ impongo!
 Imibi yakwaganya wahaze,
 Ukabona utuze urushyambashyamba!”
 Undi ati “enda kora aha ubivuze neza

Iyi yanjyanje agatima kose!”
 Na we Fideli wo mu Bunyambo,
 Ahaza abangamiwe mu maso,
 Ari iby’ umuhima ukunda injome,
 Akanga kwica inka ze amabere

Umwami ati “dore uwo Munyambo,
 Unennye ingurube tugize Imana!
 Amata ari hehe akayagotomera?”
 Ibyo abibabwira yica ijisho!
 Injome bayitumiza uwo mwanya,

Umufa w' ingurube bawucuriramo
Ngo bamuhereze ntiyareba:
Akubita ku munwa rurumirana,
Twunva abirohana inkubiri,
Bivuga gorogoro mu nkaka!

Biba urusumo umuhogo wose,
Acurira hasi iyo mu kizenga!
Ati: "amata y' ino aruta ay' iwacu!
Muranywe nk' aya aho kurya ingurube
Mwabikomeza mwahumana!"

Giti mu jisho agenda arata,
Inka zahumujwe amata nk' ayo!
Rwigemera ashize inkubiri,
Akora umukandara aradohora,
Agatebe aragashikamira uko ari,

Ati "uwabwira Majoro ijambo!
Wenda atware inka atsotsobe
Agabure Indyoheshabirayi.

Indyoheshabirayi [V]

Mugabo wo mu mbira z' i buzungu,
Wa rwitahira mu bahindi,
Ingurube iryoha kurusha byose,
Iya rwinopforwa karindwi,
Nkunze intamati y' inyama itoshye,

Iya rwikundwaho n' abazungu;
Ahari mu nda igira sukari!
Abanyankweto yarabararuye;
Barayikunda byabashajije!
Abatanirije bayirya ubwoya:

Amagufwa yayo ntibayatanga.
Barayijundika iyo bagenda;
Amatama yabo ni aho aturuka.
Ije kuba icyaduka i Nyarugenge,
Abakuru bose barayishima.

Ijyanwa mu nzu bimara umwanya,
 Ntiyanasohoka bimara umunsi;
 Ibyuma by' inkota z' indayi,
 Bihava byambaye umwisheke!
 Abakozi baho uko nabarabutswe,

Umwura batobye wari mwinshi!
 Ngo bucye ibirori birasakabaka,
 Birasamaza biba urugera!
 Abakuru bose uko nababonye,
 Babyizihiza bari nk' ahandi

Umutima wabo ukaba ku kantu!
 Isaha yegereje amashoka,
 Ba madamu batuma umuntu:
 Aje arabarembuza baragenda,
 Ayo mazu meza barayataha!

Barahonongera mu bibanda,
 Ibyo bifafari barabifunga
 Nuko Rwitsibagura araza,
 Acira ifudika ari ku muryango.
 Uko yagatashye iryo juru ryabo,

Arabukwa ameza aho adendeje:
 Yumva yirukwa mu birenge,
 Umutima usaba ubugwaneza
 Umuhogo wuzuramo urugwiyo
 Inzoka yo mu nda isamuza umwuka,

Igira ngo jorororo mu ibondo
 Yumva ahongobotsemo ibintu,
 Agira ubukirigitwa umunwa wose,
 Azana udutwenge aramwenyura,
 Abwira abandi ati «karabaye!»

Naho ubwo Rwampungu aratamba!
 Abona isahani ahingukiyebo,
 Arayivumerera uko bisanzwe
 Ajya kuyihobera baramubuza:
 Barazigaziga ararorera!

Ahaguma akanya ariruhutsa!
Amatsiko amweguye arora ahandi:
Abona isahani ifukuve neza,
Ifite urugara nk' urw' intango!
Umufa uygagase arawureba,

Abona wahindutse urunyenyeri!
Asiga iye ya mbere aza awusanga!
Birasa ati «reka uba uroga Umwami!
Nta bwo ureba ko iyo sahani,
Ari iy' umuntu wo mu kizungu,

Wize kera kuba umusirimu?
Nta bwo wamenya kuyikaya
Ngo uyumvishe ko wayishegeshe
Yireke nyende jyewe ubizi
We kudondoza iyo mihore!

Uwo mu Bumbogo abita hirya,
Ati «reka nsizane ku rubanza
None ntasirimutse nka we,
Iri tama njunditse rinigirije,
Ndora rihwanye na Karavati!

Ryampa icyicaro ku ngurube.
Simpatsimburwe n'abakweta!»
Ni bwo umutware wa Nyantango
Yinjiye abakurikiye hafi:
Ayihamya ijisho rurumirana.

Ijwi rye arirangurura adatinya,
Atera hejuru by' imvaho.
Ureke bamwise ry' impuha;
Ati «ni yo nta shiti ni ingurube!
Ntisamaza mu gihagararo;

Nyamara uyorosoye ubwoya,
Itera ubwuzu bw' urukirigite,
Ukabona usagutswe n' ibineza;
Abo b 'inkwakuzi ngo bahoshe,
Abandi bose bizihira inzu:

Babagabira intebe zo ku meza!
 Nta rugamba rubura intwari,
 Majoro arwicara ku mukondo,
 Umwami ateka ijabiro ryarwo.
 Abegereye mu cyubahiro,

Barema uruhushya rw' isangane,
 Mbona abasaza barimo Nturo,
 Ujya abasemurira ku muzungu,
 Ari Rwubusisi nyir' u Buriza,
 Dore ko acanganye muri byombi!

Ni umusaza wazungahaye!
 Majoro ati «abasaza uko mbirora,
 Ntitubahatire guhumana!
 Babahe akayoga mu biro byanje
 Tuhabasange isamunani!»

Mutara ati «untanze inama yabyo,
 Nari ntekereje kuyivuga!
 Kugundira abanyamurava,
 Ukabakoresha iby' umuvundo,
 Biba umugayo ukomeye mu Rwanda!

Ubukuru bubatera gucecka,
 Ngo wibwize ubupfura nawe!
 Ingurube bayinena bikabije,
 Bakirinda kuyihunza,
 Ari ugutinya amakuba kuri mwe!»

Uwo mu Bwishaza arora hirya;
 Yanga kumva uko bamuhenda;
 Agira Simoni na Rwubusisi,
 Ati «sinkunda ko bampeza!
 Mparaye irindi zina kuri ubu,

Iryo bampimbye Rukenyangurube;
 Gukenya inkware narabizigurutse!
 Kamuzinzi akebuka Umwami,
 Ati «aba basaza mubahe amayoga:
 Ni yo bakunda bari mu birori!

Nyamara ngusenge uri nyir' u Rwanda,
Ungabire imyanya ya bane muri bo!»
Mutara ati «imyanya sinyitanga,
Kuko nshaka kuyikubira!
Bambe Umwami ntabwo agabura!»

Kamuzinzi agira ikimwaro;
Ngo acyikure azinga icyanwa;
Akaraga azungije mu gahanga;
Ati «ni jye utegeka u Bugoyi bwose,
Ushaka itabi ampe iye sahanani!»

Majoro ati «Nturo ga muhaguruke!
Babahe ibyicaro bibakwiye!
Natwe twigire mu byacu!»
Biramugora akebaguzwa arira!
Yari yabonye ibantu byiza;

Uko byakuzuye amasahani!
Ubwuzu bwabyo bumujya mu nda,
Akanwa ke kuzuramo amazi,
Avuga mu muhogo hari ikiniga
Amaso azengamo amansonza.

Arangurura ijwi arahira Kigeli
Ati «reka bwana winkubirana!
Ndi umusaza nkaba mu byacu,
Nyamara nkigimba n' ibyanyu!
Sinabeshya imbere y' umwami

Sinaryarya abagabo ndi undi!
N' iby' ingurube ndabivuyanga!
Sinagenda wenda umfunge,
Cyangwa wigirire uko ushaka!»
Igihe ataragusha bamwumva,

Babona Rwabutogo araranganya,
Afurekana umunya mwinshi!
Bamushiganuje uko bigenze,
Ati «nahugiye ibyo kumva Nturo,
Nsanga bantwaye isahani

Iriho imihore iteye ubwuzu:
 Bayikururira kwa Rutsinga,
 Bampa iye iriho intongo nkeya!
 Undi ati «urapfusha ubusa amagambo,
 Nkozemo kabiri indiba iragaragara!

Isa n' iyiriwe imbere yanjye!»
 Karima ati «erega Karyabwite,
 Amada yafodotse ni inkeke
 Nta bwo ashobokera mu rugendo!
 Ibyo bandembye nta kavuro,

Umenya ngo ntereye inyuma yanjye!
 Wangerurira iyo sahani,
 Kuko wowe imbavu zarenzwe!
 Undi aramusubiza ati «watuza!
 None ntengase mu idoma

Amatama yawe yo ko adahokwa?
 Ahora agutengerana iyo ugenda,
 N' urwo rwakanakana ruje!
 Uratubeshya si ukubyibuba:
 Uhora ubijunditsemo amarenga!»

Rwaburindi, Rwabukamba,
 Na Risamaza nyir' u Bukamba
 Baza buhanya batinze!
 Ngo «mwatindiye iki bahungu?»
 Bisarinkumi ahuta gusubiza

Abigira mu izina rya bose
 Ngo «twahangarije izuba,
 Ngo ridukamure ubuhage
 Bw' ibyo twizaniyeho impamba!»
 Rwabukamba ati «emwe si wowe!

Ko ubibabwiye se utabakinze,
 None bagerura ibyacu,
 Ngo aho twijuse iyo mu meno?
 Niba ari ibyo ntitwahoranye!»
 Rwaburindi azana igihama,

Amira umuhore atawukanje:
Ugeze mu muhogo haba impatanwa;
Asepura cyane ajya iwa kajwiga
Asamba asumira Rwubusisi,
Ibyo yamenyereye gufata inkingi
Iyo anizwe yicaye mu kirambi!
Akoma igipfunsi aho byatumbye
Ingoto irahokwa birururuka:
Ingurube ihoroba ityo ubutagaruka
Igira ngo dumburi mu idoma!
Ariruhutsa asesa amarira,
Ati»yambabaza yabigira ite,
Ndayiheraheje ni byo bizi!
Ubwo yegereye umutima wanjye,
Ugiye kwicara hamwe mu nda!»
Na we Ntaganda arisihinga»
Ati «ndabitirirwa kurya ingurube
Ushaka kurora uko babigenza,
Azane isahani ye mwigishe:
Turayicuranwa bya gitutsi,

Sinza koreza uko bisanzwe»
Rwamuningi ati «wirata!
Amaboko ajigita ingurube igahora
Ugira ngo uvovore imihore,
Ndayagushumbije urabiruzi!

Sinahoze nigisha amashuri
Nkanswe ibyangize Karisimbi?
Na we Faransisiko Nzaramba,
Abona isahani y' icyiyuhize
Iriho ibitongo by' uruvuteri

Afata mu maso abiroha mu nda
Amagufwa n' umufa byorerera ko
Nta ndamyi yasigaye bishiraho
Nuko Nyangezi arababwira,
Ati «simbasha kuroha nka mwe!

Mbona mucuriranya ubudatuza,
 Nkumva nshengurwa n' intimba,
 Nzira gusazira mu bututsi:
 Umuhogo wanjye ugira inda ntoya!
 Icyanje mwampa uruhusa mwese;
 Nk' utwo nsaguye nkatujyana,
 Nkazitondera ku kiraro,
 Nkifatishiriza ibigori!
 Erega na mwe muri abana!
 Nta we uryoherwa aroha bwangu!

Iyo ndi jyenyine nditonda:
 Bampa ingurube nkagira ubwuzu,
 Imbabazi inteye zikaba inyanja,
 Ziruta iza nyina wayibyaye:
 Namwe mwunvise aho bahungu!»

Biniga abangikana na Mbaraga,
 Barushanwa bunguri biratinda:
 Umwe amira intongo akeba umuhore,
 Undi aroha mu nda uko byakaje
 Umwe abira ibuya by' uwo murimo,

Undi amaze kwagirizwa n' impumu!
 Rwiyamirira ngo abigane,
 Aranigwa cyane amarira araza!
 Ubwo arayura yaba imbere ye,
 Ubusa ahasumiye buramubisa,

Afata ikirere akanura amaso:
 Agumya gusamba iramwesura,
 Agugura ku ngiga y' umuhore
 Na we Gitefano ngo amurebe,
 Aratangara arirahira,

Ati «ko wabaye mu bafureri,
 Icyo gihe cyose wize ibihe?
 Nahoze ngira ngo uranyigisha,
 Naho uracyanigwa nk' abatutsi?»
 Bideri ati «wirenganya umwana,

Ibyo kurya ingurube aracyabyiga,
Umaze kurunduka ntakanja:
Ahirika bunguri nka Karisa
Cyangwa akarora Kanyangira
Uko amira avuruganya iyo mihore,

Na we Karisa ati «urabashunga!
Ujya kuba intyoza bigira interuro;
Aba yarabanje kuba mu Rweya,
Cyangwa data se ahegereye,
Nk' uko na we wahoze iwacu!
Akaba nyamunsi iyo mu mparage
Akamira isatura n' amasirabo,
Amafumberi ntayanene!
Yaba atumiriwe nk' ibi birori
Akaroha ingurube nk' uko undeba,

Akarusha isirimu kuhaba ingenzi!»
Kanyagira yanga guhigwa,
Ati «aho Karisa ntiwirata?
Izo washyikiriye ukazigiraho,
Si imiranga ngusagurira,

Jyewe utuye hirya yawe?
Ntiwumvise nk' uko ndatwa,
Kugira ngo mvuruganye iyo mihore?
Dore ngutsinde impaka bareba,
N' ejo utanyuburaho imanza!»

N' uko akwegurira isahani,
Inyama z' ingurube arazigiriza:
Zipfa urufaya rw' itatabya,
Umuhogo ucuratgira ubudatuza,
Usohoza iza mbere muri barohwa

Ugaruka kwenda izo ahirikirayo,
Awugira rwanja, awugira rwaza:
Abakiza bose ngo: «uramutsinze,
Uri umuhanga wo kumiraza!»
Na we Simoni wo mu Mirenge

Ategateganya ibyo yahawe
 Agira n' uwuzu aravumera!
 Uko agira imbabazi akora isahani:
 Arigata ku ntoki hato na hato!
 Abwira Umwami ati «icyo ntegereje,

Urambe umbwiriza uko bigenda!
 Dore Mikayire wo mu Busanza,
 Yize cyane mu bafurere!
 Ararika imihore adahwema
 Yanigwa akungiraranyaho ibindi,
 Akaroha mu nda iyo bikagenda!
 Nguwo umwarimu nkwisabiye:
 Ndumva nshaka kumwigana!»
 Ndora na Fundi wo mu Rusenyi,
 Iyo nyoni ishaje ikiri ishashi
 Izina yaryiswe ko riba muntu
 Ahaga utubondo asa n' agapira!
 Na we Karori ari Rubayiza,
 Ahabura icyicaro yatinze.
 Asaba guhabwa intongo hose:

Umwe akamuvungurira nk' akantu!
 Ingurube isabika udutoki twose!
 Ahawe isabune yo kuyikaraba,
 Ahinda uyizanye n' amazi
 Ati «inzira yose ndibuzirigate

Kuko naje nta gahamba!»
 Rutamu abwira uwo mu Buhanga,
 Ati «usabe imbari z' iyo ngurube,
 Uzifate neza ndibukubwire!
 Amazi ashushye uri ku kiraro,

Bambe ndahoze uri bubirebe!
 Gashugi asubiza abiseka cyane,
 Ati «ibyo anyigisha yibagirwa ukwe:
 Ni jye wabanje kubimotoza!
 None wibutse ubwo buhanga,

Umutsimwa w' ayo mazi se uri he?
N' uko Rwubusisi abirebye,
Yata inzasaya zirakunda,
Inyama ayidonya mu maraka hirya,
Umuhogo urahorahoza biracweza!

Bati «erega urabikorana ubuhanga!»
Ati «ni cyo cyatumye ndondereza!
Mbanza intongo ipfa nkaritsirika,
Igihe ngiteganya iz'imihore!
Bose bamara kurya ibyabo,

Nkabanokeshwa nkayikuza!»
Amiragura nka gatanu Kamari
Aheta umushyishyito w' ikibero,
Yari yabikiye kwikuza!
Uko yakawitoshye mu nkanka,

Isibo y' ingurube ikina mu muhogo!
Urwano narugiriye amakenga,
Ngo biratengukana bijyane,
Inzira yabaye agahombane!
Na we Mukarage arigata ibyuma

Ahinira ku nkokora amashati;
Inzara z' ingurube akazumutsa,
Yanga kuzipfusha akamama;
Aye masahani aranayakomba!
Sinzi uwamubajije aho atwara,

Gacinya asubiza by' ubuvugishwe,
Abihisha cyane abica iruhande!
Ati «urashe icyico ubivuze imvaho
Iryoshye ukwayo ntumubeshye!»
Ryumugabe abwira Kaberuka,

Ati «uko iyo ngurube ifite ikinove
Nayitangira mu gitondo
Bukagoroba maze uruhande!»
Undi ati «ndaguhebye uri akanyanda!
Jye nayanzika mu museso,

Nko mu mashoka inkono nkayeza!»
 Mutegancuro abwira Katabarwa,
 Ati: «ifite aho yandutiye ibitari yo!
 Uyimaze itera umunwa uburyohe,
 Ibyo ukabigendera bigatinda!»

Undi ati «nagira ngo ntiwabibonye!
 Cyane cyane iyo ugize Imana,
 Mu rugo bose bakayinena,
 Ukayibumbaho uri rukumbi!»
 Na we Kanubana ubwe arashega

Agira Munyaneza w' i Buyaga:
 Ati «enda dukomeze turohe mu nda:
 Dore Muganga aributuvure!»
 Undi ati «Muganga uyu w' umuzungu!
 Yandusha ubuhanga bw' ibindi,

Naho ureke ubw' ivutu rinyarwanda!
 Aho nacumbitse mu baturage,
 Naratatishije sinahubutse:
 Ibigega byaho ni bitatu bishya,
 Imisoto nayimenyereye kera!»

Na we Ruhorahoza ngo ayihage,
 Inda ye imusagukira mu menyo!
 Agira Butare uyu Godifiridi,
 Ati «iyi ko ari uburiza turoyeho,
 Izo mu ishyamba birutanwa bite?»

Undi ati «iy' ishyamba ibuzemo itoto
 Igira n' umwuka nk' uw' impongo!
 Imibi yakwaganya wahaze,
 Ukabona utuze urushyambashyamba!»
 Undi ati «enda kora aha ubivuze neza

Iyi yanjyanye agatima kose!»
 Na we Fideli wo mu Bunyambo,
 Ahaza abangamiwe mu maso,
 Ari iby' umuhima ukunda injome,
 Akanga kwica inka ze amabere

Umwami ati «dore uwo Munyambo,
Unennye ingurube tugize Imana!
Amata ari hehe akayagotomera?»
Ibyo abibabwira yica ijisho!
Injome bayitumiza uwo mwanya,

Umufa w' ingurube bawucuriramo
Ngo bamuhereze ntiyareba:
Akubita ku munwa rurumirana,
Twunva abirohana inkubiri,
Bivuga gorogoro mu nkaka!

Biba urusumo umuhogo wose,
Acurira hasi iyo mu kizenga!
Ati: «amata y' ino aruta ay' iwacu!
Muranywe nk' aya aho kurya ingurube
Mwabikomeza mwahumana!»

Giti mu jisho agenda arata,
Inka zahumujwe amata nk' ayo!
Rwigemera ashize inkubiri,
Akora umukandara aradohora,
Agatebe aragashikamira uko ari,

Ati «uwabwira Majoro ijambo!
Wenda atware inka atsotsobe
Agabure Indyoheshabirayi.

Indyoheshabirayi [VIII]

Ingurube ivura inkono kubiha,
Ikagira ubwenge bwo mu bitekwa
Iya rwiganza mu Misiyoni,
Ncyuye indatwa yo mu bibagwa,
Ize mu rusange rw'abadutwara,

Ikunde iratwe muri rubanda!
Ivane intama mu isafuriya
Ikure isake ku isahani,
Ineshe n'inka iyo mu batetsi
Amahene yose ave mu bikari,

Ikube ibyo bihugu ibe icyigenge,
 Ivangwe n'imiteko y'imyaka
 Iyihe kuryohera abanyarwanda.
 Ni Rutsirikabubihe
 Ikabutsura ikabutsinda,

Ikabutsema ikabuhumba!
 Ni Rubumbabatetsi
 Rwikunda ku mbehe,
 Rwiganza ku myunyu
 Rwigenga mu bikari

Ruhatunga burundu
 Rwikebera iyo fasi
 Ikayitunga nk'umwami,
 Ikahabumba itavuguruzwa!
 Ni ruhonjoka gitware,

Rwizihirwa n'ibondo,
 Ni impogazi rubunga
 Ya Rutengeranango
 Imvurugabisogororo
 Ya Rusagasoroli;

Ni inyumba Rwabunga
 Ya Ruvonyezabijumba!
 Ni Ruteturura abagore b'impumbu
 Rutuburira abibutse gucunda,
 Ruhimbaza abakikije ameza,

Rusohoka ku isafuriya isaha isohoye
 Rutavugisha impuha abo yaryoheye mbere,
 Rutetereza abiratana inyama zindi,
 Rusendereza amasahani ukabikunda,
 Rukorerwaho imisango y'isabukuru,

Rutumirirwa abazungu iyo bava,
 Ruteru icyunzwe cy'uburyohe.
 Rwinopforwa n'abahinyura ibindi,
 Rubahaga umubyimba ukaguka
 Rubatera umudigi nk'uwa nyamaturi

Ubwo yaturutiye iz'amashyamba,
Ikaba inaturuka kure h'ishyanga
Ndariyibanje izina ry'ingurube
Izajya iratirwa aho yabazwe:
Yitwa Indyoheshabirayi.

IBITABO N'INYANDIKO ZINDI ZIFASHISHIJWE

Bizimana S Imiterer y'ikinyarwanda I, amajwi, amagambo n'interuro IRST, Butare, 1998

- BIZIMANA, S. (19) Imitere y'ikinyarwanda, amajwi, amagamb, n'interuro, Igatabo Cadiou, Yves, Le kinyarwanda, Etude de morpho-syntaxe, Louvain, BIG, 1985
Cadiou, Yves, Le kinyarwanda, Étude linguistique, Paris, SELAF, 1983
COUPEZ André Abrégé de grammaire Rwanda, BUTARE, INRS, 1980 (2 tomes)
EDITIONS BAKAME, IKIBONEZAMVUGO 2009
GORDON, P. M. (2002) English Grammar for Schools.
<http://www.Inyarwanda.dk>
IGIRANEZA, Theodomir, Ikinyarwanda, ikibonezamvugo, iyigantego, inshoza y'inshinga nyarwanda, Kigali, MINEPRISEC, 1990.
JOVANET, Le Kinyarwanda, langue bantu du Rwanda, étude linguistique, Paris, SELAF, 1983
JOVANET, Modèle informatisé du traitement des tons- domaine bantu, Paris, SELAF 1987s
JOVANET, Prosodologie et phonologie non linéaire Paris, SELAF, 1985
KAGAME, A. Indyoheshabirayi muri <http://WWW.Inyarwanda.dk>
KIMENYI, Alexandre, Relational grammar of Kinyarwanda Los Angeles, 1980
KIMENYI, Alexandre, Tonal grammar of Kinyarwanda, autosegmental and metrical analysis, New York
Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye: (1988) Ikinyarwanda, umwaka wa munani,
MULIHANO, B. (1986) Ibirari by'insigamigani, MINEPRISEC, Kigali
MUTAKE Tharcisse, Imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe, Kigali, IMPRISCO, 1991
MUTAKE, T. (1991) Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo, Imbonerahamwey'itondaguranshinga
NSHIMAMUNGU, Eugène, Systématique verbo-temporaire du Kinyarwanda, Lille, 19...
NTAWIZERA, C. (2007) Uturango tw'umuco nyarwanda mu buvanganzo nyakanwa (inédit)
OVERLUDE, C. M. Apprendre la langue Rwanda, Paris, Mouton, 1975
risanzwe, IMPRISCO, Kigali
TWIRINGIYIMANA, C. (2006) Imiterere y'ikinyarwanda, isomo ry'ikinyarwanda, KIE

Abateguye iki gitabo.....

